
# Imvaho Nshya


*Soma Usobanukirwe Buri Munsi*


N°. 5169 WERURWE 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw Ikiguzi 1000 Frw





AMAKURU
Impamvu ari ngombwa Kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 - Dr. Bizimana

2

AMAKURU
U Rwanda ruhanze amaso ingufu za Nikeleyeri bitarenze 2030

15

UBUZIMA
Uko umugabo yakwita ku mugore we utwite, bigakuza ubwonko bw'umwana

18

MU NTARA
Amajyepfo: Miliyari zirenga 13 Frw zigiye gushorwa mu mushinga Green Amayaga II

27


# Perezida Kagame yanenze abayobozi bakora amakosa bakayasubiramo

ZIGAMA Theoneste

***Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame, yanenze abayobozi bakora amakosa mu nshingano zabo bakongera kuyasubiramo. Avuga ko ari ikibazo gikomeye kandi kidasanzwe ndetse hakwiye gushakwa impamvu ibitera.***

Yabigarutseho tariki ya 23 Werurwe 2026, mu mpanuro yahaye Abayobozi Bakuru muri Guverinom n'ab'Inzego z'ibanze bahuriye mu Nama y'umunsi umwe yiga ku guteza imbere abaturage.

Ikigamijwe muri iyi nama ni ugusuzumira hamwe amwe mu makosa ari mu miyoborere kugira ngo akemurwe, ndetse no kunoza ishyirwa mu bikorwa rya Gahunda ya Kabiri y'Igihugu yo Kwihutisha Iterambere (NST2).

Umukuru w'Igihugu yagaragaje ko bitangaje kuba hari abayobozi bakora amakosa bakongera bakayasubiramo. Yabajije abo bayobozi niba ibyo baganiriyeho bijyanye no kunoza imikorere mu kazi kabo ka buri munsi, ari ubwa mbere babyumvise.

Yagize ati: "Ibi byose byavuzwe ni amakosa asubirwamo buri gihe, kandi akorwa n'abantu bamwe. Abantu bamwe bishobora kuvuga umuntu runaka, cyangwa se bikaba abitwa abayobozi. Niba wari umuyobozi ugakora ikosa ukongera ukarisubiramo haba hari ikibazo, ugomba guhindura."



**Perezida wa Repubulika Paul Kagame yakebuye abayobozi batubahiriza inshingano kubera kwibagirwa**

Yavuze ko ubusanzwe abantu bafite imikorere n'imyumvire itandukanye, ariko igitangaje hari aho usanga umuyobozi asimbura uwakoze ikosa na we yagera mu nshingano agakora amakosa nk'uwo yasimbuye. Ati: "Kuki nasubiramo amakosa mu buryo bumwe nk'ubwo uwo nasimbuye yakoragamo amakosa. Ubwo byumvikana gute?

Yabajije abayobozi ahari ikibazo, ati: "Kiri muri twe nk'Abanyarwanda, dufite ikibazo ki? Kandi uko mwicaye aha mwese, ntabwo navuga ko mutumva inshingano n'ibikwiye kuba bikorwa."

Umukuru w'Igihugu yatanze urugero rw'imishinga, yagaragajwe ijyanye n'igenamigambi rikorwa riba rituzuye. Ati: "Hari ibikorwa bigomba kuba bikorwa iyo bidakorwa ntushobora kugira icyo ugeraho cyangwa uzakigeraho biguhenze pe." Yavuze ko iyo iryo

KOMEZA KU RUP.3

**Mu rubanza ruregamo u Bwongereza, u Rwanda rwahamije kutazaterera abashaka ubuhungiro**



INKURU KU RUP.11

SOMA IMVAHO NSHYA, IGUHE AMAKURU AGEZWEHO BURI MUNSI

# Gutanga serivisi nziza ku batugana ni inshingano – Minisitiri Sebahizi

KAYITARE Jean Paul

***Minisitiri w'Ubucuruzi n'Inganda, Prudence Sebahizi, yavuze ko gutanga serivisi nziza ku baguzi ari inshingano za buri mucuruzi.***

Yabigarutseho ku wa Gatatu tariki 18 Werurwe 2026, ubwo hizihizwaga umunsi mpuzamahanga wo kurengera abaguzi wizihirijwe mu Mujyi wa Kigali mu Karere ka Kicukiro, ku nsanganyamatsiko yagiraga iti: "Ibicuruzwa na serivisi byizewe, icyizere cy'abaguzi."

Minisitiri w'Ubucuruzi n'Inganda, Sebahizi Prudence, yavuze ko u Rwanda ruhagaze neza kuko rufite Politiki yo kurengera umuguzi, ikanagenga ihiganwa ku masoko.

Mu kiganiro yahaye Imvaho Nshya yagize ati: "Gutanga serivisi nziza ku batugana ni inshingano ya buri wese mu Rwanda, mu by'ukuri navuga ko duhagaze neza, yaba ari muri Politiki, mu mategeko ndetse no mu migirire. Ubwo icyaba gisigaye, ni ukureba niba bikorwa nk'uko biteganyijwe."

Paul Mbonyi, Umukozi ushinzwe gahunda mu Muryango uharanira uburenganzira bw'abaguzi mu Rwanda, ADECOR, avuga ko kwizihiza umunsi mpuzamahanga w'umuguzi bigaragaza ko uburenganzira bw'umuguzi ari ingenzi.



Minisitiri w'Ubucuruzi n'Inganda, Prudence Sebahizi, yibukije ko gutanga serivisi nziza ku baguzi ari inshingano za buri mucuruzi

Ati: "Uburenganzira bw'umuguzi bugomba kubahirizwa kuko iyo uburenganzira bwe bwubahirijwe arushaho kwishima, arushaho kudahendwa, ubuzima bwe burabungwabungwa, ibiciro ku isoko byubahiriza amategeko. Kuba uyu munsi wizihijwe mu Rwanda, bivuze ko igihugu cyacu giha agaciro akamaro k'umuguzi mu iterambere ry'ubukungu bw'Igihugu."

Mbabazi Antoinette, Umuyobozi Mukuru w'Agateganyo w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubugenzuzi bw'Ubuziranenge, ihiganwa mu Bucuruzi no kurengera Umuguzi (RICA), yavuze ko hizihijwe umunsi mpuzamahanga wo kurengera umuguzi mu gihe hashize igihe gito mu igazeti ya Leta hasohotse itegeko rivuguruye rikubiyemo ihiganwa mu bucuruzi no kurengera umuguzi.

Avuga ko kimwe mu bigoye umuguzi ari ukumanika ibiciro kw'abacuruzi. Yongeraho ko uburenganzira bw'umuguzi burenze ubuziranenge.

Uburenganzira bw'umuguzi bushingiye ku itegeko kandi bugera ku ngingo 8. Ashimangira ko umuguzi afite uburenganzira bwo kugira amakuru y'ukuri kandi yizewe.

Agira ati: "Ibinyuranye n'ukuri, yaba mu iyamamaza, yaba ku byo wandika ku bicuruzwa cyangwa wamamaza uvuga serivisi ugenera abantu, bigomba kuba ari ukuri.

Iyo binyuranye n'ukuri, ubwabyo bigize icyaha ku buryo igihe umuguzi yabashije kubibona ko yagize ikibazo nk'icyo, itegeko riramurengera."

Ubuyobozi bwa RICA buvuga ko umuguzi afite uburenganzira ku kwigishwa, ibyo kandi nabyo akaba ari inshingano za RICA nk'urwego rwashyizweho na Leta ndetse n'izindi nzego zikurikiranira hafi uburenganzira bw'umuguzi.

Avuga ko mu gihe ku isoko basanze hari ibicuruzwa bitujuje ubuziranenge n'amakuru y'ibinyoma, harimo kuba umucuruzi yasabwa kubikura ku isoko kandi bikamenyekana ko ibyo bintu byakuwe ku isoko.

Ati: "Harimo gusaba umuntu kuba yaguranira umuntu ku gicuruzwa yari yamuhaye kitameze neza, ibyo nabyo tubifata mu rwego rw'igihano. [...] dusanze icyo kintu gifite ingaruka ku buzima bw'umuntu, ntabwo uribumubwire ngo reka tugabanye amafaranga nyuma y'ibyo ngibyo hazamo n'ibihano."

Ubusanzwe umunsi mpuzamahanga wizihizwa tariki 15 Werurwe buri mwaka, ariko u Rwanda rwawizihije ku wa 18 Werurwe.

# Impamvu ari ngombwa Kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 - Dr. Bizimana

KAMALIZA Agnes

***Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu (MINUBUMWE) Dr. Bizimana Jean Damascène yagaragaje ko amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, agomba kuvugwa, akigishwa abato kugira ngo bamenye ivanguramoko n'ubundi bugome bwasenye ubumwe bw'Abanyarwanda bityo bumve akamaro n'agaciro ko gusigasira ubumwe.***

Minisitiri Dr. Bizimana yavuze ko abibwira ko gusigasira ubumwe no kuburinda bijyana no kwibagirwa amateka ari ukwibeshya kuko hatagaragajwe ibimenyetso by'amateka n'impamvu yabyo; abato batajya basobanukirwa impamvu babona Urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi.

Yagize ati: "Ntabwo abato bajya bagera ku Rwibutso ngo basobanukirwe impamvu, nujya ku Gisozi usanga hashyinguye mu cyubahiro imibiri y'Abatutsi barenga ibihumbi 250 harimo abagabo, abagore, abana.

Nujya kuri za Kiliziya usange aho hantu hiciwe Abatutsi wabisobanura ute? Nujya ku kibuga cy'umupira, tuvuge Nyamasheke ahitwa Gashirabwoba bafashe Abatutsi barenga ibihumbi 20 bakabakusanyiriza ku kibuga Leta ikabicisha. Wajya usobanura ute ayo mateka? "

Yongeyeho ko utavuze amateka ya Leta mbi yasenye ubumwe bw'Abanyarwanda kugeza habaye Jenoside yakorewe Abatutsimu 1994 utabona uko usobanura impamvu hari Abanyarwanda birukanwe mu gihugu bakaba impunzi bahorwa ko ari Abatutsi kuva 1959.

Yongeyeho ati: "Utavuze ayo mateka ko habayeho Leta irobanura yafataga bamwe ikabatonesha abandi ikabicisha ikabajugunya mu buhungiro ntabwo hakumvikana impamvu ubumwe bw'Abanyarwanda bwasenyutse, tugomba gukomeza gushyira imbaraga mu kuburinda hashingiwe ku mateka."

Minisitiri Dr. Bizimana yagaragaje ko umusingi w'u Rwanda rwo hambere wari ubumwe ariko bwaje gusenywa n'Abakoloni binjiriye Igihugu mu 1900, bakazana impinduka zatanyije Abanyarwanda bitewe n'intego bashakaga kugeraho.

Yasobanuye ko uko imyaka yagiye yicuma bagiye basenya ubwo bumwe binyuze mu kubyigisha no mu mashuri, bagaragaza uburyo Abanyarwanda atari bamwe, kugera aho bamwe bibacengeyemo batangira kuryana no kwicana.

Ati: "Urumva gusenya ubumwe ukageza aho ufata bamwe ukabigisha kwica abandi kandi bakabimenyera uba wamaze gusenya igihugu."

Yagaragaje ko umugambi w'Abakoloni wo gutanya Abanyarwanda no gutuma baryana bawugezeho ndetse bishimangirwa na Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Minisitiri Dr. Bizimana avuga ko u Rwanda rutaheranwe n'ayo mateka kuko ingabo zahoze ari iza RPA Inkotanyi zatangije urugamba rwo kubohora igihugu ndetse zihagarika Jenoside.

Nyuma yo kuyihagarika Ubuyobozi bwagiyeho bwongeye kubanisha Abanyarwanda, himakazwa ubumwe n'ubwiyunge ndetse n'ubudaheranwa.

Ubushakashatsi bwa Komisiyo y'Ubumwe n'Ubwiyunge bukorwa buri myaka itanu mu 2025, bwagaragaje ko ubumwe bw'Abanyarwanda bugeze kuri 95.3% mu gihe mu 2010 bwari kuri 82.3%.



Minisitiri wa MINUBUMWE Dr. Bizimana Jean Damascène yasobanuye impamvu yo gusigasira amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994





# Madamu Jeannette Kagame yasabye abagore kubaka imiryango ihamye

MUTETERAZINA Shifah

***Madamu Jeannette Kagame yibukije abagore ko bakwiye gutanga umusanzu wabo mu iterambere ry'Igihugu bahereye ku kubaka imiryango ihamye.***

Ni ubutumwa yagejeje ku bagore barenga 2 000 bitabiriye Inama Nkuru ya Gatandatu y'Urugaga rw'Abagore rushamikiye ku Muryango FPR Inkotanyi, yabereye i Rusororo ku Intare Conference Arena.

Yagize ati: "Ubunyarwanda buravukanwa ariko cyane cyane buratozwa, aha ni naho dufite inshingano zikomeye nk'ababyeyi bahekeye u Rwanda, ni gute dutoza abato indangagaciro zindi, tukagira imiryango yubakitse koko kandi tukabuhuza n'iterambere ryacu na za nshingano zacu."

Akomeza agaragaza ko nubwo u Rwanda rukomeje gutera imbere no kubaka ibigwi ku ruhando mpuzamahanga hakenewe uruhare rw'umugore mu kudasubira inyuma.



Madamu Jeannette Kagame yibukije ba Mutima w'urugo ko ari bo shingiro ryo kubaka umuryango uhamye

Ati: "Ibi biradusaba kongera gutekereza ku ruhare rwacu nka ba 'Mutima w'urugo', mu kubaka umuryango uhamye, kuko iterambere ry'Igihugu ritangirira mu muryango, kandi umugore akaba inkingi ikomeye yubaka kandi ikomeza uwo muryango."

Madamu Jeannette Kagame akomeza avuga ko bidakwiye ko ababyeyi bahugira mu bintu bitandukanye ngo bibagirwe umubano wabo n'imiryango yabo kuko umuryango ari wo pfundo rya byose.

Ati: "Mu Kinyarwanda tugira umugani mwiza uvuga ngo Uburere buruta ubuvuke, ntabwo twavuga iterambere ry'Igihugu tutavuze umuryango uhamye kuko ari wo shuri twese tubanza kunyuramo kandi tugakomeza kuwutorezwamo.

Yongeyeho ati: "Nubwo umugore atari ushobora byose ariko uruhare rwe nk'umusingi w'umuryango nta kindi twarusimbuza. Ibihe turimo by'iterambere ryihuta muri byose cyane mu ikoranabuhanga bituma hari imiryango igaragara nk'itagifite ubushobozi bwo kubaka n'ubusabane hagati y'abana n'ababyeyi."

Iyo nama yitabiriwe n'abasaga 2 000 bibumbiye mu rugaga rw'abagore rushamikiye ku Muryango wa FPR Inkotanyi aho igaruka ku nsanganyamatsiko igira iti 'Umugore, umusingi w'Umuryango', igaruka ku ruhare rw'abagore mu kubaka umuryango.



Abagore basaga 2 000 bitabiriye inama ya 6 y'Urugaga rw'abagore rushamikiye ku Muryango FPR – Inkotanyi

# Perezida Kagame yanenze abayobozi bakora amakosa bakayasubiramo

IBIKURIKIRA URUP.1

genamigambi ridakozwe neza bituma hari gahunda z'igihugu zidindira. Ati: "Ntushobora gukora ibintu utateguye ngo ugire icyo ukuramo gikwiriye."

Umushinga w'umugezi w'Umuvumba waradindiye

Umukuru w'Igihugu yagarutse ku mushinga w'umugezi w'Umuvumba wadindiye. Yanenze abayobozi bagombaga kunoza ibikorwa bijyanye no gutunganya uwo mushinga ariko bikaba bitarashyizwe mu bikorwa uko byari biteganyijwe.

Ni ibikorwa byari bikubiyemo gahunda yo kuhira no gutanga amazi. Yanenze abayobozi batakurikiranye ishyirwa mu bikorwa by'uwo mushinga.

Perezida Kagame yabajije impamvu uwo mushinga wadindiye, Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba, Pudence Rubingisa yemeye ko hari igenamigambi ritanogejwe kuri uwo mushinga, kuko hakozwe ibijyanye no kuhira, ariko abayobozi bibagirwa guha abaturage amazi.

Perezida Kagame yamubajije ati: "Umuntu yibagirwa ate? Ni ukuvuga ko iyo haba harimo umushinga umwe hari icyo mwari kwibagirwa? Ubu ibyo mwavuze mu migambi mishya, ibyo na byo kwibagirwa mugiye kubicikaho."

Guverineri Rubingisa yabwiye Perezida Kagame ko basanze harabayeho uburangare kuri uwo mushinga ndetse n'igenamigambi ryari kuwugendaho ntiryateganywa ariko muri iyo nama y'Abayobozi biyemeje kubikosora.

Ati: "Ibyo byaribagiranye (kugeza amazi ku baturage) bivuze ko n'ingengo y'imari ibigendaho ntiyabonetse, bisaba ko twongera guteganya aho iva, ariko Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, kutavugana (abo uwo mushinga ureba) biri mu byo twinenze, hari ukutavugana n'inzego zihuriye kuri uwo mushinga ndetse n'umuturage azahabwa umwanya atange ibitekerezo bye."

Umukuru w'Igihugu yabajije Guverineri Rubingisa n'abayobozi niba ari ubwa mbere bumvise ko gukorana bifite akamaro, ashimangira ko we abizi kuva mu myaka 30 ishize. Ati: "Ubu mwaraje hano muraganira ni bwo mwabyibutse ko ibyo bigomba gukorwa? Ubu mve aha nizeye ko ubwo mwabiganiriye mukabivuga noneho koko bigiye kuba?"

Perezida Kagame yavuze ko buri muyobozi akwiye guhindura ikintu cyose gituma agwa mu makosa aho gukomeza asaba imbabazi, ndetse ananenga n'abayobozi bibagirwa ibyo bagomba gukora kandi bakanirengagiza gukorana n'abandi ngo bashyire mu bikorwa ibyo igihugu kiba kiyemeje gukora.

Uretse uyu mushinga w'umugezi w'Umuvumba wadindiye, Perezida Kagame yanagarutse ku bikorwa byadindiye mu mujyi wa Kigali, agaruka kuri serivise mbi zihabwa abaturage hirya no hino mu gihugu no ku bayobozi batita ku bo bayobora. Yasabye abari muri iyi nama ko bagomba guhindura imyitwarire kandi bakamenya ibibazo byose biba biri aho bayobora bigakemurwa neza kandi ku gihe.



Abayobozi mu Nzego z'Ibanze no mu Nzego nkuru za Guverinoma bashimye impanuro bahawe n'Umukuru w'Igihugu, biyemeza kwikosora



Perezida Paul Kagame yasobanuriye abo banyeshuri urugendo rw'iterambere ry'u Rwanda mu myaka 32

# U Rwanda, isomo rikomeye ku biga muri Kaminuza ya Havard

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Muri uku kwezi kwa Werurwe 2026, u Rwanda rwakiriye abanyeshuri babarirwa muri 41 baturutse muri Kaminuza ya Havard yo muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika baje mu rugendoshuri rw'icyumweru, rwiswe Havard-Rwanda Trek 2026.***

Ni urugendoshuri rwitabiriwe n'abaturutse mu Ishuri Rikuru rya Havard Kennedy, rimwe mu mashuri ya Kaminuza ya Havard, hamwe n'abo mu Ishuri Rikuru ry'Amategeko na Dipolomasi rya Fletcher ryo muri Kaminuza ya Tufts, rwasojwe no kwakirwa na Perezida wa Repubulika Paul Kagame.

Mu biganiro bagiranye, Perezida Kagame yagarutse ku iterambere ry'u Rwanda mu myaka 32 ishize aho yibanze ku miyoborere myiza kandi ibazwa inshingano, kubaka ibigo bikomeye no gushora imari mu kiragano gishya cy'abaturage, himakazwa gahunda y'ukwigira kwabo.

Urundi ruzinduko ruheruka rwabaye muri Werurwe 2025, rwitabiriwe n'abanyeshuri barenga 30 baturutse mu Mashuri Makuru ane agize Kaminuza ya Harvard, ari yo Ishuri Rikuru ryitiriwe Kennedy, Ishuri ry'Ubwenjenyeri na Siyansi, Ishuri Rikuru ryigisha Design ndetse n'iry'Ubucuruzi.

Ku Rwanda ni amahirwe y'ubukerarugendo bushingiye ku burezi no kurushaho kugaragariza abayobozi b'ejo hazaza urugendo rwo kwiyubaka n'iterambere ryagezweho nyuma yo guhagarika Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 no kubohora u Rwanda.

Kuri aba banyeshuri, ni rimwe mu masomo akomeye babona ku Rwanda nk'igihugu kivuga ururimi rwo kwiyubaka no kwishakamo ibisubizo ruvuye ku busa, rukaba rufite icyerekezo cyo kuba mu bihugu byateye imbere mu myaka 50 gusa.

Mu byo baganirizwa harimo umutekano, iterambere ry'ubukungu, n'imbaraga zishyirwa mu kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside mu gihugu, mu Karere no ku Isi yose.

Bibonera inkuru nyazo z'urugendo rw'ubumwe n'ubwiyunge bakura mu baturage, bakicarana na ba rwiyemezamirimo bahanze udushya tuyoboye urugendo rw'Igihugu rwo kubaka ubukungu bushingiye ku guhanga udushya mu ikoranabuhanga, harimo no gusura ibikorwa by'ikigo Zipline mu Rwanda.

Aba banyeshuri baza banyotewe no gusobanukirwa byinshi ku mateka y'Igihugu, uko cyongeye kwiyubaka gihereye ku busa ndetse no guharanira kwigira kubera imiyoborere myiza irangajwe imbere na Perezida Paul Kagame.

Urwo ruzinduko kandi rushimangira umwanya u Rwanda rukomeje kugira mu ruhando mpuzamahanga nk'igicumbi cy'uburezi butegura abayobozi b'ejo hazaza bubaka iterambere birinda icyarihungabanya.

# Abayobora Ikigega cy'u Bushinwa barashaka aho bashora imari mu Rwanda

**ZIGAMA Theoneste**

***Minisitiri w'Intebe Dr. Justin Nsengiyumva yakiriye itsinda ry'intumwa z'Ikigega Silk Road Fund cy'u Bushinwa, riyobowe n'umuyobozi wacyo Zhu Jun, bagirana ibiganiro ku mahirwe ashoboka y'ishoramari mu Rwanda.***



Intumwa z'Ikigega Silk Road Fund cy'u Bushinwa zaje mu Rwanda kureba ahari amahirwe yo gushora imari

Ibiganiro byibanze ku nzego z'ingenzi zirimo ubuzima, ingufu, uburezi n'ubuhinzi, aho impande zombi zaganiriye ku buryo bwo kurushaho guteza imbere ubufatanye mu bukungu no gushyigikira gahunda z'iterambere ry'u Rwanda.

Iri tsinda kandi ryahuye na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi, Yusuf Murangwa, bakaba bagiranye ibiganiro byibanze ku mahirwe y'ishoramari mu nzego z'ingenzi zirimo ingufu n'ibikorwa remezo, ikoranabuhanga n'ibikorwa remezo byaryo, uburezi n'ubuzima, inganda zitunganya umusaruro ndetse n'ubuhinzi, hibandwa ku gusigasira iterambere rirambye.

Iri tsinda kandi ryahuye n'Umuyobozi Mukuru w'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Iterambere (RDB) bagamije kurushaho gusuzuma inzego bafatanyamo kubona inyungu no gushimangira ubufatanye mu ishoramari.

Ikigega Silk Road Fund cyashinzwe mu 2014, kiba ari ikigega cya Leta y'u Bushinwa kigamije gushyigikira imishinga iri muri gahunda yiswe Belt and Road Initiative igamije kubaka ibikorwa remezo.


U Bushinwa ni cyo gihugu cya mbere mu gushora imari iturutse hanze mu Rwanda. Mu 2024, RDB yatangaje ko ishoramari ryaturutse hanze ryageze kuri miliyari 3.2 z'Amadolari ya Amerika.

Mu bihugu byashoye imari nyinshi mu Rwanda, u Bushinwa bwashoye miliyoni 460 z'amadolari ya Amerika bingana na 14.1%, bukurikirwa n'u Buhinde na miliyoni 445.1 z'amadolari ya Amerika, Leta Zunze Ubumwe za Amerika (USA) miliyoni 442.3 z'Amadolari na Nigeria yinjije miliyoni 313 z'Amadolari ya Amerika.

# Mufti Sheikh Sindayigaya yasabye Abayisilamu gukomeza kurangwa n'ibikorwa byiza

**MUTETERAZINA Shifah**

***Mufti w'u Rwanda Sheikh Musa Sindayigaya yasabye abayisilamu gukomeza kurangwa n'ibikorwa byiza nubwo basoje igisibo cy'ukwezi gutagatifu kwa Ramadhan.***



Mufti w'u Rwanda Sheikh Sindayigaya Musa yasabye Abayisilamu gukomeza kurangwa n'ibikorwa byiza na nyuma y'igisibo cya Ramadhan

Ni bimwe mu bikubiye mu butumwa yatanze ku wa 20 Werurwe 2026, mu isegesho ryo gusoza uko kwezi ibizwi nka Eid al Fitr ku bayisilamu ku rwego rw'Igihugu byabereye i Nyamirambo kuri Pele Stadium ahakoraniye abasaga ibihumbi 27.

Mufti Sheikh Sindayigaya yabwiye Abayisilamu ko igisibo bari bamazemo ukwezi ari nk'ingando cyangwa umwiherero bityo bikwiye kubafasha gukomeza gukora ibyiza.

Ati: "Kuba tugisoje ntabwo tugomba guhagarika ibikorwa byiza, ntitugomba guhagarika gusenga, gufasha abatishoboye, ahubwo umunyabwenge agikuramo imbaraga."

Yakomeje agira ati: "Ibikorwa byiza ni ibikorwa bikomeza, ntabwo ari ibikorwa bihagararira aho ngaho, kabone nubwo byaba ari bike ariko bigakorwa mu buryo buhoraho."

Eidil Fitri ni Isengesho rikorwa ubwo Abayisilamu baba basoje igisibo cy'ukwezi gutagatifu kwa Ramadhan gufatwa nk'inkingi ya kane mu nkingi zubakiyeho idini ya Isilamu, ikaba yarategetswe buri muyisilamu kugira ngo n'uwishoboye yumve uko inzara iryana bityo ajye afasha abatabonye amafunguro atinuba.

**Urugendo rutagatifu rw'Abayisilamu muri Arabia Saoudite rurakomeje**

Mufti Sindayigaya kandi yatangaje ko nubwo mu Burasirazuba bwo hagati hari umutekano muke imyiteguro y'abifuza gukora umutambagiro mutagatifu usanzwe ubera muri Arabia Saudite, i Makkah, ikomeje kuko nta mpinduka ziratangazwa.

Nyuma y'igisibo cy'ukwezi gutagatifu kwa Ramadhan Abayisilamu babyifuza barakomeza bagasiba iminsi itandatu mu rwego rwo guherekeza ukwezi kwa Ramadhan no gukomeza gukora ibyiza bishingiye ku kwigomwa.





# Rubavu - Rugerero: Imyato ku byiza byo gutura mu Mudugudu



Umudugudu wa Muhira mu Murenge wa Rugerero, watujwemo abahoze batuye ahashyira ubuzima bwabo mu kaga (Ifoto: Olivier Tuyisenge)

**KAYITARE Jean Paul**

***Imyaka 20 irashize Leta ishyizeho gahunda yo gutuza abaturage mu Mudugudu. Ni gahunda yahinduye ubuzima bwa benshi biturutse ku bikorwa remezo begerejwe birimo amashuri, serivisi z'ubuzima, udukiriro, abandi bakora imishinga ibateza imbere.***

Imvaho Nshya yasuye abaturage bo mu Murenge wa Rugerero mu Karere ka Rubavu mu Ntara y'Iburengerazuba, ahatujwe abahoze batuye ahashyira ubuzima bwabo mu kaga. Bavuga ibyiza byo gutura mu Mudugudu nk'ipfundo ry'iterambere kuri bo.

Abatuye mu Mudugudu w'Icyitegererezo wa Muhira kuva mu 2023, wuzuye utwaye amafaranga arenga miliyari 18. Bavuga ko bafite isoko ryiza rigezweho, Irerero, inzu z'ubucuruzi, amazi, amashanyarazi n'ibindi bikorwa remezo bibafasha kwihutisha iterambere ryabo.

Nyabyenda François agira ati: "Hano nta bucuruzi twagiraga, wabonaga nta cyerekezo gihari ariko ubungubu urabona agakiriro, imirimo yarabonetse."

Uwamungu Fabien ahamya ko gutura mu Mudugudu wa Muhira byabahinduriye ubuzima kuko icyo gihe bari aborozi b'amatungo magufi ariko ubu baracuruza. Agira ati: "Naguze ubundi butaka izo ni izindi ngurane, nubaka inzu z'ubucuruzi, nubaka n'iyanjye yo kubamo ku buryo umuyobozi uwo ari we wese yaza akayicaramo, akayishimira."

Mu buhamya bwa Mukabasesayabo Domina, agira ati: "Aho nari ntuye narakodeshaga, ejo nkimuka, ejo nkongera nkimuka kubera kubura amafaranga y'ubukode ariko ubungubu nabonye aho kuba n'umuryango, ndicaye ndatuje. Mfite umuryango w'abana 3 kandi n'imibereho nta kibazo kuko tujya gushakisha tukabona ikidutunga ariko tugataha mu nzu zacu."

Mukoshinkindi Marie Rose na we wasigaye ari umupfakazi udafite inzu ariko ubu Leta ikaba yaramutuje ahantu heza. Ati: "Umugabo yamaze gupfa birangora nta nzu dufite, ntekereza imibereho ngiye kubaho noneho twimukiye aha mbona inzu. Ndabishimira cyane Leta yacu itekerereza buri muturage ku mibereho ye. Ubu imibereho yarahindutse, ya mafaranga najyaga nshakisha ngo ntange ku bukode ubu arafasha umwana wiga, imibereho yarahindutse nta kibazo."

Amabwiriza ya Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu yasohotse ku wa 30 Kamena 2025 yerekeye gutuza abantu asimbura ayo mu 2017 yateganyaga ko uburyo bwo gutuza abaturage ku ruhande rwa Leta ari ukububakira inzu zikaba izabo.

Mu mabwiriza mashya, ateganya uburyo 3: Guha umuturage inzu ikaba iye burundu, kuyitizwa mu gihe runaka yazagira ubushobozi akayivamo hamwe no kujya ayikodesha na Leta ku mafaranga ajyanye n'ubushobozi bwe.

Umuyobozi Mukuru ushinzwe Igenamigambi n'Ikurikiranabikorwa muri MINALOC, Ingabire Jean Claude, avuga ko Leta ifite inshingano zo kwita ku baturage cyane cyane harebwa ku mutungo udahinduka ari wo w'ubutaka kandi ugakoreshwa neza.

Ati: "Iyi gahunda ni iyo gufasha abaturage gutura neza ariko harimo no gukoresha ubutaka neza. Kubatuza neza, bakabona iby'ibanze bakeneye, bakabona ibikorwa remezo bibafasha mu buzima bwa buri munsi. Ni gahunda yo gutuza abantu, kubakura ahashyira ubuzima bwabo mu kaga ariko no kuba abaturage bagezwaho na serivisi mu buryo bworoshye, ni yo ntego nyamukuru."

Ingabire avuga ko gutuza Abanyarwanda nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 bigomba gutandukana n'uburyo bikorwamo uyu munsi. Asobanura ko icyo gihe ikihutirwaga byari ugutanga icumbi kugira ngo umuntu abone aho aba.

Akomeza agira ati: "Icyo gihe ntabwo twagiraga ibishushanyombonera, ubu turabifite. Nubwo imikoreshereze y'ubutaka yagombaga kwitabwaho ariko icyo gihe ntabwo ari cyo cyihutirwaga, intego byari ukwita ku buzima bw'Umunyarwanda wagize ibibazo agatakaza icumbi akaba akeneye kubona icumbi."

Yongeyeho ati: "Uyu munsi twishimira ko Uturere 27 dufite ibishushanyombonera uretse 3, bishatse kuvuga ngo no gutuza Umunyarwanda no kugira ibikorwa by'iterambere dukora bifite umurongo, bitandukanye n'igihe cyashize. N'uwatuye mu gihe tutari twakagize igishushanyombera, Leta ifite inshingano zo kumurebera uburyo abaho. Ntabwo twabona umuntu ubura ijoro rimwe ngo imvura imusenyere cyane ko turi mu bihe by'imvura ngo tumureke, tugomba kumufasha, ni ko kuba ku isonga."

MINALOC igaragaza ko gukurura itiyo y'amazi agezwa ku muturage umwe, nta genamigambi ririmo ahubwo ko abaturage bagomba kuba batura ahantu hamwe ku buryo n'ibikorwa remezo byorohera Leta kubigeza ku baturage, cyane ko ngo n'iyo ibikorwa remezo bigejejwe ku baturage n'ubuzima buhinduka.

Gutura abantu bari hamwe byoroshya n'ibindi bikorwa by'iterambere ariko n'igihe abaturage bakenewe n'ubuyobozi baboneka ku buryo bworoshye ndetse ngo n'igihe bahuye n'ibibazo ubuyobozi buba bubegereye bukafasha.

Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu igaragaza ko yatangiye umushinga wo gufata ahantu abaturage batuye mu kajagari, hagatunganywa, abari bahatuye bakongera bakahatuzwa ibyo bigakemura ikibazo cy'umuturage wasize ubutaka hirya agatuzwa aheza ariko bikanamufasha gukurikirana ibikorwa bye yari asanzwe akora kandi binamubeshejeho.

Ingabire, Umuyobozi Mukuru ushinzwe igenamigambi n'ikurikiranabikorwa muri MINALOC, yerekana ko umuturage wari usanzwe afite inzu irenze imwe, iyo abantu bayihaye agaciro bakabona akwiye guhabwa inzu ebyiri azihabwa.

Ati: "Abo ni bo mubona dufite Mpazi, Nyabisindu irimo kubakwa no mu zindi Ntara bizagerayo ku buryo biba ari uburyo busobanutse bwo gutuza abantu."

Mu Rwanda habarurwa Imidugudu 126 irimo iyujuje ibisabwa igera ku 10 (IDP) kandi hagaragara gahunda zitandukanye zigera kuri 11 zirimo; uburezi, ubuzima, imishinga iteza imbere abatuye mu Mudugudu, n'ibindi. Izo serivisi zose zikahaboneka.

Icyakora MINALOC ivuga ko hari indi Midugudu igifite urugendo rwo kuba iy'icyitegererezo, nk'iyo mu Kinigi na Rugerero.

UBWANDITSI

# Abahoze muri FDLR biboneye amateka y'u Rwanda bahishwe bakiri mu mashyamba ya Congo

***Abahoze mu mitwe yitwaje intwaro mu mashyamba ya Congo irwanya u Rwanda, cyane cyane FDLR, bari mu cyiciro cya 76 bagera kuri 250 bamaze amezi asaga atatu batozwa kandi bigishwa gahunda zo gusubira mu buzima busanzwe, basuye Urwibutso rwa Jenoside rwa Kigali ndetse n'Inzu Ndangamateka yo guhagarika Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.***

Ni ku nshuro ya mbere iki gikorwa cyo gusura Urwibutso rwa Kigali kibaye nubwo Komisiyo ishinzwe gusezerera no Gusubiza mu Buzima busanzwe abari Abarwanyi (RDRC) imaze gusezerera ibyiciro 75 bigizwe n'abahoze ari abarwanyi barenga 13 000.

Imwe mu mpamvu ni uko abagize icyiciro cya 76 abenshi ari urubyiruko rwavukiye mu mashyamba ya Congo, ndetse bamwe bakaba baravutse ku babyeyi b'abarwanyi ba FDLR. Ibi bisobanuye ko bakuriye mu ngengabitekerezo y'urwango rwo kwanga Umututsi no guhakana Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Maniraguha Jean De Dieu wari ufite ipeti rya Suliyetona (Sous Lieutenant) wavuze mu izina ry'abandi, yagize ati: "Abenshi muri twe twavutse nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, nanjye ubwanjye ubahagarariye Jenoside yabaye mfite amezi 9, mu by'ukuri aya mateka sinari nyazi."

Yakomeje agira ati: "Abayobozi bacu mu mitwe ya FDLR batubwiraga ibitandukanye n'ibi cyane ko mu byo abayobozi bacu batubwiraga ijambo Jenoside batarikoreshaga ahubwo bavugaga ko abantu bicanye cyane cyane Abatutsi bishe Abahutu.

Twishimiye ko tumenye ukuri nyakuri kw'amateka y'Igihugu cyacu. Ibyo batubwiraga ko byabayeho ntibyabaye kandi ibyo batubwiraga ko bitabaye byarabaye, twiboneye ko Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yabaye kandi ikoranwa ubugome bwinshi bw'indengakamere."

Yakomeje agira ati: "Twishimiye kuba natwe tugiye kwifatanya n'Abanyarwanda kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 twe ari ku nshuro ya mbere mu gihe abandi bazaba bibuka ku nshuro ya 32. Twahakuye amasomo yo kurwanya abahakana n'abapfobya Jenoside tubabwiza ukuri kuko hari abagendera mu kigare n'ubuyobe kubera kutamenya amateka."



Abahoze muri FDLR mu mashyamba ya RDC bahishuye ko bahishwe ukuri ku mateka y'u Rwanda

Mu butumwa bwe, Valerie Nyirahabineza, Umuyobozi wa RDRC, yagize ati: "Mwamenye ukuri uko kuri mukomeze mukubwire bose kandi mukomeze gushishikariza abakiri mu mashyamba gutahuka, ndabasaba ko mwakwifatanya n'Abanyarwanda mu minsi iri mbere kwibuka ku nshuro ya 32 nubwo kuri mwebwe azaba ari inshuro ya mbere."

Mu gihe kirenga imyaka 20, Guverinoma y'u Rwanda yakomeje igikorwa gikomeye ariko gifite intego isobanutse cyo guhindura abahoze ari abarwanyi bakaba abaturage bibona mu buzima busanzwe bw'igihugu. Kugeza ubu, abarenga 13 000 bahoze mu mutwe w'iterabwoba wa FDLR n'indi mitwe yitwaje intwaro bamaze gutaha no kongera kwinjira mu muryango nyarwanda.

Kuva mu 2001, abahoze muri FDLR bagiye binjira mu nzego zitandukanye z'ubuzima bw'Igihugu. Bamwe binjiye mu Ngabo z'u Rwanda abandi babaye abahinzi, abarimu, abanyamategeko, abacuruzi n'abikorera.

**Gusubiza mu buzima busanzwe si amagambo gusa ni ukuri kugaragarira buri bese**

FDLR yashinzwe mu mwaka wa 2 000 isimbura ALIR yari imaze gushyirwa ku rutonde rw'imitwe y'iterabwoba nyuma yo kwica ba mukerarugendo b'Abanyamerika, Abongereza na Nouvelle Zelande mu ishyamba rya Bwindi muri Uganda. FDLR yubakiye ku nkingi eshatu: politiki, igisirikare n'idini. Iyi nkingi ya gatatu akenshi ntivugwa cyane, nyamara ni yo yagize uruhare rukomeye mu gutuma uwo mutwe ukomeza kubaho.

Muri FDLR, idini ntirikoreshwa nk'ukwizera nyakuri, ahubwo rikoreshwa nk'igikoresho cyo kugenzura abantu nk'uko abitandukanya na yo babihamya. Ryaheshaga ubwicanyi ishusho yo kuba bwemewe, rikemeza ububabare, kandi rikagira ibikorwa by'ubugizi bwa nabi nk'aho ari ubutumwa bw'Imana.

Abahoze ari abarwanyi basuye Urwibutso rwa Jenoside rwa Kigali bavuga ko idini ryakoreshwaga nk'igikoresho gikomeye cyo kubashuka. Babwirwaga ko barwana intambara yera. Iyo imiryango yabo yabashishikarizaga gutaha, abayobozi bakomezaga kubayobya babizeza mu izina ry'Imana ko bazahabwa amasambu n'inzu mu Rwanda "bazatsinda".

Ayo masezerano yitwaga ubuhanuzi, kandi kugeza n'ubu hari abagifite icyizere cyayo nubwo hari ibihamya byinshi bigaragaza ko kidafite ishingiro. Kuri benshi, amezi atatu bamara i Mutobo aba ari nk'igitangaza kuko abafasha gusobanukirwa ukuri.

Bose bemeza ko iki gikorwa cyo gusura Urwibutso rwa Jenoside rwa Kigali n'Ingoro igaragaza uko Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yahagaritswe byaje bishimangira inyigisho bahabwa mu Kigo cya Mutobo. Biyemeje kuba abavugizi b'ukuri kuko bemeje ko babeshywe igihe kirekire.





Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

## Ijambo ry'Ibanze

### *Uruhare rw'imyitwarire y'Urubyiruko ku hazaza h'Igihugu*

Mu gihe u Rwanda rukomeje kwihuta mu rugendo rw'iterambere, urubyiruko rufatwa nk'imbaraga z'igihugu n'inkingi ya mwamba y'ahazaza harambye. Nk'uko Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR) kibigaragaza, urubyiruko rugize 65% by'abaturage bose, bityo nta kabuza imyitwarire yarwo ifite uruhare rukomeye mu kugena icyerekezo n'ahazaza h'igihugu.

Turi mu kinyejana cya 21, igihe Isi ifite umuvuduko udasanzwe mu ikoranabuhanga, mu bucuruzi no mu zindi nzego zose z'iterambere. Uyu muvuduko utuma kwibeshya mu mitekerereze cyangwa mu myitwarire bishobora gusiga ingaruka z'igihe kirekire, ku muntu ubwe, ku muryango ndetse no ku gihugu. Ni ikinyejana cyuzuyemo amahirwe menshi, ariko nanone cyuzuyemo ibirangaza byinshi bishobora kuyobya urubyiruko.

Imbuga nkoranyambaga, ibiyobyabwenge, ubunebwe n'imyitwarire idahesha agaciro byuzuye isi muri rusange. Ibi byose n'ibindi nk'icuruzwa ry'abantu, ubucuruzi bushingiye ku gitsina, intambara hirya no hino ku isi, usanga urubyiruko ari rwo rubarizwa muri ibyo byose ku kigero cyo hejuru ugereranyije n'ibindi byiciro by'abantu. Urubyiruko rero rurasabwa kuba maso kugira ngo rubashe gutsinda ibyo bibi byose bityo ejo hazaza hazabe hubakiye ku musingi ukomeye.

Zimwe mu ndangagaciro u Rwanda rwubakiyeho harimo gukunda igihugu, ubumwe, kirazira no gukunda umurimo; Urubyiruko rugomba guharanira no kugendera kuri izi ndangagaciro. Kwirinda amacakubiri, guharanira ubuzima buzira umuze, no guteganyiriza ejo hazaza ni inshingano z'urubyiruko. Abantu bose ku Isi bakunda ibyiza: kubaho batekanye, bafite ubuzima buzira umuze, umuryango uzira amakimbirane. Ibyo byose ni byo urubyiruko rw'u Rwanda rugomba gusigasira.

Urubyiruko kandi rufite inshingano zo kwitwararika ku mwanya rufite, kugira ngo rutazisanga mu zabukuru rwarapfushije igihe ubusa. Kwiga, gukoresha ikoranabuhanga, guhanga imirimo, kwita ku buzima n'isuku, byose bigomba kujyana no guharanira ubumwe n'indangagaciro z'Abanyarwanda.

U Rwanda rufite icyerekezo 2050: *Kuba igihugu kiri mu bikize ku isi.* Icyo cyerekezo nticyagerwaho hatabayeho urubyiruko rufite imyitwarire iboneye. Ni ngombwa cyane ko urubyiruko rukura amaboko mu mifuka, rugahanga ibishya mu bucuruzi, ikoranabuhanga, ubuzima, ubuhinzi, ubworozi, imyidagaduro ndetse no mu bindi byiciro byose by'imibereho y'igihugu. Ariko byose bigashingira ku ndangagaciro na kirazira by'umuco w'u Rwanda, bityo rukaba inkingi ya mwamba y'ejo hazaza.

**Ubwanditsi**

# Urubyiruko rwibukijwe uruhare rufite mu kubaka u Rwanda




Abagize Komite Nyobozi y'Urugaga rw'Urubyiruko batorewe mu Nama Nkuru y'Urubyiruko rushamikiye ku Muryango FPR Inkotanyi

KAYITARE JEAN PAUL

***Urubyiruko rw'u Rwanda rwasabwe guharanira kuba urubyiruko rufite intego, kandi rufite umutima wo gukunda Igihugu, kucyitangira no ku kirwanira cyane cyane hifashishwa uburyo bwose cyabahaye.***

Visi Perezida wa mbere w'Umuryango FPR Inkotanyi Madamu Uwimana Consolee, yarusabye kubigeraho by'umwihariko hifashishijwe ikoranabuhanga mu Nama Nkuru ya 6 y'Urugaga rw'Urubyiruko rushamikiye ku Muryango FPR Inkotanyi.

Yagize ati: "Urubyiruko muri imbaraga z'Igihugu zubaka kandi vuba. Turifuza ko ibyo biva mu mvugo bikajya mu ngiro…"

Iyo Nama Nkuru yateranye tariki ya 22 Werurwe 2025, yasigiye urubyiruko impamba ikomeye by'umwihariko ku birebana no kubaka u Rwanda rwifuzwa n'Abanyarwanda.

Hatanzwe ikiganiro cyari gifite insanganyamatsiko igira iti "Rubyiruko, twubake u Rwanda twifuza", cyatanzwe na Rwiyemezamirimo Benurugo Cesar, Umuganga mu Bitaro bya Kabgayi Dr. Eden Gatesi na Rwagasani Braddock Le Sage, Umwanditsi akaba n'Umuyobozi w'Umuryango "BENIRAGE".

Benurugo Cesar, umwe mu bagitanze yagaragaje ko amahirwe Igihugu giha urubyiruko akwiye kurutera imbaraga zo gukomeza gukora cyane no kwiteza imbere. Yavuze kandi ko guhanga umurimo bisaba igitekerezo gusa, ariko kugera ku ntego bigasaba imbaraga no kudacika intege.

Dr. Eden Gatesi na we yavuze ko ubuzima ari bwo shingiro ry'iterambere ry'Igihugu, ashishikariza urubyiruko kwirinda ibiyobyabwenge, ibigare bigansha mu mico itari myiza, ndetse no kugira isuku y'imbere mu mubiri no hanze.

Rwiyemezamirimo akaba n'Umwanditsi, Rwagasani Braddock Le Sage, yavuze ko urubyiruko ari rwo maboko y'ahazaza h'u Rwanda kandi ubuzima bwiza bwarwo ari yo zahabu y'Igihugu, bityo ko rugomba kwirinda ibiyobyabwenge kuko umubiri byagiyemo, uwakoze ibikorwa bibi, udashobora kubyara umuntu muzima.

Ati: "Urubyiruko mwebwe imbere muri mwe harimo imbuto z'u Rwanda. Mu rubyiruko uyu munsi ni twe tuzabyara abakurikira, ni ho habitse ingabo, abayobozi, abaganga, abantu bose dutekereje babitse muri twe abakiri bato. Nta handi hantu tuzakura Abanyarwanda uretse muri twebwe."

Rwagasani Braddock Sage yabwiye urubyiruko ko guterwa ishema no kuvanga ururimi rwacu n'izindi ndimi bidakwiye kuko bituma rutakaza umwimerere warwo. Yashimangiye ko urubyiruko u Rwanda rwifuza ari uruteza imbere ururimi rwabo rw'Ikinyarwanda.

Uwihanganye Jean de Dieu, Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ibikorwa remezo wakurikiye ikiganiro cyatanzwe n'urubyiruko ku kubaka u Rwanda rwifuzwa n'Abanyarwanda, we yatanze ubutumwa bwerekeye isuku. Yavuze ko yigeze kugenda mu modoka itwara abagenzi mu buryo rusange Kigali-Huye, irimo umuntu ukiri urubyiruko utakarabye, afite impumuro ibangamira abari mu modoka, asaba urubyiruko kugira isuku.

Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ubuzima, Dr. Yvan Butera we yagarutse ku kibazo cy'ibiyobyabwenge birimo inzoga z'inkorano zitujuje ubuziranenge kandi gikomeje kugira ingaruka ku buzima bw'Abanyarwanda by'umwihariko urubyiruko, arusaba kubigendera kure.

Umunyamabanga Mukuru wa RPF Inkotanyi, Christophe BAZIVAMO, na we yasabye urubyiruko gutanga urugero rwiza mu muryango nyarwanda arwibutsa gukoresha ikoranabuhanga n'imbuga nkoranyambaga mu buryo butanga umusaruro.

Yarwibukije ko rufite amahirwe, abababanjirije batigeze bagira ari yo gukurira mu ikoranabuhanga rigezweho, abasaba guhagararira neza u Rwanda muri byose haba mu gihugu no hanze yacyo.

Yagize ati: "Turabasaba ko muba intangarugero mu kugaragaza ukuri, mwirinde ibibi bikorerwa ku mbuga nkoranyambaga, murinde isura y'Igihugu cyacu, murwanye ibinyoma n'amacakubiri, kandi mukoreshe izo mbuga neza nk'intwaro yo kubaka no guteza imbere u Rwanda."

Yabibukije kandi ko imyitwarire y'urubyiruko, imvugo n'ibyo bakora bigomba kurangwa n'ubunyangamugayo, ubupfura, ubwitange, gukunda umurimo, urukundo rw'Igihugu.

# Ubuhamya bwa Kayiranga, umunsi abacengezi batera i Nyange mu 1997

KAMALIZA Agnes

***Kayiranga Aloys ni umwe mu banyeshuri bigaga mu mwaka wa Gatandatu ku Ishuri Ryisumbuye rya Nyange mu 1997, akaba yariboneye ibitero by'abacengezi byahitanye bagenzi be biganaga abandi bagakomereka bazira kwanga kwitandukanya kubera amoko ahubwo bagakomera ku kuvuga ko bose ari Abanyarwanda.***



Kayiranga Aloys, ni umwe mu bigaga ku Ishuri Ryisumbuye rya Nyange mu 1997, ubwo baterwaga n'abacengezi

Mu ijoro ryo ku 18 rishyira ku wa 19 Werurwe 1997, Kayiranga ibyo bihe arabyibuka neza cyane kuko Abacengezi babateye bavuye gufata amafunguro ya nijoro basubiye mu mashuri gusubiramo amasomo.

Mu buhamya bwe avuga ko mu ijoro ryo ku wa 18 Werurwe 1997, ubwo bari aho bafatiraga amafunguro babonye abantu baza batunga amatoroshi aho bariraga abandi barunguruka ariko ntibabyibazaho cyane bagize ngo ni Ingabo z'u Rwanda kuko bari baturanye n'umusozi zabagaho kandi zakundaga kuza gucomeka ku muriro ibyombo byabo kuri icyo kigo.

Avuga ko nyuma yo gusoza gufata amafunguro batangiye gusubira mu mashuri ariko n'abo bacengezi bamwe muri bo bari bazamutse ariko abandi basigara inyuma.

Kayiranga ni umwe mu banyeshuri bazamutse nyuma ari kumwe na bagenzi be batatu b'abakobwa bari bafite ibiryo bashyiriye bagenzi babo bari barwaye. Abo bacengezi babazamutse inyuma barabahagarika barababaza bati: "Amakuru yanyu? Na bo bati ni meza."

Bakomeje kubabaza niba ibyo kurya byari biryoshye ndetse babaza ibyo biryo bindi bafite abo babishyiriye, abandi na bo babwira abo babishyiriye. Avuga ko mbere yuko basubira mu ishuri mu masomo babanje gufata akaruhuko bategereje ko inzogera ivuga bagasubira kwiga; nyuma yuko ivuze ubwo bose basubira mu mashuri.

Hashize iminota mike batangiye kwiga bumvise imirindi y'abantu benshi bazamuka n'imbunda ariko ngo hari umusirikare umwe wo mu Ngabo z'u Rwanda, wari waje gucomeka ku muriro w'icyombo wababonye bazamuka ndetse bagirana ikiganiro.

Nyuma yo kubona ari benshi yibuka ko uwo musirikare yavugiye hejuru ababaza abo ari bo, agira ati: "Muri ba nde? Muri abanyeshuri cyangwa ntimuri abanyeshuri?" Baramusubije bati: "Uraje utubone."

Kayiranga akomeza avuga ko bahise batangira kumva urusaku rw'amasasu batangira kurasana ndetse arasamo umwe ahita yiruka; ngo bumva imirindi y'umuntu aca munsi y'ishuri yiruka cyane.

**Uko Abacengezi babasanze mu ishuri bakabarasa**

Avuga ko mu kanya nk'ako guhumbya bahise bazamuka bagana mu ishuri bigagamo barakaye cyane ndetse umuzamu bahasanze bahita bamutera icyuma banatera gerenade mu ishuri. Yagize ati: "Ikintu cya mbere uwa mbere yakoze yateyemo gerenade anyujije mu idirishya igwa hejuru y'intebe ariko twese twari turyamye hasi iturika igana hejuru."

Akomeza avuga ko uwari ufite icyuma yateye umuzamu cyajojobaga amaraso yahise yinjira ahita agishwanyagurisha ikayi y'uwitwa Dativa. Nyuma yo guca iyo kayi uwo mucengezi yaravuze ati: "Muriga se muriga iki?"

Kayiranga avuga ko hahise hinjira n'abandi bacengezi benshi barimo umwe ufite imbunda wambaye ikoti rya gisirikare, ipantalo isanzwe n'ibirenge. Umwe muri bo yaravuze ati: "Est-ce que vous nous connaissez? Twagiye muri Congo mudusangayo ariko uyu munsi mugiye kutobona!"

Yahise ababwira ngo bave mu ntebe abasaba ko baborohereza akazi bakitandukanya, Abahutu bakajya ukwabo n'Abatutsi ukwabo. Umwe muri abo bacengezi yagize ati: "Turagira ngo mutworohereze turashaka ko Abahutu bajya ukwabo n'Abatutsi ukwabo."

Kayiranga yari yicaranye na mugenzi we witwaga Mujawariya wari uri kumusobanurira imibare, ahita ababwira ati: "Twese turi Abanyarwanda muradushakaho iki se kandi?" Mujawamariya ako kanya ngo bahise bamurasa.

Undi musirikare yahise ahindukira ku rundi ruhande na we aravuga ati: "Ntabwo mushobora kutubwira Abahutu barimo n'Abatutsi barimo? Abo dushaka ni Abatutsi mubatwereke ubundi mutworohereze akazi." Undi munyeshuri witwa Bizimana na we yahise avuga ati: "Twese turi Abanyarwanda." Na we bahise bamurasa, barasa nundi witwa Mukambaraga Beatrice.

Kayiranga akomeza avuga ko hahise hinjira Umuyobozi wabo bumva aravuze ati: "Iminota irabaze muratinda ni akazi kanyu mugire vuba niba byananiranye." Muri ako kanya bahise barasa vuba na bwangu basohoka binjira mu rindi shuri ryo mu wa Gatanu.

Kayiranga akomeza avuga ko na ho binjiranye umujinya na bwo babasaba kwitandukanya ariko bababera ibamba bakomera ku kuvuga ko bose ari Abanyarwanda. Kwanga kwitandukanya byatumye na bo babarasa, bamwe barapfa abandi barakomereka.

Ubu imyaka 29 irashize abo banyeshuri bigaga ku Ishuri Ryisumbuye rya Nyange banze kwitandukanya bagakomera ku ndangagaciro y'ubumwe. Ibyo byatumye Leta y'u Rwanda ibashyira mu Ntwari z'Igihugu, mu cyiciro cyitwa Imena.

**Umunani muri bo bitabye Imana mu gihe abandi 39 bakiriho**

Abahise bicwa n'abaje kwitaba Imana nyuma yaho ni Benimana Hélène, Bizimana Sylvestre, Mujawamahoro Marie Chantal, Mukambaraga Béatrice, Mukarutwaza Séraphine, Ndemeye Valens, Niyongira Ferdinand na Sibomana Ananie.

Abakiriho ni Kayiranga Aloys, Abayisenga Théodette, Bavakure César, Bayisenge Noel, Birori Jean Népomuscène, Gatera Silas, Kamayirese Grâce, Kanyemera Augustin, Minani Pascal na Muhayimana Libérée.

Hari kandi Nishimwe Marie, Niyitegeka Vénant, Nizeyimana Emerthe, Nizeyimana Emmanuel, Nkunduwera Angélique, Nsabimana Ntwali, Ntakirutimana Jean Claude, Nyagasaza Joseph, Nyinawandinga Espérance Nyirandayisaba Monique, Nyiranzabandora Marie Rose, Ruhigira Emmanuel, Sibomana André, Sindayiheba Phanuel, Tuyishimire Jean Marie Vianney, Ukulikiyimfura Adolphe, Urimubenshi Emmanuel, Uwamahoro Prisca na Uwizera Florence.

Haracyariho kandi Muhinyuza Florence, Mukahirwa Joséline, Mukanyangezi Dative, Mukeshimana Béatrice, Mukeshimana Florence, Musabimana Florence, Musoni Clément, Mvukiyehe Jean-Baptiste, Ndagijimana Pierre Célestin na Ndahimana Jean Baptiste.





# Natangije EASTERN HOPE Ltd mfashijwe na Leta - Umunyemari Twagirumukiza

KAYITARE Jean Paul

***Iyouganiriyen'Umunyemari Twagirumukiza François, akubwira ko amaze imyaka 28 akora ubucuruzi bwambukiranya imipaka aho yinjiza ibyuma bikoreshwa mu bwubatsi. Ni umugabo uganira cyane udatinya kugaragaza ko ishoramari agezeho, arikesha ubuyobozi bwiza burangajwe imbere na Perezida wa Repubulika Paul Kagame.***



Umunyemari Twagirumukiza François watangije Eastern Hope Ltd ikora ubucuruzi bw'ibyuma bikoreshwa mu bwubatsi

Twagirumukiza ni umuhanga mu ndimi Nyafurika wanize uburezi muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo ari naho yavukiye kubera impamvu z'ubuhunzi.

Urugaga rw'Abikorera mu Rwanda (PSF) rwamugiriye icyizere, bityo abikorera bamutorera kubayobora muri manda y'imyaka 3 iri imbere. Ubucuruzi ni amateka mu muryango avukamo kuko se yari umucuruzi nubwo yaje kwitaba Imana Twagirumukiza akiri mutoya. Ubucuruzi akora, ahamya ko yabufashijwemo n'Igihugu.

Umuryango FPR-Inkotanyi umaze guhagarika Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 no kubohora igihugu, umuryango wa Twagirumukiza warahungutse ariko atangira kugira uruhare mu kubaka igihugu kuko yabaye umurezi muri Ngenda mu Karere ka Bugesera.

Nyuma y'umwaka n'igice yari amaze mu burezi, yatangiye kwikorera ariko akagaragaza ko igishoro cyari icyizere yari afitiye Inzego z'ubuyobozi.

Ati: "Wabonaga tuva ahantu habi ariko ukabona ariko hari icyizere cy'uko twese dushaka gutera intambwe. Icyo gihe rero icyo nakoze nashakishije urwego rurimo ibyaba bikenewe bikeya, ntangira kubonana n'abantu. Natangiye ncuruza inka, icyo gihe nta masoko (ibikomera) yari ahari, mfata akanya nza gutemberera muri Kigali nsanga zirakenewe."

Mu gace ka Ngeruka na Ngenda kari karimo inka zizanywe n'abari bahungutse zisanga nkeya zari zihari ariko nta soko rihari. Amafaranga yari yarizigamye mu kazi k'uburezi yarimo ni yo yamufashije gutangira kwikorera.

Avuga ko ubuyobozi bwabashishikarizaga kwikorera kandi bakizera umutekano. Icyakora yashoboye kubaka icyizere mu bacuruzi, akabishyura amafaranga make bakamuha inka akazishyura agarutse.

Akazi k'ubucuruzi bw'inka yakamazemo imyaka itatu akorera mu Bugesera, nyuma buraguka akajya ajya gushaka mu Mutara. Mu 2003, yahagaritse gucuruza inka kandi yari amaze gutera intambwe biturutse ku kuba igishoro cyari kimaze kwiyongera, ahita ahindura ubucuruzi.

Uretse ibice byarimo intambara z'abacengezi mu 1998, ariko aho yakoreraga hari umutekano kandi ibyo bakoraga byose ubuyobozi bwarabashyigikiraga.

Ati: "Aho wageraga uhuye n'ibibazo, ubuyobozi bwagufashaga ku muvuduko utatekereza, ntabwo ari ibya none. Ku bwanjye, intambwe maze gutera Ubuyobozi bw'Igihugu nabuha ijanisha rinini cyane."

**Urugendo rwe mu bucuruzi bwambukiranya imipaka**

Umunyemari Twagirumukiza avuga ko mu 2003 yatangiye gukora ingendo agamije kwiga ubucuruzi bwambukiranya imipaka, mu 2005 arabutangira.

Yahereye ku byuma by'ub-

KOMEZA KU RUP.10



Bakora ubucuruzi bwambukiranya imipaka

# Natangije EASTERN HOPE Ltd mfashijwe na Leta - Umunyemari Twagirumukiza



Twagirumukiza François (uwa 3 ibumoso) aherutse kugirirwa icyizere atorerwa kuba Perezida w'Urugaga rw'Abikorera mu Rwanda

IBIKURIKIRA URUP.9

wubatsi ariko abivanga n'ibindi nk'umuntu wari ugitangira ubwo bucuruzi ariko mu 2007 atangira ubucuruzi ari nabwo yatangije Ikigo cyitwa 'EASTERN HOPE Ltd' gikora ubucuruzi bwambukiranya imipaka.

Ati: "Icyo gihe kubaka byari bikenewe mu gihugu, ntibyatugora cyane kubona isoko, gusa harimo ko hari ibintu tutaramenyera ariko uko tubitindamo twagendaga tubigiramo ubunararibonye kandi n'igihugu kikabidushishikariza cyane.

Hagiye hazamo n'ingendoshuri kandi tubikangurirwa n'ubuyobozi, tugatembera, twagera hanze Ambasade zikadufasha tukajya aho dukura ibicuruzwa. […] mu bihugu twagendagamo bari batangiye kumva undi munyarwanda utandukanye n'uwo mu 1994, nta kibazo cyari kigihari cyane kuko hari aho wageraga wavuga ko uri Umunyarwanda abantu bagatangira kugucira inzira n'izina u Rwanda rufite."

Umunyemari Twagirumukiza François avuga ko ubucuruzi bwambukiranya imipaka yabutangiriye mu bihugu bya hafi birimo Kenya ari naho Ikigo EASTERN HOPE Ltd cyavanye bwa mbere ibikoresho by'ubwubatsi, Uganda, Tanzania, uko igihe kigenda gishira kiza gukomereza muri Türkey.

Avuga ko yageze muri iki gihugu biturutse ku kubishishikarizwa n'ubuyobozi ariko ajyana n'abandi bacuruzi. Leta yafashije abacuruzi atari ukubarangurira ahubwo kumenya icyo gihugu no kubona amahirwe y'aho kurangurira. Yakomereje mu Buhinde nyuma ajya mu Bushinwa agahamya ko ubucuruzi bwarimo bwaguka cyane ko n'isoko ryari rihari.

Ati: "Urwego rw'ubwubatsi rwari rufite isoko, n'ikindi twakeneraga cyane, ubuyobozi bwaradufashaga byihuse. […] zimwe mu mbogamizi twahuraga nazo zari zimwe na zimwe, kuba hari ibikenewe noneho byakenerwa ku isoko ugasanga imiterere yari ihari icyo gihe ntabwo ibintu byihutaga nkuko byihuta uyu munsi, ibyavaga kure byamara igihe kinini cyane, ni uko ari ko ibintu byari bimeze icyo gihe."

**Leta yakanguriye abacuruzi gukora ishoramari**

Twagirumukiza avuga ko Leta yashishikarije abacuruzi kugira ishoramari rihuriweho.

Ati: "Twatangiye turi bato, tugirwa inama ariko noneho tugirwa n'inama zo gukora ubucuruzi bufatika.

Ndashima ubuyobozi bw'igihugu cyacu atari kuri njye ari ku gihugu muri rusange noneho ku bucuruzi by'umwihariko. Ni muri urwo rwego twagize ishoramari, natanga urugero nk'inyubako ya CHIC, ni ishoramari twakoze ari abacuruzi twishyize hamwe ariko tubikanguriwe n'ubuyobozi."

Nta muntu washoboraga kuyubaka ku giti cye ahubwo uruhare rw'ubuyobozi rwabaye ingirakamaro. Umunyemari Twagirumukiza yahamirije Imvaho Nshya ko ubuyobozi bwabyumvaga kurusha abacuruzi kuko bwerekanaga ko bitewe n'icyerekezo gihari, bishoboka gukora ishoramari.

Mu izina ry'abacuruzi kandi ahagarariye, Umunyemari Twagirumukiza ashimira Leta ko yafashije abacuruzi ubu bakaba bageze ahantu heza mu bijyanye no gukora ishoramari.




Eastern Hope Ltd ifite imodoka zizewe zinjiza ibikoresho by'ibyuma bikoreshwa mu bwubatsi (Ifoto: Internet)





# Mu rubanza ruregamo u Bwongereza, u Rwanda rwahamije kutazatererana abashaka ubuhungiro

ZIGAMA Theoneste

***Minisitiri w'Ubutabera w'u Rwanda akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta, Dr. Ugirashebuja Emmanuel yagaragarije Urukiko Mpuzamahanga rw'Ubuhuza rukorera mu Buholandi ko u Rwanda rukomeje intego yo kwita ku mpunzi n'abimukira asaba ko amasezerano rwari rwaragiranye n'u Bwongereza ajyanye n'ibyo bikorwa, yahabwa agaciro bityo ibyo butubahirije bikubahirizwa hisunzwe amategeko.***

Yabigarutseho kuri uyu wa Gatatu tariki ya 18 Werurwe 2026, ubwo hatangiraga urubanza Leta y'u Rwanda yarezemo u Bwongereza, ibushinja kutubahiriza ibikubiye mu masezerano bari bagiranye ajyanye no kwakira impunzi n'abimukira basaba ubuhungiro.

Dr. Ugirashebuja yagaragaje ko u Rwanda ruzi neza ibibazo biterwa n'ubuhunzi, ndetse ko abo basabaga ubuhungiro ahandi bifuzaga umutekano n'amahoro. Yerekanye ko Abanyarwanda banyuze mu bibazo byinshi kandi bazi ibijyanye no kubaho udafite aho kuba, ari na byo byatumye Leta y'u Rwanda yemera kwakira impunzi n'abasaba ubuhungiro bose.

Yagize ati: "U Rwanda rutewe ishema no kwakira abaturage b'impunzi. Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Mpunzi (UNHCR) ryabaruye abantu babarirwa mu 130 000 b'impunzi baba ku butaka bw'u Rwanda mu gihe bashaka ahandi berekeza mu bihugu byemera kubakira.

Yagize ati: "U Rwanda rufite amateka akomeye yo kwakira no gucumbikira impunzi n'abasaba ubuhungiro baturutse hirya no hino ku Isi. Uhereye ku bihugu bituranye n'u Rwanda nka Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) n'u Burundi kugeza no mu bihugu biri kure nka Libiya na Afganistan."

Dr. Ugirashebuja yagaragaje ko no mu kwezi gushize konyine, u Rwanda rwakiriye abandi basaba ubuhungiro 164 baturutse muri Libiya, hashingiwe ku masezerano rufitanye na UNHCR agamije



Minisitiri w'Ubutabera w'u Rwanda akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta, Dr. Ugirashebuja Emmanuel yahamije ko u Rwanda rusaba ko amasezerano rwagiranye n'u Bwongereza yubahirizwa

kugabanya ibizazane by'abasaba ubuhungiro muri icyo gihugu.

Yashimangiye ko u Rwanda rumaze igihe kirekire rugaragaza intego n'icyerekezo gihamye mu bijyanye na politiki yarwo yo kwakira impunzi, avuga ko rwemera bidasubirwaho ko impunzi zishobora gutanga umusanzu mu mibereho y'abaturage muri rusange, mu muco no mu bukungu bw'ibihugu zibamo, bigashoboka igihe zahawe amahirwe yo kwinjira no kwifatanya n'abaturage baho.

Dr. Ugirashebuja yibukije ko mu 2021, UNHCR n'u Rwanda batangiye gahunda yo kwinjiza impunzi muri gahunda z'imibereho y'abaturage b'u Rwanda, aho ubwo buryo bufasha kuba bamwe mu bagira uruhare mu iterambere bafatanyije n'abaturage baturanye.

Ati: "Ibi bitandukanye n'uburyo busanzweho bwo gufata impunzi nk'izishyirwa mu nkambi gusa zigatandukanywa n'abaturage bazakiriye, bigatuma ziba nk'iziri ku ruhande rwazo gusa, kandi hafi ya zose zikabeshwaho n'imfashanyo z'ubutabazi mu mibereho yazo ya buri munsi."

Yavuze ko muri Nzeri 2021, u Rwanda rwemeranyijwe n'Umuryango Mpuzamahanga wita ku Bimukira (IOM) gahunda yo kwakira abakobwa b'Abanyafuganisitani bari barimwe amahirwe yo kwiga mu mashuri yisumbuye n'ubutegetsi bw'aba Taliban bafashe igihugu cyabo.

Yavuze ko mu Rwanda hubatswe Ishuri ryiswe School of Leadership Afghanistan ryashinzwe i Kigali kandi rikomeje gukora neza, ryakira abakobwa b'impunzi b'Abanyafuganisitani baturutse hirya no hino ku Isi.

Yakomeje agaragaza urwo rukiko ko muri Kanama 2023, u Rwanda rwongeye gutanga ubufasha ku itsinda ry'abanyeshuri barenga 200 b'Abanyasudani bigaga ubuvuzi muri "University of Medical Sciences and Technology i Khartoum" rurabakira rububakira aho bigira, aho bari barabuze uko basoza amasomo yabo bitewe n'intambara iri muri icyo gihugu yatumye amashuri afungwa.

Ati: "Bityo, igihe u Bwongereza bwashakaga umufatanyabikorwa mu gushyiraho uburyo bushya bwo guhangana n'ikibazo cy'abimukira, u Rwanda rwabaye amahitamo meza."

Yavuze ko icyo gihe impande zombi zemeranyijwe ubufatanye bushingiye ku guteza imbere abimukira n'ubukungu muri rusange (MEDP). Ati: "Nk'uko izina ribigaragaza, MEDP yari igamije ibintu bibiri: Guhagarika ingendo z'abimukira ziteje ibyago bikomeje guteza ububabare bukabije, no gukemura ubusumbane buri mu mahirwe y'ubukungu ku Isi, ari na yo ntandaro yo guhunga no kwimuka bidakurikije amategeko. Ibi byagaragazaga ubushake bw'u Rwanda bwo kurengera abatishoboye kandi byubakiye ku mateka yarwo yo kwakira impunzi ziturutse hirya no hino ku Isi."

Yashimangiye ko ubu bufatanye bwari bufitiye inyungu impande zombi, aho u Rwanda rwafashaga u Bwongereza kugera ku ntego yo guhagarika abimukira binjira mu buryo bunyuranyije n'amategeko banyuze mu Muhora wa La Manche, naho u Bwongereza bugafasha u Rwanda kongera ubushobozi bwo kwakira no kwinjiza impunzi mu buzima busanzwe. Dr. Ugirashebuja yagize ati: "Mu guhuza ibijyanye n'abimukira n'iterambere ry'ubukungu, MEDP yari gushyigikira ingamba z'u Rwanda zigamije guha amahirwe abaturage n'impunzi babana mu gihugu."

Nyuma y'uko ubu bufatanye butangajwe muri Mata 2022, u Rwanda rwahise rutangira gushyira mu bikorwa inshingano zarwo ku muvuduko uri hejuru. Urugero, rwakoze impinduka zikomeye mu Itegeko Nshinga, amategeko asanzwe n'imiyoborere hagamijwe gushyira mu bikorwa MEDP.

Hashyizweho urwego rwihariye rwakira ubujurire bw'abasaba ubuhungiro hakurikijwe amategeko y'u Rwanda, kandi hashyizweho inzego nibura 12 zikorana na MEDP. U Rwanda kandi rwateguye aho kwakirira impunzi n'abimukira bari kwakirwa hagendewe kuri ayo masezerano ndetse rutanga amafaranga menshi muri ibyo bikorwa."

Dr. Ugirashebuja yavuze ko muri ubwo bufatanye, hashyizweho ikigega cyiswe Economic Transformation and Integration Fund (ETIF), kigamije gushyigikira iterambere rirambye kandi ridaheza mu Rwanda no kunoza imibereho y'impunzi zisanzwe ziri mu gihugu n'iy'abaturage baba bazakiriye.

Ati: "Aya mafaranga yabanje gutangwa hashingiwe ku nyandiko z'ubwumvikane zari zashyizweho umukono muri Mata 2022. Nyuma, ubwo amasezerano ya MEDP yavugururwaga, hakurikiyeho indi nyandiko yemewe kandi y'amategeko agenga buri ngingo izagenderwaho mu ishyirwa mu bikorwa by'aya masezerano. Ni yo yabyaye inyandiko yiswe 2024 Finance Note, aho u Bwongereza bwemeye gutanga miliyoni 50 z'amapawundi muri Mata 2025, n'andi miliyoni 50 muri Mata 2026.

Ariko nyuma gato y'uko iyi nyandiko ya 2024 yemejwe, habayeho impinduka muri Guverinoma y'u Bwongereza. Minisitiri w'Intebe mushya yahise atangaza ko gahunda yiswe "Rwanda Scheme" irangiye burundu. U Bwongereza ntibwabanje kubimenyesha u Rwanda; ahubwo rwabimenye binyuze mu itangazamakuru.

Dr. Ugirashebuja yagaragaje ko u Bwongereza bugerageza kwikura mu nshingano zabwo ziteganywa n'amategeko. Imwe muri zo ikaba inshingano yo kwishyura amafaranga yari agenewe u Rwanda. Ibi byatumye habaho guhererekanya ubutumwa hagati y'impande zombi, harimo n'inyandiko z'ingenzi zo mu kwezi k'Ugushyingo (Notes Verbales) uru rukiko ruzasuzuma.

Ati: "Ariko ukuri kudashidikanywaho ni uko u Bwongereza butatanze integuza yo gusesa amasezerano kugeza mu kwezi k'Ukuboza 2025. MEDP yamaze igihe kirenze gato amezi abiri ikurikizwa ku butegetsi bwa mbere bw'u Bwongereza, naho inyandiko ya "Finance Note" imara ibyumweru bibiri gusa. Nyamara izi nyandiko zombi zifite agaciro gashingiye ku mategeko zimaze igihe kirenga amezi 18 zikurikizwa ku butegetsi bwatsinze amatora

KOMEZA KU RUP.12

# Minisitiri Mukazayire yashyikirije Diomaye Faye ubutumwa bwa Perezida Kagame

SHEMA Ivan

*Minisitiri wa Siporo, Mukazayire Nelly yashyikirije Perezida wa Senegal Bassirou Diomaye Faye ubutumwa bwa Perezida wa Repubulika Paul Kagame. Ni igikorwa cyabaye ku wa Gatatu tariki ya 18 Werurwe 2026, nk'uko byatangajwe mu itangazo ryashyizwe ahagaragara na Perezidansi ya Senegal.*

Minisitiri Mukazayire na Perezida Diomaye Faye baganiranye ibiganiro byibanze ku nyungu u Rwanda na Senegal bihuriyeho mu birebana n'Umuryango w'Ibihugu bikoresha Ururimi rw'Igifaransa (OIF).

Izo nyungu zirimo izo guteza imbere urubyiruko, iterambere ry'ubukungu ndetse n'ibirebana na kandidatire ya Louise Mushikiwabo u Rwanda rwatanze ngo akomeze kuyobora OIF.



Minisitiri wa Siporo, Mukazayire Nelly yashyikirije Perezida Bassirou Diomaye Faye ubutumwa bwa mugenzi we w'u Rwanda Paul Kagame

Minisitiri Mukazayire akomeje uruzinduko mu bihugu by'inshuti atwaye ubutumwa bwa Perezida Kagame, bujyanye no gukomeza gushyigikira uyu mukandida wagaragaje ubushobozi ndakuka bwo kuyobora uyu Muryango.

Umubano w'u Rwanda na Sénégal umaze imyaka myinshi uhagaze neza. Mu 2011 u Rwanda rwafunguye Ambasade mu Mujyi wa Dakar, iba imbarutso y'ibikorwa byinshi byahuje ibi bihugu. Uyu mubano washimangiwe n'inzinduko abayobozi ku mpande zombi bagiriye i Dakar n'i Kigali. Perezida Kagame aheruka muri Sénégal muri Kanama 2025.

Mu kwezi k'Ukwakira 2025, Perezida wa Sénégal, Diomaye Faye yagiriye uruzinduko rwa mbere mu Rwanda rwatanze umusaruro ufatika, aho impande zombi zasinyanye amasezerano y'imikoranire mu nzego zitandukanye zirimo ubuhinzi n'ubworozi, gukuriranaho viza hagati y'ibihugu yombi, ubuzima, Urwego rw'u Rwanda Rushinzwe Igorora n'iterambere ry'icyerekezo 2050.

Amasezerano yiyongera ku yandi asanzwe arimo ayo koroshya ingendo zo mu kirere n'ay'ubufatanye mu itangazamakuru n'ibindi. Muri iki gihugu cyo mu Burengerazuba bwa Afurika hariyo Abanyarwanda benshi batuyeyo, yaba abajyanywe n'amasomo ndetse n'abandi batuyeyo ku bw'impamvu zitandukanye.

# Mu rubanza ruregamo u Bwongereza, u Rwanda rwahamije kutazatererana abashaka ubuhungiro

IBIKURIKIRA URUP.11

yo muri Nyakanga 2024. Icyo ari cyo cyose u Bwongereza bwatekereje ku nyungu za politiki zabwo, inshingano bwahisemo kugumana zigomba kubahirizwa."

Yunzemo ati: "Ikirego cy'u Rwanda kiroroshye kucyumva. U Bwongereza bushobora kuba bwarifuje ko u Rwanda rureka amafaranga menshi. Impande zombi zishobora kuba zaraganiriye kuri iki kibazo, ariko u Rwanda rwahisemo kutemera icyifuzo cy'u Bwongereza. Ibyo rwabigaragaje mu buryo busobanutse, rwanze kwakira imvugo y'"ubwumvikane" mu nyandiko y'u Bwongereza yatangije ibiganiro, kandi ntirushyiramo amagambo ayo ari yo yose mu gisubizo cyarwo yagaragaza ko rwemeye kuyoborwa n'ayo masezerano."

Yavuze kandi ko iyi myitwarire yagombaga gusobanuka neza ku Bwongereza, nk'uko byari bimeze ku Rwanda. Ati: "Kwishyura amafaranga ari mu masezerano si yo nshingano yonyine u Bwongereza bwagerageje kwirengagiza nyuma y'impinduka muri Guverinoma. Bwageragejeje kandi kwirengagiza kwakira impunzi zitishoboye zivuye mu Rwanda nk'uko biteganywa n'ingingo ya 19 ya MEDP."

Yakomeje agira ati: "Muri Werurwe 2025, u Rwanda rwatumiye Komite ihuriweho igizwe n'abahagarariye impande zombi, kugira ngo byihutishe gahunda yo kwimura impunzi, rugaragaza ko butari bwuzuza inshingano zabwo. Nk'uko uru rukiko ruzabibona, igisubizo cy'u Bwongereza cyagaragaza ko kuba giteganya gusesa amasezerano, kigaragaza ko kitazagira igikorwa na kimwe gikora mu gushyira mu bikorwa inshingano zabwo."

U Rwanda ruvuga ko ibi byari ukwanga mu buryo bweruye gutera intambwe zo kuganira ku kwimura impunzi nk'uko amasezerano abiteganya kandi nta kindi byashoboraga gusobanura.

U Rwanda rusaba indishyi nto ugereranyije itarenga 10% by'ingengo y'imari ya UNHCR mu Rwanda mu mwaka umwe cyangwa se nibura gusaba imbabazi ku myitwarire y'u Bwongereza yo kutubahiriza izi nshingano.

U Rwanda rugaragaza ko rutashimishijwe no kuba byarabaye ngombwa kwitabaza ubukemurampaka (arbitration) kandi byarajyaga koroha iyo u Bwongereza bunyura mu nzira nziza yo gukemura iki kibazo binyuze mu bwumvikane.

Dr. Ugirashebuja ati: "Igihe cyose, u Rwanda rwagerageje kubahiriza inshingano zarwo muri MEDP mu cyizere no mu mwuka w'ubufatanye bwahoraga buranga impande zombi ku kibazo cy'abimukira binjira mu buryo bunyuranyije n'amategeko. Ariko kudashaka kwemera k'u Bwongereza ku bibazo bibiri byavuzwe byatumye u Rwanda rutangira ubundi buryo bwo kurengera uburenganzira bwarwo no gusaba amafaranga rwambuwe."

Yavuze ko u Rwanda rufitiye icyizere gikomeye uru rwego rw'ubuhuza, ko ruzafata icyemezo gikwiye gishingiye ku mategeko, kandi ko icyemezo cyafatwa icyo ari cyo cyose, u Rwanda rukomeje kwiyemeza gushaka ibisubizo ku kibazo cy'abimukira ku Isi, harimo gutanga umutekano, icyubahiro n'amahirwe ku mpunzi n'abimukira bagera mu gihugu.

**U Bwongereza na bwo bwahawe umwanya wo kwisobanura**

U Bwongereza bwireguye buvuga ko Guverinoma nshya yagiyeho hashingiwe ku migabo n'imigambi yayo yafashe icyemezo ko gahunda yo kohereza abimukira n'abasaba ubuhungiro mu Rwanda idakomeza ndetse burumenyesha gahunda yo gusesa amasezerano.

Mu bisobanuro byatanzwe u Bwongereza kandi bwagaragaje ko bwemera ko bwagiranye n'u Rwanda amasezerano harimo n'ingingo ijyanye n'imari kandi butagomba gutanga andi mafaranga arenga kuri miliyoni 700 z'Amapawundi bwatanze mu bihe bitandukanye.

Ni amafaranga bwatanze arimo ayo bwahaye u Rwanda n'andi bwatanze ajyanye no gukodesha indege zari gutwara abo bimukira n'abasaba ubuhungiro ariko byaje kurangira batazigiyemo.

Biteganyijwe ko urukiko ruzasuzuma uru rubanza, rugafata icyemezo, icyakora abahanga mu mategeko bahamya ko icyemezo kizamara amezi menshi nyuma y'iburanisha humvwa impande zombi.





UBWANDITSI

# TEMACO: Kuva ku gitekerezo gito kigahindura isura y'imijyi mu Rwanda no hanze yarwo

*Mu gihe u Rwanda rukomeje kwihuta mu iterambere ry'imijyi n'ibikorwa remezo, ibigo by'abikorera bikomeje kugaragaza uruhare rufatika mu gushyira mu bikorwa icyo cyerekezo.*

Muri ibyo bigo, hagaragaramo TEMACO, uruganda rwashinzwe na Tuyisenge Emmanuel mu 2012, rukomeje kugira uruhare rukomeye mu guteza imbere Imyubakire n'Imitunganyirize y'Imijyi (Landscape) mu buryo bugezweho kandi burambye.

Tuyisenge Emmanuel kandi ni umwe mu bagize Komite nyobozi y'Urugaga rw'Abikorera mu Rwanda (PSF) ku rwego rw'Umujyi wa Kigali, aho aherutse kugirirwa icyizere agatorerwa kuba Visi Perezida wa Mbere, inshingano zigaragaza icyizere afitiwe mu guteza imbere ubufatanye bw'abikorera n'uruhare rwabo mu iterambere ry'Igihugu.

**Intangiriro: Igitekerezo cyahinduye icyerekezo**

Igitekerezo cyo gushinga TEMACO cyavutse nyuma y'urugendoshuri Tuyisenge yagiriye muri Nigeria, aho yabonye amapave y'amabara akoreshwa mu gutunganya aho imodoka zihagarara n'ahagenewe abanyamaguru.

Yagarutse mu Rwanda yibaza ati: "Ese kuki ibyo tubona ahandi bidakorerwa iwacu?"

Icyo gitekerezo cyahindutse igisubizo mu Mujyi wa Kigali wari uri kwaguka ariko ugihura n'ibibazo by'imitunganyirize y'ahantu, TEMACO itangira ikora amapave ya beto akoreshwa mu mihanda mito, parikingi n'ahandi.

**Guhinduka ikigo gitanga ibisubizo byuzuye**

Uko imyaka yagiye ishira, TEMACO yavuye ku mapave gusa, igera ku rwego rwo gutanga ibisubizo byuzuye bya landscape:

• Hardscape: amapave, imiyoboro y'amazi n'ibindi bikoresho by'ubwubatsi,

• Softscape: pepiniyeri y'ibiti n'indabyo,

• Fiberglass & décor: amavazo n'ibikoresho byo gutaka,

• Design, Build & Maintain: gushushanya, kubaka no kubungabunga imishinga.



Tuyisenge Emmanuel watangije Ikigo cyitwa TEMACO, yagiye ashimirwa ibikorwa akora. Ni umwe mu bagize Komite Nyobozi ya PSF muri Kigali

Uyu murongo watumye ihinduka one-stop solution mu mitunganyirize y'ahantu.

**Uruhare mu mishinga ihindura igihugu**

Ibikorwa bya TEMACO byageze ku mishinga minini irimo BK Arena, Stade Amahoro, Kigali Heights, ALU, Pariki ya Nyandungu, Hoima City Stadium na Inzovu Mall, bigaragaza uruhare rwayo mu kubaka Imijyi igezweho kandi ifite gahunda.

**Icyerekezo: Inganda, ibidukikije n'akazi ku Banyarwanda**

TEMACO ishyira imbere guteza imbere inganda z'imbere mu gihugu, kugabanya ibitumizwa hanze no kurengera ibidukikije. Ifite kandi gahunda yo kubungabunga ibiti byihariye bigenda bicika no guteza imbere ikoreshwa ryabyo mu mitunganyirize y'Imijyi.

Kugeza ubu, TEMACO imaze gutanga akazi ku barenga 500 ndetse ihugura abarenga 400, igira uruhare mu kuzamura ubushobozi bw'urubyiruko.

**Imbogamizi zahindutse amasomo**

Nubwo yatangiye igahura n'imbogamizi zirimo kumara amezi atandatu nta mukiliya, ibyo byabaye amasomo yayifashije gukura no gukomera, igera ku rwego iriho uyu munsi.

**Ubutumwa ku rubyiruko**

Tuyisenge asaba urubyiruko kwitinyuka, guhanga udushya no gukorera hamwe, agaragaza ko ibitekerezo bishobora guhinduka ibisubizo bifatika.



TEMACO imaze gutanga akazi ku rubyiruko rurenga 500



TEMACO ikora amapave yahinduye isura y'Imijyi mu Rwanda

**Ibihembo n'ishimwe**

TEMACO yagiye ihabwa ibihembo bitandukanye birimo ishimwe rya RDB (2014), iry'imurikagurisha mpuzamahanga (2017) n'irya MIFOTRA (2018) nk'utanga akazi.

**Umusozo: Icyerekezo kirenze amapave**

Mu gihe u Rwanda rwerekeza ku bukungu bushingiye ku nganda no ku mijyi irambye, TEMACO igaragaza ko igitekerezo gito gishobora guhinduka igisubizo gifite ingaruka nini ku gihugu.

Tuyisenge ashimangira ko bakora ibirenze amapave.

Ati: "Ntidukora amapave gusa; twubaka ahantu abantu babaho neza, tugatanga ibisubizo birambye ku mijyi yacu no ku hazaza h'u Rwanda."

# U Rwanda ruhanze amaso ingufu za Nikeleyeri bitarenze 2030

NTAWITONDA Jean Claude

***U Rwanda nk'igihugu cyiteguye kuzaba kiri mu bihugu byateye imbere mu myaka 25 iri imbere, gutangira kubyaza umusaruro ingufu za Nikeleyeri/Atomike ni amahitamo y'ingenzi cyane kuko zidatanga amashanyarazi atekanye gusa ahubwo zinashyigikira iterambere ry'inganda ndetse no kugera ku ntego zo guhangana n'imihindagurikire y'ibihe.***

Si intambwe yo gushidikanywaho kuko ibihugu byateye imbere nka Leta Zunze Ubumwe za Amerika, u Bushinwa, u Bufaransa, u Burusiya na Korea y'Epfo, ni byo biza imbere mu kubyaza umusaruro cyane izi ngufu.

Nk'u Bufaransa bwonyine, imibare itangwa n'inzego zishinzwe iterambere igaragaza ko hejuru ya 70% by'amashanyarazi akoreshwa mu gihugu akomoka ku ngufu za Nikeleyeri, mu gihe u Buyapani, Suwede na Canada byo byakoresheje izi ngufu mu kubaka imiyoboro y'amashanyarazi irambye.

Ubwo yitabiraga Inama ya Kabiri yiga ku ngufu za Nikeleyeri, i Paris mu Bufaransa mu kwezi kwa Werurwe 2026, Perezida wa Repubulika Paul Kagame yavuze ko u Rwanda rwiyemeje ko ingufu za Nikeleyeri ziza ku isonga mu migambi yarwo igamije impinduka mu iterambere ry'ubukungu.

Guverinoma y'u Rwanda yatangaje ko yiteguye gushora miliyari 6 z'amadolari ya Amerika (Tiriyari 8,7 z'amafaranga y'u Rwanda), kugira ngo mu myaka iri imbere izi ngufu zizabe zitanga umusaruro wifuzwa.

Perezida Kagame yasobanuye ko u Rwanda rubona ingufu za Nikeleyeri nk'izingiro ry'iterambere rirambye kuko ruteganya kuzaba ruri mu bihugu bikize ku Isi mu myaka 25 iri imbere.

Yagize ati: "U Rwanda rwihaye intego yo kuzaba mu bihugu bikize ku Isi bitarenze mu 2050. Ibyo bisaba amashanyarazi ahagije, ni na yo mpamvu twafashe icyemezo cyo gushyira ingufu za Nikeleyeri mu mishinga yacu y'Igihugu."

Izi ngufu zitezweho kugira uruhare rukomeye mu gufasha u Rwanda kugera ku nzozi zo kuba igicumbi mu by'imari, mu ikoranabuhanga ry'ubwenge buhangano (AI), kubika amakuru no mu buvuzi bugezweho.



Perezida Kagame ku wa 10 Werurwe 2026, mu Nama yibanze ku ikoreshwa ry'ingufu za Nikeleyeri mu kwihutisha iterambere.

Uretse ibyo kandi, kubera ko ingufu za Nikeleyeri zitanga umutekano urambye, ubushyuhe buva mu nganda zizitunganya bunifashishwa mu kuyungurura amazi mu bice bitagezwamo amazi meza.

Izi ngufu kubera uburambe bwazo ni na zo zifashishwa mu kohereza ibyogajuru mu kirere cyangwa n'abakora ingendo ku yindi mibumbe, cyane ko ari zo zitanga umutekano w'igihe kirekire kurusha izindi ngufu zisubira n'izitisubira.

Mu Rwanda, uyu mushinga witezweho kuba watangiye gutanga ingufu bitarenze mu 2030, uza wunganira imbaraga zashyizwe mu kongera ingufu zikomoka ku ngomero z'amazi, izituruka ku zuba ndetse n'iziva kuri gaze methane.

**Umusaruro witezwe mu myaka 5**

Igice kinini cy'ishoramari u Rwanda rwatangiye gukora mu bijyanye n'ingufu za Nikeleyeri, kizibanda ku kubaka uruganda ruto rutunganya ingufu za Nikeleyeri, icyanya ruzubakwamo kikaba cyaramaze gutegurwa mu Ntara y'Iburasirazuba hafi y'ikiyaga cya Mugesera.

Nubwo abahanga mu kubaka inganda zitunganya ingufu za Nikeleyeri bahamya ko kubaka uruganda bimara hagati y'imyaka 10 kugeza kuri 15, imyiteguro u Rwanda rumaze imyaka itanu rutangiye, ishimangira ko mu 2030 ruzaba rwatangiye gukoresha ingufu za Nikeleyeri.

Inganda za Nikeleyeri zikora mu gihe kiri hagati y'imyaka 40 na 80 zitanga amashanyarazi ahoraho kandi atangiza ibidukikije.

Ikigo cy'u Rwanda gishinzwe ingufu za Atomike (RAEB) gihamya ko u Rwanda rwatangiye inyigo yo kubaka inganda nto zigezweho zitunganya ingufu za Nikeleyeri (SMRs).

Gahunda yo kubyaza umusaruro ingufu za Nikeleyeri yitezweho gufasha u Rwanda kwagura ubushobozi bw'ingufu zikagera nibura kuri Gigawatts 5 (MW 5000) bitarenze mu 2050, zikazaba ari ingufu zihagije mu gushyigikira gahunda irambye y'iterambere ry'ubukungu.

Ikigo RAEB gikorana bya hafi n'Ikigo Mpuzamahanga gishinzwe Ingufu za Atomike (IAEA) mu gukurikirana no kongerera imbaraga ubugenzuzi bukenewe no kubaka ibikorwa remezo bikenewe.

Hari Abanyarwanda benshi bamaze guhugurirwa gukora ibijyanye n'ingufu za Nikeleyeri, mu gihe Guverinoma y'u Rwanda yihaye intego yo kuzaba imaze kubona impuguke zisaga 230 bitarenze mu mwaka wa 2028 zizayobora uru rwego.

U Rwanda rushima ubugenzuzi buheruka gukorwa na IAEA bwafashije kugaragaza intambwe imaze guterwa mu gushyira mu ngingo ibyangombwa nkenerwa kugira ngo hubakwe inganda zitunganya ingufu za Nikeleyeri.

Ubuyobozi bwa RAEB kandi buhamya ko u Rwanda rwiteguye gukoresha ingufu za Nikeleyeri mu bikorwa bya gisivili gusa, by'umwihariko mu kongera ingufu z'amashanyarazi ndetse no mu bikorwa by'ubuvuzi no kwagura ibikorwa by'ikoranabuhanga.

Mu mwaka wa 2023, u Rwanda rwasinyanye amasezerano n'Ikigo Dual Fluid Energy Inc. gikorera mu Budage no muri Canada, agifasha kugerageza ikoranabuhanga ryo gutunganya ingufu za Nikeleyeri mu Rwanda.

Nanone kandi u Rwanda rwakoranye n'ibigo bitandukanye byo mu Burusiya no muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika (USA) hibandwa ku kureba uburyo bwo gukora inganda nto zitunganya ingufu za Nikeleyeri.

Impuguke zivuga ko izo nganda zishobora kubakwa ku buso bungana na Hegitari ziri hagati ya 10 na 15, aho zikoramo abantu bagera kuri 230 zikaba zishobora gutanga amashanyarazi adahumanye ahagije yunganira umuyoboro mugari.

Mu gihe u Rwanda ruri muri iyo myiteguro yo kubaka uruganda rutunganya ingufu za Nikeleyeri, runitegura kwakira Inama Nyafurika yo guhanga udushya mu by'Ingufu za Nikeleyeri ya 2026, izahuriza hamwe za Guverinoma, abashoramari n'abayobozi bakora muri uru rwego aho bazaba bungurana ibitekerezo ku hazaza n'ingufu za Nikeleyeri ku mugabane wa Afurika.



U Rwanda rwiteguye kubyaza umusaruro ingufu za nikeleyeri





# Ibyanya Bigega by'Ibiribwa, igisubizo ku kwihaza mu biribwa

NYIRANEZA JUDITH

***Uko abantu biyongera bisaba ko n'ibibatunga byiyongera kandi ubutaka butiyongera, bikaba bisaba ko hashyirwa imbaraga mu gukora ubuhinzi bwa kijyambere hisunzwe ikoranabuhanga, bugatanga umusaruro mwinshi ku buso buto, akaba ari yo mpamvu hatekerejwe gahunda yiswe Ibyanya bigega by'ibiribwa, nk'igisubizo ku kwihaza mu biribwa.***



Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi Dr. Ndabamenye Telesphore yagaragaje ko gahunda y'Ibyanya Bigega by'Ibiribwa izatuma abantu bihaza mu biribwa bagasagurira n'amasoko

Ibyanya bigega by'ibiribwa (FOBASI: Food Basket Sites) ni gahunda igamije gushyiraho uburyo bushya bw'imikorere y'ubuhinzi, ibyanya byihariye bikorerwaho ubuhinzi bwa kijyambere (Agri Hubs) no kunoza imikoreshereze y'ubutaka buhujwe, hagamijwe gucunga neza no kubona inyungu mu bakora ishoramari mu buhinzi.

Gushyira imbaraga mu buhinzi buhangana n'imihindagurikire y'ibihe hakoreshejwe uburyo bunyuranye bwo kuhira, aho ubuso bwuhirwa buzava kuri hegitari 71,000 bugere kuri hegitari zisaga 130,000.

Mu bijyanye n'ubworozi, hazongerwa umusaruro ukomoka ku bworozi no kunoza uruhererekane nyongeragaciro mu bworozi bw'amatungo n'amafi. Ibi, bizagerwaho hakoreshwa uburyo bugezweho nko kororera mu biraro, kongera uburyo bwo kubona icyororo kivuguruye, gushyiraho ibikorwa remezo byo kuhira amatungo no gukurikirana neza ubworozi.

Gahunda ya FOBASI ishingiye ku nkingi 6 zirimo ubuso buzwi, abahinzi bari mu matsinda cyangwa koperative, ubuyobozi bwa site, igenamigambi ry'imihingire, ubwishingizi, gufata neza umusaruro no kuwuhunika.

Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi Dr. Telesphore Ndabamenye yagaragaje ko kugira ngo bigerweho bisaba uruhare rwa buri wese, abahinga bakabikora kinyamwuga, bagakuramo ibyo kurya bihagije kandi ubuhinzi bukabaganisha ku bukire.

Mu kiganiro yagiranye n'itangazamakuru Dr. Ndabamenye yavuze ko ubuhinzi ari inkingi ya mwamba y'ubukungu kandi abantu bose bagomba kurya, akaba ari yo mpamvu ari urwego rushyirwamo imbaraga ngo umusaruro wiyongere.

Ati: "Ibyanya bigega by'ibiribwa ni gahunda yakomotse ku yo guhuza ubutaka hahingwa igihingwa kimwe cyatoranyijwe, iyi gahunda hongerwamo imbaraga, harakomeza ubukangurambaga bigahuzwa n'ikarita y'ubutaka mu rwego rw'ubuhinzi."

Yakomeje agira ati: "Ni gahunda yashingiwe ku mpande 2, dufite icyerekezo cy'imyaka 5 (NST2) n'icyerekezo 2050 na gahunda za Minisiteri. Birasaba ko tuba dufite abahinzi bahinga ibyo barya bihagije ibisigaye bikajya ku masoko bukaganisha ku bukire."

Dr. Ndabamenye yasobanuye ko aho hantu ubutaka buzahuzwa buzaba buhingwaho n'abahinzi bazwi, hazwi ubuso bwaho, ibihahingwa na Agronome waho uhatuye wita ku buhinzi bwaho ku buryo buhoraho, bikazafasha kugera ku ntego zo kuzamura umusaruro.

Yagize ati: "Muri NST2 ubuhinzi bugomba kuzamukaho 6% nibura buri mwaka ku buryo bugomba kuba bukura. Mu gihembwe cya 3 cy'umwaka washize byabaye byiza cyane, ubuhinzi bwazamutseho 10%, muri iryo 10%, ibyoherezwa mu mahanga byari hafi 35%, ibirebana n'amafi bizamukaho 35% ndetse ubworozi bw'amafi bwazamutseho 6%."

Ibihingwa ngandurarugo byazamutseho 4 % bikavuga ngo kugira ngo bizamuke bigere kuri 6% hari ibigomba gukorwa.

**Ugomba kugaburira ubutaka mbere yo kugaburira abaturage**

Dr. Ndabamenye yasobanuye ko umusaruro uturuka ku buryo ubutaka buba bwitaweho, ashishikariza abahinzi gukora ubuhinzi babungabunga ubutaka, bakoresha ifumbire y'imborera n'iy'imvaruganda, imbuto nziza y'indobanure, kuhira, guhingira igihe no gukurikirana ibihingwa.

Ati: "Ubu turashishikariza abikorera ngo bakore imborera kandi hanakoreshwe na tekinoloji, hegitari 100 ntizizasarurwa n'amaboko, ahubwo hashyirwaho abikorera bazagira uruhare mu kunoza uburyo bwo kumisha hakoreshwa imashini, gufata neza umusaruro ugahunikwa neza.

Yagarutse ku bipimo by'umusaruro mu gihe haba hakozwe ubuhinzi mu buryo bwa kijyambere. Yagize ati: "Ibigori dushobora guhinga hegitari 250,000, ibishyimbo hegitari 320,000, ibirayi na byo hegitari 320,000 ariko ibigori turacyeza toni 2 kuri hegitari."

Akomeza agira ati: "Twihaye gahunda yo gushyiraho ibyanya bigega by'ibiribwa tuvuge ngo umusaruro urava kuri toni 2 ugere kuri Toni 5. Ku bigori, tuba dukeneye nibura Toni 900,000 ku mwaka ngo haboneke ibitunga abanyeshuri ku ishuri, abaturage n'amatungo."

Muri NST2 biteganyijwe ko umusaruro w'ubuhinzi ugera ku mpuzandengo iri hejuru ya 6% by'umusaruro mbumbe uturutse mu buhinzi buri mwaka. Kongera umusaruro w'ubuhinzi ku kigero cya 50% ku bihingwa ngandurarugo byatorwanyijwe hagamijwe kwihaza mu biribwa no kongera umusaruro woherezwa mu mahanga.

Ibyo bizagerwaho hongerwa 50% by'umusaruro, hibandwa ku bihingwa by'ingenzi byatoranyijwe nk'ibigori, ibishyimbo, ibirayi, umuceri, imyumbati, ingano n'ibitoki, kongera ikoreshwa ry'inyongeramusaruro n'imbuto z'indobanure, bikaboneka bihagije bikanagera ku bahinzi ku gihe.

Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi Dr. Ndabamenye yagize ati: "Turacyafite ikibazo cy'umusaruro kuri Hegitari [....] Tugatekereza uko ubutaka buto bwakweraho umusaruro mwinshi, aheraga toni 1 y'ibigori noneho hakaba hakwera Toni 5."

Yongeyeho ati: "Indi nkingi ni ukunoza gahunda y'imikoreshereze y'ubutaka. Twari dufite abahinzi bakanguriwe guhuza ubutaka, guhinga igihingwa kimwe, gukoresha inyongeramusaruro ku mbuto cyane cyane ku ifumbire n'ibikorwa byijyanye n'ikoreshwa ry'imashini byarazamutse, ariko dufite ubuso dushyiraho ibihingwa bisanzwe, ubuso bwose bukaba Hegitari 1,400,000, hafi miliyoni 1 ya hegitari y'ubutaka buhingwaho ibihingwa ngandurarugo."

Ibibazo bikigaragara bibangamira kuzamura umusaruro birimo gutinda kugeza ku bahinzi imbuto n'ifumbire bitinze hagaragajwe ingamba zihari mu kubikemura.

Dr. Ndabamenye yagize ati: "Ubu twatangiye gahunda yo kujyanayo ba agoronome bahatuye, kunoza ubushakashatsi no kongera abatubuzi, gushishikariza abahinzi kwiyandikisha kare muri Smart Nkunganire ngo abacuruza inyongeramusaruro bitegure kuyibegereza n'ubukangurambaga buhoraho mu kujya mu bwishingizi n'ibindi."

Ibyo bikorwa byihariye byo gukemura ibibazo bikiri mu kubona umusaruro mwiza kandi mwinshi, harimo gukoresha ikonabuhanga mu buhinzi nko kongera ubuso bwuhirwa, ari ubunini kimwe n'ubuto, gukoresha imashini zihinga, gukoresha inyongeramusaruro na tekiniki zihangana n'imihindagurikire y'ibihe, guhinga ahantu hose hashoboka hanarimo n'ubuso bungana na 70% mu nzuri, gukora uturima tw'igikoni, gukangurira abashoramari gushora mu buhinzi n'ubworozi kandi utubura n'utanga inyongeramusaruro bazajya babibazwa.

FOBASI ni gahunda yitezweho ko umusaruro uziyongera abantu bakabona ibyo kurya, bakabona amafaranga ndetse hakaboneka imirimo.



Guhuza ubutaka hakanahingwa mu buryo bwa kijyambere byitezweho gukemura ikibazo cy'ibiribwa



Perezida wa USA, Donald Trump yatangaje ko hasubukurwa ibiganiro by'amahoro hagati y'u Rwanda na RDC

# Amerika irashaka gusubiza u Rwanda na RDC mu biganiro

NTAWITONDA Jean Claude

***Leta Zunze Ubumwe za Amerika (USA) zatangaje ko zongeye gutangira urugendo rusubiza u Rwanda na Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) mu biganiro bigamije kugarura amahoro arambye mu Karere k'Ibiyaga Bigari.***

Jeune Afrique yatangaje ko iheruka kuganira na Perezida wa Amerika Donald J. Trump, avuga ko u Rwanda na RDC bigiye kongera gusubira mu biganiro.

Ku wa Kabiri tariki ya 17 Werurwe, abahagarariye Leta ya RDC, u Rwanda na USA bahuriye i Washington DC bagerageza gutegura ikibuga cy'ibiganiro byagutse bishobora kuzaba mu bihe bizaza bihuje ba Minisitiri n'Abakuru b'Ibihugu.

Ibi biganiro, bije mu gihe umutekano wo mu Burasirazuba bwa Congo ukomeje kugarizwa n'ibitero Guverinoma ya RDC n'abambari bayo bagaba ku basivili mu bice birindwa na M23, bikaba bitwara ubuzima bw'abatari bake.

Ibitero biherutse kugabwa mu Mujyi wa Goma byahitanye umukozi w'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Bana (UNICEF), Carine Buisset ukomoka mu Bufaransa.

Mu gihe iki kibazo giteje inkeke, Amerika yo irashaka gukemura ikibazo idategereje ibiganiro bya Qatar cyangwa imyanzuro y'Umuryango w'Ubumwe bw'u Burayi (EU) kugira ngo itongera ikibatsi mu muriro kandi ibashe kwihutisha ibiganiro bitanga umusaruro ufatika.

Kugaruka mu biganiro bya dipolomasi byo ku rwego rwo hejuru byitezweho gufata umwanzuro ku bikorwa bya gisirikare bikomeje gukorwa ku butaka bucungirwa umutekano na M23.

Impuguke mu bya Politiki zivuga ko ikibazo gikomeye ari uko Guverinoma ya Congo ikomeje kwirengagiza umuzi w'ibibazo by'umutekano muke, ikorana n'imitwe y'iterabwoba irimo uwa FDLR washinzwe n'abasize bakoze Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ukaba ugishyize imbere guhungabanya umutekano w'u Rwanda.

Binavugwa ko Leta ya Congo ishaka gukomeza gukoresha ibiganiro mu gukomeza gushinja u Rwanda kuba nyirabayazana w'ibibazo by'umutekano muke wabaye agatereranzamba mu Burasirazuba bwa RDC, ahabarurwa imitwe yitwaje intwaro isaga 130.

Amerika irashaka kugarura u Rwanda na RDC mu biganiro mu gihe na yo yamaze gufata uruhande rushinja Ingabo z'u Rwanda kuba nyirabayazana w'umutekano muke, aho mu minsi ishize iheruka gufatira ibihano bamwe mu basirikare bakuru na RDF muri rusange.

U Rwanda rusanga ibyo bihano birwibasira birurenganya, mu gihe RDC isabwa gukora byinshi ngo ikemure ibibazo byayo ikomeje kubonamo inyungu zo gukwirakwiza ibinyoma.

Guverinoma y'u Rwanda ivuga kandi ko ibyo bihano bidashobora gutanga umusaruro mu gihe hirengagizwa ibibazo bihari n'impamvu shingiro zikwiye gushakirwa umuti urambye, mbere y'uko amazi arenga inkombe, Akarere kakongera kwibasirwa n'ingaruka zo kwisubiramo kw'amateka y'intambara z'urudaca.

Leta y'u Rwanda ivuga kandi ko nta ntambwe Leta ya RDC yateye mu kureka imikoranire na FDLR n'ihuriro ry'imitwe yitwaje intwaro yiswe Wazalendo, kimwe n'abacanshuro b'abanyamahanga bakomeje guteza ibibazo bisatira imbibi z'u Rwanda.

Amerika irashaka kugarura u Rwanda na RDC mu biganiro mu gihe ikomeje guhangana n'ibibazo by'intambara ishyigikiye kandi yagabye kuri Iran ifatanyije na Israel.

# RSSB yatangiye kwishyura mbere aya Mituweli mu korohereza abayivurizaho



Umuyobozi Mukuru wungirije wa RSSB, Kanyonga Louise, yavuze ko amavugurura azafasha amavuriro mu igenamigambi

KAMALIZA Agnes

***Ubuyobozi bw'Ikigo cy'Ubwiteganyirize mu Rwanda (RSSB) bwatangaje ko ku bufatanye na Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi (MINECOFIN), hatangijwe uburyo bushya bwo kwishyura mbere ibigo nderabuzima amafaranga yifashishwa kuri serivisi zihabwa abanyamuryango b'ubwisungane mu kwivuza (Mituweli).***

Iyi gahunda igamije kurushaho kunoza serivisi z'ubuvuzi zihabwa abanyamuryango ba Mituweli, aho bazajya bavurwa batabangamiwe n'uko ibigo nderabuzima n'amavuriro y'ibanze yabuze ubushobozi bwo kubitaho kubera ko yatinze kwishyurwa.

RSSB ivuga ko ibi bitandukanye n'uko byakorwaga mbere aho amavuriro yishyurwaga nyuma yo gutanga serivisi, rimwe na rimwe bigatinda bikanazidindiza.

Ubwo hizihizwaga imyaka 25 y'ubwisungane mu kwivuza bumaze bukorera mu Rwanda no gutangiza amavugurura yo gushyigikira serivisi za Mituweli, ku wa 24 Gashyantare 2026, RSSB yavuze ko kwishyura amavuriro mbere bigamije kongera ireme rya serivisi z'ubuvuzi zihabwa abaturage.

Umuyobozi Mukuru wungirije wa RSSB, Kanyonga Louise, yavuze ko ayo mavugurura azafasha amavuriro mu igenamigambi, guharanira ko ahorana imiti n'ibindi bikoresho by'ingenzi, kwirinda ingaruka ziterwa n'ubukererwe bwo kwishyurwa no korohereza abatanga serivisi z'ubuvuzi gukomeza kuzitanga nta nkomyi.

Yagize ati: "Ibigo nderabuzima bizajya byishyurwa mbere yo gutanga serivise z'ubuzima kugira ngo bitange serivisi mu buryo buhoraho kandi bunoze. Ibi bizakemura ibibazo byinshi abanyamuryango bacu bahura nabyo nko kubona imiti n'ibikoresho ku gihe, bizanafasha gukumira indwara no kuzivura kare kandi ikigega cya Mituweli kizagenzura neza ikiguzi cy'ubuvuzi no kunoza imikorere."

KOMEZA KU RUP.17





# Tuzi ko Jean Luc Habyarimana ajya i Kinshasa kugambanira u Rwanda-Amb Nduhungirehe

ZIGAMA Theoneste

***Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane Amb. Nduhungirehe Olivier Jean Patrick yahamije ko u Rwanda ruzi neza ko Jean-Luc Habyarimana, umuhungu w'uwahoze ari Perezida w'u Rwanda, Juvenal Habyarimana, ahora i Kinshasa muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) mu ngendo zo gutegura ibikorwa byo gushyigikira FDLR bigamije guhungabanya umutekano w'u Rwanda.***



Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane Amb. Olivier Jean Patrick Nduhungirehe

Yabigarutseho mu kiganiro yagiranye na Radio Agasaro Kaburaga ikorera kuri Murandasi, ashimangira ko u Rwanda rufite amakuru ahagije kuri ibyo bikorwa akorana n'ubutegetsi bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo n'ubwo Jean Luc we, akunze gutangaza ko aba yagiye mu bikorwa bye bwite bisanzwe.

Yakomeje avuga ko ibyo bikorwa bituma Leta ya Congo ikomeza ibikorwa by'intambara no kutubahiriza agahenge bikomeje gutuma intambara ikomeza mu gice cy'Uburasirazuba.

Yagize ati: "Leta ya Congo yananiwe kurandura umutwe wa FDLR aho kugira ngo inabikore, navuga yuko yahisemo intego yo gukorana n'abanyapolitiki bayishyigikira, cyane cyane umuhungu w'uwahoze ari Perezida w'u Rwanda, Jean Luc Habyarimana ujya i Kinshasa inshuro nyinshi kugira ngo bafatanye mu kubangamira ubuyobozi bw'u Rwanda."

Amb Nduhungirehe yavuze ko ibikorwa by'uwo muhungu wa Habyarimana n'abanyapolitiki bikomeje kubangamira ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano yo kurandura umutwe wa FDLR igizwe n'abagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Ati: "Ikizwi ni uko Jean Luc Habyarimana ajya kenshi i Kinshasa, ntabwo ajya mu bikorwa bye nk'uko abivuga, ahubwo ajyayo ku butumire bwa Perezida Tshisekedi, akajyayo guhura n'abayobozi, mu bikorwa byo guhungabanya umutekano w'u Rwanda, ni ibintu azi ko tunabizi."

Yavuze ko ibyo bikorwa bikomeje kubangamira amasezerano u Rwanda rwasinyanye na RDC i Washington muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika (USA) agamije kurandura umutwe wa FDLR (CONOPS).

Yagize ati: "CONOPS ivuga kurandura uwo mutwe ntabwo ivuga guhabwa ingufu n'abanyapolitiki. Ibyo ni ibintu twabwiye Leta ya USA, n'iy'u Bufaransa aho Habyarimana atuye, tukabwira na Leta ya Congo barabizi bose."

**Ibihano u Rwanda rwafatiwe ntibikemura ikibazo**

Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane yavuze ko ibihano u Rwanda rwafatiwe na Leta Zunze Ubumwe z'Amerika bibogamiye ku ruhande rumwe rutabyishimiye, yibutsa ko kandi atari ubwa mbere bifashwe ko no mu ntambara ya 2012, hari intambara ya M23 na Leta ya Congo bitakemuye ikibazo.

Yibukije ko u Rwanda na RDC byasinyanye, muri Kamena 2025, amasezerano agamije kurandura umutwe wa FDLR no kuba na rwo rwakuraho ingamba z'ubwirinzi, mu minsi 90 ariko Leta ya Congo ikomeza kugaba ibitero ku baturage b'abasivile mu bice bitandukanye bituyemo Abanyamulenge bituma na M23 ikomeza gusubiza ibyo bitero.

Yavuze ko ibyo u Rwanda rwakomeje kubyereka umuryango mpuzamahanga ariko ugakomeza kubyirengagiza.

Ati: "Leta ya Congo yakomeje kurasa ku birindiro by'umutwe wa M23 no kurasa mu bice bituyemo Abanyamulenge n'abandi basivili, ibyo ni ukunyuranya n'agahenge ari na yo mpamvu umutwe wa M23 wakomeje gusubiza."

Amb Nduhungirehe yashimangiye kugira ngo ikibazo cy'umutekano muke mu Burasirazuba gikemuke burundu, Leta ya Congo ikwiye kugira ubushake bwa Politiki bwo kumva ko icyo kibazo kitarangizwa n'intambara ahubwo kizarangizwa no gushyira mu bikorwa amasezerano yasinywe agamije kugikemura ndetse n'umuryango mpuzamahanga ukabishyigikira.

Ati: "Ikibazo ntabwo ari Leta ya Congo na Perezida Tshisekedi gusa ahubwo kiri no ku Muryango Mpuzamahanga ureberera ukareka agakomeza gukoresha ibi bisasu, bareberera, hanyuma umutwe wa M23 wasubiza, uwo muryango ukaza kunenga u Rwanda".

IBIKURIKIRA URUP.16

# RSSB yatangiye kwishyura mbere aya Mituweli mu korohereza abayivurizaho

Yongeyeho ko RSSB yiyemeje kuzajya yishyura ku gihe no gukorana bya hafi na Minisiteri y'Ubuzima n'Uturere kugira ngo hatangwe serivisi inoze kandi ishimishije.

Ku ikubitiro ubu buryo bwo kwishyura mbere bwatangirijwe mu bigo nderabuzima byo mu Ntara y'i Burasizuba guhera muri Mutarama 2026, ariko bizakomereza n'ahandi hose mu Gihugu.

Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu (MINALOC) ishima ubwo buryo bwo kwishyura mbere, kuko bizatuma serivisi zihabwa abanyamuryango ba Mituweli zinoga kurushaho, cyane ko na Mituweli yagiye ivugururwa ubu ikaba ishobora kuvura indwara nyinshi ndetse Abanyarwanda bose bakivuza.

Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu, Habimana Dominique ahamya ko Mituweli yagize uruhare mu kugeza ubuvuzi bwiza kuri bose kandi yahinduye uburyo abaturage babona serivisi z'ubuvuzi mu Rwanda.

Yagize ati: "Uko imyaka yagiye ishira Mituweli nayo yagiye ivugururwa uyu munsi ibasha kuvura uyifite. Turabyishimira nk'Igihugu kuba tubasha kubaka ubwo bushobozi bwo kuvura Abanyarwanda bose."

Kugeza ubu abaturage bagera kuri 90% babasha kubona ubuvuzi kubera Mituweli, aho Leta ibatangira umusanzu ungana na 52%.

# Impamvu zitera abana ubumuga bwo kutumva nuko bwakwirindwa



Indwara z'amatwi zivujwe kare zirakira

KAMALIZA Agnes

***Inzobere mu buvuzi bw'amatwi zigaragaza ko uburwayi bw'amatwi ari ikibazo gikomeye gishobora gutera ubumuga bwo kutumva mu gihe budakurikiranywe kare.***

Dr. Nshimiyimana Jean Claude, Umuganga w'Inzobere mu kuvura amatwi, amazuru, mu ijosi no munsi y'ubwonko agaragaza ko ibimenyetso by'uburwayi bw'amatwi bigaragara kare cyane umwana akiri muto kandi iyo akurikiranywe akiri munsi y'imyaka irindwi ashobora kuvurwa agakira, mu gihe hejuru y'iyo myaka bishobora kumuviramo ubumuga bwo kutumva.

Dr. Nshimiyimana avuga ko ari ngombwa ko umwana yitabwaho hakiri kare kuko mbere y'imyaka irindwi ari bwo ubwonko bwe buba buri kwiga kuvuga no gukora ibindi kandi kuvuga k'umwana bihera ku gusubiramo amagambo yumva abandi bavuga.

Yagize ati: "Kuvuga k'umwana kuba ari ugusubiramo amagambo yumvise, iyo atari kumva ikintu na kimwe ntabwo amenya kuvuga. Iyo arengeje imyaka 7 hari ibyago ko no kuvuga atazavuga niyo mpamvu ari ngombwa cyane ko umwana agomba gukurikirwanwa akiri muto."

### Ibimenyetso bigaragaza ko umwana atumva

Dr. Nshimiyimana akomeza avuga ko hari ibimenyetso bishobora kugaragariza ababyeyi ko umwana atumva birimo; kuganira na we ukabona ntabwo akwitayeho, kuba akwitegereza ku minwa cyane kugira ngo ashobore kumva icyo umubwira, guhengeka umutwe akegereza ugutwi kugira ngo yumve, kwigunga kuko aba atumva ibiri kuba, kuvugira hejuru no kongera volume kugira ngo ibintu bisakuze.

Ku bana bamaze kugera mu ishuri, usanga bakunda kwicara imbere mu ishuri bagasubirishamo mwarimu cyane cyangwa akaba akunda gutsindwa.

### Impamvu zitera kutumva

Dr. Nshimiyimana akomeza avuga ko bimwe mu bituma umwana yagira ubumuga bwo kutumva cyangwa akarwara amatwi birimo; kuba abana bakunda gushyira ibintu mu matwi bishobora kuyazibya birimo amasaro, ibishyimbo, amabuye, amaherena, tijekoto cyangwa bagashyiramo ibindi bintu bisongoye byakwangiza ingoma y'ugutwi.

Hari ubwo bishobora guterwa no kuba iyo ndwara ari uruhererekane mu miryango bigasaba ko uwo mwana akurikiranwa akabagwa hakiri kare, kuvukana umwuka muke agatinda kurira akivuka cyangwa ntarire, imiti umubeyi yanyweye akimutwite cyangwa uburwayi yarwaye akimutwite, indwara umwana arwara akiri muto zirimo mugiga, malariya na zo zishobora gutera ubwo bumuga.

Agaragaza ko izo mpamvu zose zishobora gutuma umwana arwara umuhaha, akagira ubukurugutwa bwabaye nk'amabuye mu matwi yombi ibyo bikaba byatuma atumva.

Dr. Nshimiyimana asaba ababyeyi kwihutira kureba no kugenzura kare abana bakiri bato, bakareba niba nta bimenyetso mpuruza bafite bigaragaza ko barwaye amatwi.

Ati: "Ababyeyi barasabwa gusuzumisha abana hakiri kare kuko mbere y'imyaka irindwi haba hari amahirwe yo gukira."

Minisiteri y'Ubuzima (MINISANTE) igira ababyeyi inama yo kugana amavuriro abegereye igihe cyose babonye umwana agaragaza bimwe muri ibyo bimenyetso kuko amavuriro yose ari ku rwego rwo gutanga serivisi z'ibanze avura indwara zo mu matwi.

Rukundo Athanase, Umuyobozi muri MINISANTE ushinzwe imiyoborere ya serivisI z'ubuvuzi n'iz'ubuzima rusange yagize ati: "Izo serivisI zitangwa mu mavuririro kuva ku mavuririo yo hasi buri rwego rw'ubuvuzi rufite ubuvuzi rwemerewe gutanga."

Ibarura Rusange ry'Abaturage ryo mu 2022, ryagaragaje ko abafite ubumuga bwo kutumva mu Rwanda bari 54 412.

Ni mu gihe imibare y'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Buzima, OMS igaragaza ko ku rwego rw'Isi, abagera kuri miliyoni 430 bafite ikibazo cyo kutumva; ariko mu bana hafi miliyoni 90 bari hagati y'imyaka 5-19 bafite icyo kibazo; 60% muri bo iyo bavuwe kare barakira.



Umugabo aba akwiye kwita ku mugore igihe atwite, amurinda kugira umutima uhagaze akajya anaririmbira umwana uri mu nda

# Uko umugabo yakwita ku mugore we utwite, bigakuza ubwonko bw'umwana

ZIGAMA Theoneste

***Umuganga w'impuguke mu buzima bw'imyororokere Dr. Nzabonimpa Anicet avuga ko umugabo agira uruhare runini mu gutuma umwana uri mu nda y'umugore we akura neza mu marangamutima.***

Yavuze ko hari imyitwarire umugabo aba akwiye kugira imbere y'umugore we kugira ngo bifashe umwana cyangwa abana atwite.

Yagize ati: "Buriya iyo umugore atwaye inda, abahanga batugaragarije ko ruriya rusoro, ruba rukwiye kurerwa na nyina na se bafatanyije.

By'umwihariko uruhare rw'umugabo rukaza mu gukangura ubwonko bw'umwana agisamwa, kuko byagiye bigaragara ko burya iyo ari mu nda aba ashobora kumva ibiri hanze, birimo amajwi, umuziki, n'intonganya cyangwa amagambo y'agahinda na yo akayumva akaba yamugiraho ingaruka."

Dr. Nzabonimpa avuga ko umugabo umaze gutera inda umugore we aba agomba guharanira ko aba atekanye amurinda amakimbirane, akamwitaho no kumushakira ibimutunga.

Ati: "Urusoro na nyina urutwite baba bakwiye kubona indyo yuzuye, umugabo aba agomba kuguyaguya umugore, kugira ngo abone amarangamutima meza avuye kuri nyina".

Agira inama abagabo bafite abagore batwite gukorakora ku nda zabo kuko umwana abyumva bikongera ubusabane kuri se na nyina.

Ati: "Ubwo umwana yumva ubushyuhe bw'uwo muntu ukoze ku nda, ndetse no mu gihe baryamye umugabo ntajye kure y'umugore akamwegera, ndetse n'inda ayegere kugera ngo wa mwana atangire amenye se hakiri kare."

### Ingaruka ziva mu kuba umugabo atita ku mugore atwite

Impuguke mu buzima bw'imyororokere, Dr. Nzabonimpa Anicet avuga ko iyo umugabo atita ku mugore atwite bigira ingaruka zikomeye ku mwana.

Ati: "Iyo bidakozwe umwana akurana amarangamutima atari meza. Ni bwo tujya tubona nko mu mikurire ye ubwonko bugatinda kwisobanura.

Imitekerereze igatinda gukura, uko asabana n'abandi bikagabanyuka, ndetse na nyuma yo kuvuka akaba afite akababaro no kutiyumva mu bandi."

Dr. Nzabonimpa yavuze ko kwita ku mikurire y'umwana umugabo akwiye kubitangira igihe cyose yamenye ko umugore we yasamye kandi akabikurikirana, nkuko umubyeyi aba asabwa kujya kwisuzumisha inda kwa muganga inshuro zose zagenwe.





# REG yijeje abagore n'abakobwa bayikorera gukomeza kubongerera ubumenyi



Ubuyobozi bwa REG bwashimye uruhare rw'abagore mu kunoza umurimo, buhamya ko buzakomeza kubongerera ubumenyi n'ubushobozi

NTAWITONDA JEAN CLAUDE

***Ubwo hizihizwaga Umunsi Mpuzahanga w'Umugore, Sosiyete y'u Rwanda Ishinzwe Ingufu REG yashimye uruhare abagore bafite mu iterambere ry'ikigo ndetse ibizeza gukomeza kubafasha kubongerera ubumenyi kugira ngo Ikigo kigire abagore benshi bajya mu nzego zifata ibyemezo.***

REG ni kimwe mu bigo bitanga urugero rwiza mu gushyira mu bikorwa Politiki y'uburinganire n'ubwuzuzanye mu Rwanda, aho abagore bishimira amahirwe yo kwiga no gukurira mu mirimo irimo n'iyafatwaga nk'iy'abagabo kubera umuco, bakanaherekezwa mu rugendo rw'iterambere.

Bamwe mu bagore n'abakobwa bakora imirimo yaba iyo mu nganda cyangwa ingomero z'amashanyarazi, abayageza ku baturage burira amapoto cyangwa bayageza mu ngo z'abaturage, n'abakora mu biro, bishimira ko imirimo yafatwaga nk'iy'abagabo kubera umuco kuri ubu na bo bayikoramo kandi bagashyigikirwa mu buryo butuma batanga umusaruro.

Mukwindi Uwineza Nicole, umwenjenyeri umaze imyaka isaga 10 akora ibijyanye no gutunganya ingufu muri REG, avuga ko yageze kuri byinshi muri iyo myaka haba mu kazi ndetse no mu buzima bwite abitewe no kongererwa ubushobozi.

Mu kiganiro yagiranye na Imvaho Nshya, Mukwindi Uwineza Nicole yavuze ko ubwo yinjiraga muri REG yisanze mu ruganda rutunganya ingufu ari we mukobwa wenyine, akorana n'abagabo gusa, ariko gushyigikirwa n'Ikigo byatumye akomeza gutera imbere mu murimo.

Arashimira ubuyobozi bwa REG bwamwongereye ubushobozi, aho yatangiye ari umukozi wo hasi, nyuma y'imyaka 10 akaba yaragiye azamuka mu ntera ari na ko yongera ubumenyi n'ubushobozi butuma aba umwe mu benjenyeri b'inararibonye mu Rwanda.

Yakomeje agira ati: "Akazi kaba muri REG, akenshi twajyaga tuvuga ngo ni iby'abagabo kubera umuco. Ariko ubu abagore tumaze kuba benshi kubera kongererwa imbaraga tugenda tubona, ndetse n'ibikorwa bitandukanye bitegurwa n'ubuyobozi bw'Ikigo bigamije kwereka umugore ko ashoboye."

Uyu munsi Uwineza M. Nicole ashinzwe gukora igenamigambi ku ngomero zitanga amashanyarazi zirimo iz'amazi, inganda za gaze, izitanga ingufu zituruka ku mirasire y'izuba n'izindi zitandukanye.

Vuguziga Sharon ushinzwe imikoreshereze y'amavuta y'ibinyabiziga by'Ikigo, na we yishimira ko mu myaka itanu amaze muri REG yabashije kongera ubushobozi, akanazamurwa mu ntera akanishimira ko uyu munsi yungurana ibitekerezo na bagenzi be b'abagabo akazi kakarushaho kugenda neza.

Ati: "Abagore baduha agaciro cyane, kuko mu muco wa kera ntabwo abagore bajyaga mu murimo nk'uko abasore babikoraga ariko twebwe muri REG turi imbere. Baradufasha bakatwongerera ubumenyi, kugira ngo umurimo ugende neza dutange na serivisi nziza ku bakiliya."

Umuyobozi Mukuru wa REG, Armand Zingiro yashimiye abagore uruhare bagira mu gufasha ikigo kugera ku ntego zacyo bakoresheje ubuhanga, umuhate n'ubushobobozi bitagereranywa bibaranga.

Yashimye kandi ubushake bwa Leta y' u Rwanda n'imbaraga yashyize mu kubaka ubushobozi bw'umugore n'umukobwa mu nzego zose bikaba bigaragarira mu bikorwa by'iterambere bimaze kugerwaho.

Yakomeje agira ati: "REG itewe ishema no gukomeza kongerera ubumenyi abagore n'abakobwa kuko ari yo nkingi yo kunoza umurimo mu buryo bw'umwuga. Bityo rero, turabashishikariza gukoresha amahirwe ahari yo guteza imbere umugore mukayabyaza umusaruro, ikigo kikagira abagore benshi munzego zifata ibyemezo no mumirimo ya tekinike, tugahora kw'isonga ntawe usigaye inyuma.

Yijeje ko REG itazahwema gukuraho imbogamizi zose zatuma umugore abangamirwa mu kazi ke bigatuma adatanga umusaruro usabwa.

Ubuyobozi bwa REG bwanahembye abana b'abakobwa biga muri École des Sciences Saint Louis de Montfort Nyanza no muri Collège Sainte Marie Reine Kabgayi, bagaragaje imishinga ya siyansi itanga ibisubizo birambye mu by'ingufu.

Kuri ubu abagore n'abakobwa basaga 300 ni bo bakora muri REG hakaba harimo abenjenyeri, abatekinisiye, abayobozi n'abakora mu biro, aho bari ku kigero cya 24% by'abakozi bose, mu gihe intego ari iyo kugera nibura kuri 30% by'abagore mu bihe biri imbere.



Abanyeshuri bahanze udushya mu rwego rw'ingufu bahawe indabo



Umuyobozi Mukuru wa REG Armand Zingiro, yashimiye abo banyeshuri b'abakobwa abashyikiriza n'ibihembo

# Abagore bakora mu Nzego z'ibanze ntibibabuza kwita ku miryango yabo

KAYITARE Jean Paul

***Abagore bakora mu Nzego z'ibanze bavuga ko inshingano bafite zitababera imbogamizi zatuma batita ku miryango yabo cyangwa ngo bagorwe no kutuzuza inshingano z'akazi.***

Imvaho Nshya yagiranye ikiganiro na bamwe mu bagore bakora mu Nzego z'ibanze, bagaragaza ko bishimiye gutanga umusanzu wabo mu kwiyubakira igihugu binyuze mu kuzuza inshingano bahawe.



**Murekatete Juliet, Umuyobozi wungirije w'Akarere ka Nyagatare ushinzwe imibereho myiza (Ifoto: Internet)**

Murekatete Juliet, Umuyobozi wungirije w'Akarere ka Nyagatare ushinzwe Imibereho myiza y'Abaturage, avuga ko nk'abagore bari mu Nzego z'ibanze, imbogamizi bagira zaba ari nk'iz'abandi bakozi bose bagira. Nk'iyo umugabo yahura na yo, nabo bahura na yo ariko ngo imbogamizi ntabwo zibabuza gukora akazi.

Agira ati: "Iyo umugore ari umuyobozi ntabwo bimukuraho inshingano zindi zo kureba umuryango, kumenya urugo icyo rukeneye, kumenya ibibera mu muryango ndetse no gukomeza kwibuka ko ari umubyeyi.

Twese tugomba kumenya akazi dukora ka buri munsi ariko tukagaruka n'inyuma tukamenya ko turi ababyeyi tukabinganyisha no kuba turi ababyeyi ba bose, ntube umubyeyi w'abawe gusa,ukaba n'uwabo ufite mu nshingano."



**Kayisire Pauline, umugore uri mu Nzego z'ibanze mu Karere ka Huye mu Ntara y'Amajyepfo (Foto: J P Kayitare)**

Kayisire Pauline na we uri mu Nzego z'ibanze mu Karere ka Huye mu Ntara y'Amajyepfo, avuga ko kubamo babibamo babyishimiye kuko bafite ishyaka ryo guteza imbere Igihugu.

Ati: "Umugore arashoboye kuko twaratinyutse, tubasha kujya mu nzego zifata ibyemezo, abasha kugira icyo akora kandi agaharanira kwiteza imbere nk'umugore.

Iyo uri kumwe n'umugabo mufatanyije kubaka urugo kandi mwumvikana; azi neza ko iri ijoro utaharaye kubera ko wagiye mu zindi nshingano kandi mwabanje kujyaho inama mukabyumvikanaho, icyo gihe ataha kare kugira ngo wa mwana utari kumwe na nyina abe ari kumwe na se, amenye umwana agiye kuryama yariye cyangwa yakoze umukoro wo ku ishuri."



**Urujeni Consolée, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Remera mu Karere ka Gatsibo (Foto: Internet)**

Urujeni Consolée, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Remera mu Karere ka Gatsibo, yahamirije Imvaho Nshya ko ahuza inshingano zo kuyobora Umurenge n'iz'urugo.

Ati: "Icya mbere ni ukumenya yaba njyewe, yaba umugabo, inshingano dufite muri urwo rugo kandi n'akazi dufite na none icyo kadusaba. Ibyo tubiganiraho tugahuza, tukareba aho njyewe mbonetse we atabonetse, izo nshingano zose nkaba nazikurikirana; izo yagombaga gukora cyangwa nanjye nagombaga gukora hanyuma tugakurikirana uko abana bacu bakura neza, biga neza n'ibyo bakeneye by'ibanze bakabibona ariko na za nshingano tukazikurikirana."

Yongeyeho ati: "Uyu munsi ntibibujijwe yuko za nshingano umugabo akora n'umugore azikora. Abagore batinyuke, mu nzego nkuru z'Igihugu no kugeza ku z'ibanze tugenda tubona abagore batandukanye bari mu nshingano kandi ugasanga bubatse n'ingo zabo."

> **" Iyo umugore ari umuyobozi ntabwo bimukuraho inshingano zindi zo kureba umuryango,kumenya urugo icyo rukeneye, kumenya ibibera mu muryango ndetse no gukomeza kwibuka ko ari umubyeyi. "**



**Umubyeyi Marie Mediatrice, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Abagore (Ifoto: Internet)**

Umubyeyi Marie Mediatrice, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Abagore, avuga ko umugore ufite inshingano z'ubuyobozi no kuba ari umubyeyi, atagamburuzwa no kuba ari umugore, ahubwo ni ibyo umugore ategerejweho muri izo nshingano zose.

Agira ati: "Iyo kubihuza bigoye umuntu ashobora kugamburuzwa. Igikenewe ni ugukomeza gufasha umuntu gusobanukirwa n'uburyo inshingano ze yazuzuza.

Ashobora gusobanukirwa neza inshingano n'icyamufasha kugira ngo azihuze neza, izo nanone ni inshingano zacu nk'ubuyobozi kugira ngo umugore aho ari hose n'ubwo atari umuyobozi mu nzego zitorerwa ariko amafite inshingano mu muryango."



**Anne Marie Kagwesage, Umuhuzabikorwa w'Urunana rw'Abagore bo mu Nzego z'ibanze (Ifoto: JP Kayitare/Imvaho Nshya)**

Anne Marie Kagwesage, Umuhuzabikorwa w'Urunana rw'Abagore bo mu Nzego z'ibanze (Local Government Women Network, LGWN), ahamya ko iyo umugore ayoboye hahinduka byinshi.

Ati: "Nk'uko umugore akorera urugo rwe, akayobora n'urugo rwe, amenya ko abana mu rugo bameze neza, niko n'iyo ari mu buyobozi bw'igihugu ashishikazwa no kumenya ko abanyagihugu bameze neza. Nkeka ko utasinzira ngo wumve ufite ibitotsi uzi ko umwana wawe afite ikibazo, no mu buyobozi ni uko."

U Rwanda rwashyize imbaraga mu guteza imbere uburinganire kuva aho rushyiriye umukono ku Itangazo ry' Inama Mpuzamahanga ya kane yabereye i Beijing na gahunda yayo y'ibikorwa (Beijing Declaration and Platform for Action -BDfA), nyuma y'umwaka umwe gusa u Rwanda ruvuye muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.





# Gisagara: Gahunda zikomatanyije zabafashije kwivana mu bukene



**Aborozi bakoresha uburyo butandukanye bubafasha kwivana mu bukene**

NYIRANEZA Judith

***Abaturage bo mu Murenge wa Nyanza, mu Karere ka Gisagara bavuga imyato gahunda zikomatanyije zabafashije kwivana mu bukene bakesha gahunda Leta ibegereza, bikabahindurira ubuzima.***

Abo baturage ni abahawe amatungo magufi, amahugurwa yabahaye ubumenyi bwo kunoza ubworozi, kwibumbira mu matsinda yo kwizigama no kugurizanya, kubaka uturima tw'igikoni n'ibindi, urwo rukomatanye rukabafasha kwivana mu bukene.

Bucyana Augustin wo mu Mudugudu w'Uruvugizo, Akagari ka Higiro, Umurenge wa Nyanza mu Karere ka Gisagara yavuze ko bihuje nk'amatsinda biyemeza kwagura no kubaka iterambere ryabo.

Ati: "Twahawe amahugurwa na PRISM, twibumbira mu matsinda 19 yaje kuvamo Koperative ABESAMIHIGO NYANZA, igizwe n'abanyamuryango 439, aho abagore bagize 70%, urubyiruko ni 20% na 5 bafite ubumuga."

Yasobanuye ko imiryango itishoboye yahawe inkoko, ikurikije gahunda zikomatanyije ibasha kwivana mu bukene.

Ati:"Dutangira twahise dushyira mu bikorwa inyigisho twahawe zikomatanyije, twizigama mu matsinda, tukagurizanya, twakoze uturima tw'igikoni, tuvugurura inzu tubikesha kuba umushinga PRISM ku ikubitiro warahaye inkoko 10 buri muryango, na bo bakoroza abandi."



**Aborozi bameza ibinyampeke bakabigaburira amatungo**

Hashize igihe andi matsinda 3 bayazanira ingurube, zibwaguye baragurisha bakabona amafaranga, ufite inkoko zitera amagi akayarya kandi bakanayagurisha bakabona amafaranga. Ati: "Abahawe inkoko mbere PRISM yanabahaye ihene, nyuma twatekereje kwishyira hamwe tugakora koperative, tukaba aborozi bororera isoko."

Mukabutera Drocelle we yagarutse ku kuba umushinga warabigishije gukora uturima tw'igikoni bigafasha mu kunoza imirire. Yagize ati: "Ndashima ko PRISM yatwigishije kubaka uturima tw'igikoni, ku buryo ubu turya indyo yuzuye. Sinshobora kurya ibiryo bitagira imboga."

Umuyobozi w'Akarere ka Gisagara wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu Jean Paul Habineza, avuga ko uyu mushinga wagize uruhare runini mu gushyigikira imiryango itishoboye binyuze mu gutanga amatungo no kubahugura.

Yagize ati: "Umushinga PRISM waje tuwukeneye kuko Akarere ka Gisagara ni Akarere k'icyaro, ubukungu bwako bushingiye ku buhinzi n'ubworozi. Iyo tubonye amatungo bifasha umuturage kwikura mu bukene, kandi ni uburyo bukomatanyije bugafasha abaturage kwikura mu bukene, ntabwo umuturage yakwikura mu bukene akora akantu kamwe gusa."

Yakomeje agaragaza ko ifumbire ikomoka ku matungo ifasha mu kongera umusaruro bakanasagurira amasoko. Ati: "Uretse amafaranga, nk'abantu b'abahinzi n'aborozi babona ifumbire y'imborera yunganira ifumbire mvaruganda kugira ngo bazamure umusaruro, wazamuka bakaba babonye ibyo kurya n'ibyo bajyana ku isoko. Ntiwakwivana mu bukene udakora ku mafaranga, iyo yayabonye abasha kuzigama ejo agashora ahandi, umwana we ntiyaguma mu rugo."

Agaruka ku kurwanya imirire mibi, yagize ati: "Kurwanya imirire mibi, iyo umuntu afite inkoko abona amagi akayarya, ufite ihene waryamo imwe cyangwa ukaba wayigurisha ukagura inyama.

Abaturage baraganirizwa, bakigishwa bagahabwa ubumenyi ku bworozi, hari abibumbira mu matsinda yo kwizigama no kugurizanya, ibyo byose bikora ku mitekerereze yabo borozi."

Habineza yavuze ko ubwo buryo bukomatanyije burimo koroza abaturage, kubaha ingemwe z'imbuto umwayi w'ibihumyo n'uw'imboga.

Aborozi 4 275 bo muri Gisagara bahawe amahugurwa binyuze mu mushinga wa PRISM. Aborozi 1 529 bahawe inkoko 15 290, aborozi 489 bahawe ingurube 750, aborozi 726 bahabwa ihene 1 452, abahinzi 1 753 bahawe ibilo 34 122 by'imbuto z'imboga, imiryango 550 ihabwa inkunga y'ibiryo by'amatungo.

PRISM ni umushinga wagizwemo uruhare na Leta y'u Rwanda ifatanyije n'Ikigega Mpuzamahanga giteza imbere Ubuhinzi n'Ubworozi (IFAD), binyuze muri Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI) ugashyirwa mu bikorwa n'Ikigo giteza Imbere Ubuhinzi n'Ubworozi mu Rwanda (RAB).



**Aborozi bashima uburyo bukomatanyije bukubiye mu bikorwa byo kwivana mu bukene**

# IWAWA: Hari abahagororerwa bahigiye imyuga imaze kubinjiriza asaga Miliyoni



Ikirwa cya Iwawa

MICOMYIZA Fidele

***Abagororerwa mu Kigo Ngororamuco cya Iwawa bavuga ko bishimira gahunda ya Leta y'u Rwanda yo guha amahirwe ya kabiri abagaragayeho imyitwarire mibi, bakisanga Iwawa. Mu bari kuhagororerwa, hari abishimira ko bahigiye imyuga ituma bakorera amafaranga, ndetse hari abakiriyo bashyira mu ngiro ibyo bahigiye bakanakorera amafaranga. Kuri ubu hari abamaze gukorera arenga miliyoni muri iki kigo.***



Mu bagororerwa Iwawa harimo abize ubwubatsi bamaze binjiza amafaranga y'u Rwanda arenga miliyoni

Ikirwa cya Iwawa kiri ku buso bwa 140 (Ha) mu Kiyaga cya Kivu mu Karere ka Rutsiro mu Murenge wa Boneza mu Ntara y'Iburengerazuba.

Iyo abagororwa bahageze, bafashwa mu buryo bw'imyumvire, bagatozwa indangagaciro na kirazira, bigishwa imyuga n'ubumenyingiro harimo, ubudozi, ubwubatsi, ububaji, ubukanishi ndetse n'ubuhinzi n'ubworozi biba biherekejwe n'amategeko y'umuhanda.

Aya masomo bayiga hagamijwe kuzayakoresha bihangira imirimo igihe bazaba bagarutse mu buzima bwo busanzwe, bikazabafasha kwiteza imbere ndetse bikabarinda kongera kwisanga mu buzima bahozemo mbere nk'ubujura, ubuzererezi n'ibindi.

Ndayizeye Jean Baptiste avuga ko yageze Iwawa azira ubujura. Yize ubwubatsi arabukora ndetse akorera n'amafaranga azamufasha kwiteza imbere atashye.

Yagize ati: "Naje aha nzira ubujura, nigishijwe indangagaciro na kirazira bikwiye kuranga Umunyarwanda, igihe cyarageze baduhitishamo imyuga twiga, nahisemo ubwubatsi sinari narigeze mbukora na rimwe, nize nshyizeho umwete."

Akomeza agira ati: "Haje kuza kampani ije kubaka hano baduha akazi nkanjye nakoreye arenga miliyoni, ni amafaranga menshi ntari narigeze nkoraho ariko niteguye ko ninsubira mu muryango nzayakoresha nihangira umurimo kandi ndabizeza ko nziteza imbere."

Yakomeje ashimira cyane Ubuyobozi bw'Igihugu uburyo budahwema kubafasha no kubashakira icyarushaho kubagirira akamaro mu buzima bwa buri munsi.

Habyarimana Vincent Parotti avuga ko yageze Iwawa nyuma yo kwigaragura mu biyobyabwenge byageze ubwo bimutera ubuzererezi, avuga ko amafaranga yakoreye azamufasha kwihutisha iterambere rye ndetse no kurushaho guhinduka.

Yagize ati: "Nigaraguye mu biyobyabwenge ngera aho ntari nkimenya ko igihe cyo gutaha kigeze, nkisanga mu rugomo no guteza akajagari aho ntuye, nyuma naje kuzanwa kugororerwa hano Ubwo rero bazaga kubaka hano nagize amahirwe yo guhabwa akazi nakoreye asaga miliyoni n'ibihumbi maganabiri, ni amafaranga atari make."

Akomeza avuga ko ashimira Leta y'u Rwanda idahwema kugarura abatannye, ikabaha andi mahirwe yo kongera kwirebaho no kugaruka ku murongo.

Yijeje ubuyobozi ko aya mahirwe yahawe atazayatera inyoni ko ahubwo yiteguye gufatanya n'abandi kubaka igihugu.

Jean Damascene Nshimiyimana, Umuhuzabikorwa w'Ikigo ngororamuco cya Iwawa yavuze ko usibye gukorera amafaranga byanafashije abiga ubwubatsi kongera ubumenyi, bashyira mu bikorwa ibyo bize kandi byabateguriye kuba bashoboye guhangana n'abandi ku isoko ry'umurimo mu gihe bazaba basubiye mu miryango yabo.

Yagize ati: "Ishyirwa mu bikorwa ryakorewe ku nyubako nini cyane iruta izo bajyaga bakoreraho ubumenyi ngiro, uretse ubwubatsi busanzwe bungutse kuvanga beto, kuzinga ibyuma by'inkingi, gukora igisenge cy'ibyuma, kubaka amakaro, gusiga amarangi, gushyira ibirahuri mu nzugi no mu madirishya."



Iwawa hafatwa nk'ishuri

Yakomeje avuga ko banize kubaka urukuta ku mukingo, gushyira ku gisenge utwuma tuzana umwuka mwiza mu nzu nini cyane zihuriramo abantu benshi kandi ni byo biba bikenewe ku mwubatsi w'umwuga muri iki gihe.

Yavuze ko Abanyeshuri bakoreye amafaranga bose hamwe ari 811 aho bakoreye arenga miliyoni 100, uwakoreye menshi akaba yarakoreye arenga miliyoni n'ibihumbi magana abiri.

Mu bijyanye n'ubuzima, abanyeshuri boroye Inka zisaga 170 zibakamirwa, ndetse zikanabafasha kumva amasomo ajyanye n'ubuhinzi n'ubworozi, bahinga kandi imyaka itandukanye nk'ibijumba, ibisheke, karoti, ibiringanya, ibigori, amashu n'ibindi byose bikoreshwa mu gutuma bagira ubuzima bwiza.

Muri rusange ikigo ngororamuco cya Iwawa kirimo kugorora abanyeshuri 4,911 icyiciro cya 25, kikaba kimaze kunyurwamo n'abanyeshuri 34,449 bo mu cyiciro cya mbere kugeza ku cyiciro cya 24.

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe igororamuco (NRS) cyashyizweho n'itegeko n° 17/2017 ryo ku wa 28/04/2017. Gifite inshingano zo kurandura imyitwarire mibi yose binyuze mu kwimakaza imyitwarire myiza, gutanga uburezi no guha abantu ubumenyi n'ubushobozi mu bijyanye n'imyuga.





# Sobanukirwa byinshi ku Ndangamuntu Koranabuhanga (e-Ndangamuntu)

NYIRANEZA Judith

***Indangamuntu Koranabuhanga (e-Ndangamuntu) izaba ikozwe mu buryo nyir'ubwite azaba afite ubushobozi bwo kuyifashisha kugira ngo agere ku makuru yose amwerekeyeho, kandi bitabaye ngombwa ko agendana impapuro, ntitakara, ikosorwa byoroshye, ihabwa buri wese ukivuka, ntihinduka kandi nyir'ubwite atanga uburenganzira ku mwirondoro we, kuko amakuru abitse mu ikoranabuhanga.***




Indangamuntu Koranabuhanga izafasha kuba ibiranga umuntu byose byoroshye kuboneka

Bamwe mu barangije kwiyandikisha muri sisitemu y'Indangamuntu Koranabuhanga bavuga ko ari byiza kuba umuntu atazongera gusabwa kugendana indangamuntu, kuko hari n'igihe iyari isanzwe yatakaraga cyangwa se ikaba yanyagirwa ikononekara.

Umwe mu bashoferi ukorera mu muhanda Kigali – Muhanga, Musafiri yagize ati: "Ubu buryo bw'Indangamuntu Koranabuhanga ni bwiza kuko ntazongera kuyigendana n'ubundi amakuru anyerekeyeho azaba abitse mu buryo bw'ikoranabuhanga.

Nigeze kuyitakaza, ariko byansabye igihe mpagarika akazi mbanza kujya mu nzego bireba kugira ngo mbashe guhabwa indi. Ubu buryo bushya, ni igisubizo kirambye kuko amakuru yose yerekeye umuntu aba abitse aho atakangirika cyangwa ngo abure,ntazongera kuyigendana."

Nyana wo ku Karere ka Rwamagana, we yavuze ko nubwo muri iyo Ntara bataratangira iyo gahunda, ariko hari amakuru ayifiteho.

Yavuze ko abana be babiri bakurikirana habayeho kubusana kw'amazina, bityo igihe cy'amavuko ntikibe ari cyo, kuri bombi, ndetse umwe ashyirirwaho igitsina gabo kandi atari byo. Avuga ko byamusabye igihe kirekire ngo abashe kubikosoza.

Yagize ati: "Ikoranabuhanga ni ryiza, amakuru yose y'umuntu azajya aba abitse neza.Ikindi kuba umuntu atazongera kugendana indangamuntu ni byiza kuko wasangaga umuntu ashobora kuyitakaza ku buryo bworoshye kuko yakoreshwaga ihererekanywa muri serivisi zitandukanye nko kwa muganga n'ahandi.

Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Indangamuntu (NIDA), Mukesha Josephine, yasobanuye byimbitse ibyiza by'Indangamuntu Koranabuhanga.

Yagize ati: "Indangamuntu Koranabuhanga ntitakara, ntigendanwa, ikosorwa byoroshye, ihabwa buri wese kuva k'ukivuka, ntihinduka kandi nyir'ubwite ni we utanga uburenganzira ku mwirondoro we."

Yavuze ko bahereye ku nyigo y'indangamuntu isanzwe yafataga amakuru ajya kungana n'aya mbere, ariko kuri ubu hafatwa make kandi aba abitswe mu buryo bwizewe.

Ati: "Kuri ubu dufata make kurusha mbere, bitewe nuko uburyo yari ikoze watangaga amakuru yawe yose igihe cyose ugiye gusaba serivisi ukaba watanga n'atari ngombwa.

Mu Ndangamuntu Koranabuhanga ushobora guhitamo amakuru yawe bwite bitewe na serivisi ukeneye. Isanzwe yajyaga itanga amakuru yose naho indangamuntu koranabuhanga iha amahitamo kuri nyirayo bitewe na serivisi ashaka."

Yakomeje agaragaza ko ubu mu irangamimerere umwana akivuka aba yanditse muri sisitemu byatangiye mu 2020, umwana iyo avutse asigaye yandikirwa kwa muganga bityo aba yanditse ku mubyeyi we, nagira imyaka 16, azaba afite uburenganzira bwo kubyiyemereza.

Umuyobozi Mukuru wa NIDA Mukesha, ashishikariza abantu kwitabira icyo gikorwa, kugira ngo nibura hajye hitabira abasaga 80% hatagira ucikanwa mbere yuko gikomereza ahandi

Yavuze ko igikorwa cyatangiriye i Huye, Nyanza na Gisagara ku ya 28 Ukwakira 2025, nyuma hakurikiyeho Uturere twa Ruhango, Muhanga na Kamonyi, ubu gikomereje mu Mujyi wa Kigali, biteganyijwe kuzakomereza mu Ntara y'Iburasirazuba.

# Amatara adakenewe azajya yizimya- Urubyiruko mu guhanga udushya mu ikoranabuhanga

KAMALIZA Agnes

***Hari urubyiruko ruri gushaka ibisubizo mu ikoranabuhanga bya bimwe mu bibazo byugarije urwego rw'ingufu z'amashanyarazi mu Rwanda ruri gushakisha uko amashanyarazi ahari yabungabungwa binyuze mu kwirinda kuyasesagura; aho amatara n'ibindi bikoresho by'ikoranabuhanga bicometse bidakenewe bizajya byizima.***

Ubushakashatsi buri gukorwa n'ikigo "Tajyire Group" binyuze mu ishami ryacyo ry'ubushakashatsi, kigaragaza ko cyamaze guhanga iryo koranabuhanga rizajya rimenya ko bimwe mu bikoresho bicometse kandi bitari gukoreshwa maze bikizimya. Iki kigo cyamaze kuganira n'Urwego rw'Ingufu rw'u Rwanda, (REG) ngo harebwe uburyo iryo koranabuhanga ryagezwa mu baturage bitarenze uyu mwaka.

Umuyobozi wa "Tajyire Group", Gahungu Lambert agaragaza ko bari kwibanda ku bisubizo mu ikoranabuhanga ku bibazo babona mu ngufu z'amashanyarazi aho bari kwifashisha ubwenge buhangano mu gukemura ibyo bibazo kandi mu buryo burambye.

Avuga ko amashanyarazi ari ikintu cy'ingenzi igihugu gikeneye akaba ari yo mpamvu bahisemo gushaka uburyo bworoshye kandi burambye bwo kuyabungabunga.

Agira ati: "Uyu munsi nshobora kwibagirwa kuzimya amatara yo mu rugo; twaratekereje turavuga tuti amatara niba adakenewe si ngombwa ko hari umuntu ugenda ngo ayazimye. Yo ubwayo ashobora kumenya ko adakenewe akizimya cyangwa akamenya igihe ashobora kwaka no kuzima."

Gahungu ashimangira ko binyuze mu biganiro na REG iryo koranabuhanga rishobora kuzakoreshwa muri uyu mwaka ariko hari n'ibindi biganiro bari kugirana bigamije koroshya no gushaka ibisubizo birimo uburyo bwo gushyira umuriro muri kashi pawa aho umuntu azajya awushyiramo bidasabye ko aba ayegereye cyangwa ayikoraho n'ibindi.

Gahungu avuga ko nubwo urubyiruko rukomeje gushaka ibisubizo mu ikoranabuhanga ariko bakeneye koroherezwa, ibyo baba bakozeho ubushakashatsi bikemerwa vuba.

Kugeza ubu "Tajyire Group" imaze guha akazi abarenga 1,300 bakorera mu isoko ricuruza ibikoresho by'ikoranabuhanga ndetse bakaba bafite n'ishuri ryigisha iby'ikoranabuhanga.

Muri Gahunda y'Igihugu ya 2 yo Kwihutisha iIerambere, intego ni ukugeza amashanyarazi ahantu hose hari ibikorwa remezo by'iterambere, no kugeza amashanyarazi mu tugari twose mu Gihugu no kongera uruhare rw'ingufu zisubira.

Hazongerwa ijanisha ry'ingo zifite amashanyarazi ubu zingana na 78,9% bikajyana n'intego yo kuyageza mu Tugari twose tw'Igihugu.

Ingufu z'amashyanyarazi zizongerwa, hashingiwe ku ngano y'amashanyarazi akenewe n'ibiteganyijwe kugerwaho mu bukungu bijyanye na gahunda yo gukoresha amashanyarazi ku giciro gito.

Hazakomeza gutezwa imbere ubushakashatsi bugamije ikoreshwa ry'ingufu za Nikeleyeri mu nzego zirimo ubuzima, ingufu z'amashanyarazi, ubuhinzi n'izindi.



Gahungu Lambert, Umuyobozi wa Tajyire Group, avuga ko hari urubyiruko ruri gukora ikoranabuhanga rizunganira ingufu z'amashanyarazi

# Impuguke zibona intambara iri mu Burasirazuba bwo Hagati itazaba iya Gatatu y'Isi



Muri Iran, ibitero bimaze guhitana abarenga 1 400

ZIGAMA Theoneste

***Impuguke mu bya politiki, Ismael Buchanan, agaragaza ko nubwo intambara Leta Zunze Ubumwe za Amerika na Israel zagabye kuri Iran ikomeje kwaguka, bidakwiye gufatwa nk'intambara ya Gatatu y'Isi.***

Dr. Buchanan asobanura ko nubwo ibikorwa bya gisirikare byamaze gukwira mu bihugu bitandukanye byo mu Burasirazuba bwo Hagati n'iby'Abarabu bitaragera ku rwego Isi yose ibibona nk'intambara rusange.

Ati: "Nubwo Iran yatangiye kurasa mu bihugu birenze kimwe nka Qatar, Leta Zunze Ubumwe z'Ababaru, muri Arabia Saoudite, Bahrain, Isreal na yo ikarasa muri Lebanon, ariko ntabwo Isi yose irayibona nk'aho ari iya Gatatu y'Isi. Twaba turetse gufata uwo murongo, ibyo ari byo byose igihe cyabitwereka."

Perezida wa Leta Zunze Ubumwe za Amerika, Donald Trump, yatangaje ko ashobora guhagarika ibitero igihugu cye cyagabye kuri Iran kuva ku wa 28 Gashyantare 2026.

Ku wa 20 Werurwe, abinyujije ku rubuga Truth Social, Trump yavuze ko Amerika iri gusatira intego zirimo kugabanya ubushobozi bwa Iran mu bya misile, gusenya ibikorwa bya gisirikare no kuyikumira mu gukora intwaro kirimbuzi.

Yanagaragaje ko Amerika iri hafi kugera ku ntego yo kurinda ibihugu by'inshuti byo mu Burasirazuba bwo Hagati birimo Israel, Arabia Saoudite, Qatar, Leta Zunze Ubumwe z'Ababaru, Bahrain na Koweit. Ati: "Turi gusatira intego zacu mu gihe tunatekereza kugabanya ibikorwa bya gisirikare bikomeye byibasiye Iran."

**Impuguke Dr. Buchanan ishidikanya ku ihagarikwa ry'intambara**

Nubwo Trump atanga icyizere cyo guhagarika imirwano, Buchanan abona ko bidashoboka ko yahita ihagarara vuba. Ati: "Simbona uko Perezida Trump yahagarika intambara we ubwe yagizemo uruhare. Icyayihagarika ni uko impande zirebwa n'iyi ntambara zemera kuganira."

Mu mboni za Dr. Buchanan, abona iyi ntambara icyayihagarika Atari imbaraga za gisirikare, ahubwo yahagarikwa n'ibiganiro byahuze cyane Iran, Isiraheli na Amerika ndetse n'ibindi bihugu byose bifite aho bihuriye n'iyi ntambara.



Impuguke mu bya politiki Dr. Ismael Buckanan yavuze ko iyi ntambara itaraba iy'Isi

**U Bwongereza buhakana kwijandika mu ntambara**

U Bwongereza bwatangaje ko butigeze bwinjira mu ntambara byuzuye, nyuma y'uko Iran ibushinje gufasha Amerika. Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga wa Iran, Abbas Araghchi, yaburiye u Bwongereza ko gufasha Amerika gukoresha ibigo bya gisirikare byabwo bishobora gutuma intambara irushaho gukomera.

Mu kiganiro yagiranye na mugenzi we w'u Bwongereza, Yvette Cooper, Araghchi yagaragaje ko ubufasha ubwo ari bwo bwose buzatuma amakimbirane arushaho kwiyongera. Icyakora, Ibiro bya Minisitiri w'Intebe w'u Bwongereza byatangaje ko ubufasha byatanze bugamije kwirinda no gusubiza ibitero, atari ukwivanga mu ntambara byuzuye.

Dr. Buchanan asobanura ko u Bwongereza n'ubwo butagaragaza ko na bwo buri mu ntambara byeruye ariko bizwi ko busanzwe buri mu Muryango wa NATO wo gutabara hagati y'Ibihugu byo mu Burayi ndetse na Amerika.

Ati: "Muzi neza ko u Bwongereza na USA bafatanya binyuze muri NATO, nta gitangaza kuba Iran yaba ishinja u Bwongereza kuko byagaragaye ko bushyigikiye USA na Isreal.

Iyo mpuguke yakomoje no kuri Israel ishaka kuba yahagarika imirwano mu bice bitandukanye, kandi kugira ngo ihagaragare bisaba ko abo mu gihugu imbere mu Leta Zunze Ubumwe z'Amerika, bashyira igitutu kuri Perezida Trump kugira ngo yemere kuva muri iyi ntambara.

**Imiterere y'intambara n'ingaruka zayo**

Iyi ntambara yatangiye ku wa 28 Gashyantare 2026, ubu ikaba imaze ibyumweru 4. Raporo zitandukanye zigaragaza ko imaze kugwamo abantu bagera ku 1,400 muri Iran. Mu bapfuye harimo n'abayobozi bakomeye b'iki gihugu, barimo n'uwari Umuyobozi w'Ikirenga, Ali Khamenei Ayatollah.





# Ngororero - Nyange: Imihanda mishya bubakiwe yabaruhuye gutwara abarwayi mu ngobyi

HABIMANA Eric

***Abaturage bo mu Murenge wa Nyange, mu Karere ka Ngororero, barishimira impinduka zatewe n'imihanda mishya yubatswe aho bavuga ko yoroheje ubuhahirane ndetse igakuraho bimwe mu byari imbogamizi ku babyeyi n'abarwayi birimo no kuba hari abatwarwaga mu ngobyi kubera imiterere mibi y'umuhanda.***



Imihanda mishya yubatswe yoroheje imigenderanire n'abagana kwa muganga ntibagihekwa mu ngobyi, imbangukiragutabara zibageraho

Abagana Ikigo Nderabuzima cya Nyange B, bavuga ko mbere yo gushyirirwamo kaburimbo mu mihanda kugera kuri serivisi z'ubuvuzi byari ikibazo gikomeye kuko imihanda yari yuzuyemo ibyondo, ibinogo n'ubunyereri, bigatuma imodoka zitabasha kuhagera cyane cyane mu bihe by'imvura.

Byaratumaga abarwayi barembye bajyanwa mu ngobyi cyangwa bakabatwara mu maboko ibyashoboraga no gushyira ubuzima bwabo mu kaga.

Ntakirutimana Innocent utwara abagenzi ku igare muri aka gace avuga ko mbere byamusabaga imbaraga nyinshi ndetse rimwe na rimwe akabura uko ageza ibyo batwaye ku kigo nderabuzima.

Ati "Hari aho wageraga ukabura uko unyuzamo igare tugahitamo kwikorera ibintu ku mutwe, ariko ubu ibinyabiziga birahagera natwe tugakora akazi kacu nta nkomyi."

Bizumutima Monique utuye mu Kagari ka Gaseke, avuga ko ubu ubuzima bworoshye cyane ugereranyije n'uko byari bimeze mbere.

Ati "Mbere umurwayi ibinyabiziga byamusigaga mu nzira bigasaba ko bamurandata mu maboko cyangwa bakazana ingobyi bakamutwaraho ariko ubu ikinyabiziga kirakujyana kikakugeza mu kigo nderabuzima ."

Mukeshayezu Christine Umuyobozi wungirije w'Ikigo Nderabuzima cya Nyange B, avuga ko mbere imbangukiragutabara yagumaga ku isoko, kubera imihanda mibi bigatuma abarwayi batwarwa mu buryo bushobora gushyira ubuzima bwabo mu kaga.

Ati "Ubu ambulance irahagera neza bikagabanya ibyago byo gutakaza ubuzima ku murwayi. Mbere twarabahekaga ugasanga umurwayi ashobora kuhaburira ubuzima, buriya iminota itatu iyo uyitakaje ku murwayi birahagije ko aba abuze ubuzima."

Ubuyobozi bw'Akarere ka Ngororero buvuga ko iyi mihanda yubatswe mu rwego rwo gushyira umuturage ku isonga no kumworohereza kugera kuri serivisi nziza.

Umuyobozi w'ako Karere wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Uwihoreye Patrick ashimangira ko iyi ari intangiriro y'iterambere ryagutse yaba ku baturage no ku igihugu muri rusange.

Ati: "Dufite gahunda yo gukwirakwiza imihanda hirya no hino kugira ngo umuturage ajye agera kuri serivisi atagowe kandi ntabwo ari hariya gusa ."

Si uyu muhanda gusa uri guhindura ubuzima bw'abaturage kuko hari n'indi irimo kubakwa, nk'ugana ku Ishuri rya Ecole Secondaire Nyange uzafasha abanyeshuri n'abahasura kugera ku ishuri bitabagoye cyane cyane mu bihe by'imvura.

Yongeraho ko Akarere ka Ngororero gafite imishinga minini y'imihanda irimo uwa Kazabe–Kageyo–Sovu–Rutsiro ungana na kilometero 52 uzatwara miliyari zisaga 48 z'amafaranga y'u Rwanda, ndetse n'umuhanda wa Ngororero–Satinsyi–Rugabagaba–Vunga–Nyakinama wa kilometero 28 uzatwara miliyari zirenga 31. Iyi mihanda yose ikazubakwa ku bufatanye n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Iterambere ry'Ubwikorezi (RTDA).

Iyi gahunda yose igaragaza ko iterambere ry'imihanda rikomeje guhindura ubuzima bw'abaturage aho ryoroheje ingendo n'ubuhahirane, ndetse rikaba rinarokora ubuzima bw'abarwayi batagikeneye gutwarwa mu ngobyi nk'uko byahoze mbere.

# Nyagatare: Abatuye Karama bahamya ko bakesha iterambere Imiyoborere myiza

HITIMANA Servand

***Abaturage b'Umurenge wa Karama mu Karere ka Nyagatare bavuga ko bishimira iterambere bagezeho ririmo ibikorwa bifatika by'ubukungu ndetse n'iterambere ry'imibereho myiza bakesha ubuyobozi bwiza.***

Abo baturage bavuga ko babishingira ku mpinduka zihagaragara yaba iza rusange zirimo ibikorwa remezo bitahabaga ubu bikaba byarahagejejwe n'impinduka ku mibereho y'abaturage bateye imbere.

Rucahaga Martin agira ati: "Inaha ubuzima bwarahindutse, hari ibyo dusangiye nk'abaturage twagejejweho na Leta ubusanzwe byari inzozi kuri twe.

Nkange wavukiye inaha, ntabwo twumvaga ko hagera amashyanyarazi. Nta n'uwari uyazi keretse ababashaga kujya nk'i Kigali cyangwa i Byumba. Uyu munsi turacana twarasirimutse. Hari umuhanda wa kaburimbo, hari amashuri amavuriro n'ibindi."

Mukanzigiye Laurence nawe agira ati: "Uyu munsi ubuzima bw'abanyakarama bwarahindutse cyane. Kera akazi inaha kwari uguhinga gusa kandi nabwo tugahingira kurya. Uyu munsi duhinga mu buryo bugezweho tugakoresha amafumbire tukeza byinshi aho duhingira isoko tukabona amafaranga. Amashanyarazi yatumye hahangwa indi mirimo irimo ubusuderi, kogosha, serivisi z'ikoranabuhanga. Ibi byose ni ubuyobozi bwiza tubikesha."

Mu bindi abo baturage bashima ni uburezi kuri bose. Kakuze Emelance yagize ati: "Umuturage w'i Karama sinzi uko yashima agasiga ibijyanye n'amashuri twegerejwe. Mu bihe byacu wasangaga nko ku mwaka hari nk'abana 6 batsindiye kujya mu mashuri y'isumbuye. Uku kwiga kw'abantu bake na byo byagiraga ingaruka ku mitekereze no kwaguka k'ubwonko ku buryo bwo kwiteza imbere."

Umuyobozi w'Akarere ka Nyagatare wungirije ushinzwe Imibereho myiza y'Abaturage Murekatete Juliet, avuga ko biri mu nyungu z'ubuyobozi kugira umuturage wishimira ko ava ahabi agana aheza.

Ati: "Ubuyobozi buba bubereyeho abaturage. Icyifuzo ni uko umuturage afashwa kugira intambwe atera ahindura imibereho ye, kandi mu ngeri zose. Niba yeza toni imwe uyu munsi, umwaka utaha akeza toni 2. Kandi iyo hari impinduka ku muryango runaka zirigaragaza aho usanga uwari mu nzu y'amabati 30 ayongera akanashyiraho arushijeho kuba meza."

Yavuze ko ubuyobozi busaba abaturage gukomeza intambwe aho Leta na yo ikora ibiri mu nshingano zayo ibagezaho ibiborohereza mu mikorere ubundi na bo bakaguma mu ngamba zo kwiteza imbere n'Igihugu muri rusange.



Mu byishimirwa n'abatuye i Karama harimo umuhanda wa kaburimbo ugera mu Murenge wabo

# Muhanga: Ingo 2 000 zigiye kubona amazi meza zegerejwe imiyoboro

HABIMANA Eric

***Abaturage basaga 2 000 bo mu Karere ka Muhanga bagiye kugezwaho amazi muri uyu mwaka w'ingengo y'imari wa 2025-2026, ikaba ari inkuru nziza ku barimo abavomaga kure cyangwa bagashoka ibishanga n'amazi yo mu mibande.***

Kuri ubu, mu Mirenge itandukanye igize Akarere ka Muhanga hakomeje kugezwa imiyoboro y'amazi yubatswe mu buryo bujyanye n'igihe, hakaba hari n'abakomeje gukurura amazi bayakuye kuri iyo miyoboro bayerekeza mu ngo zabo.

Ni amazi aje nk'igisubizo ku bibazo byari bimaze imyaka myinshi bibangamiye imibereho yabo.

Niyotwagira Theodomile, utuye mu Murenge wa Shyogwe, Akagari ka Mbale, ni umwe mu bamaze kubona amahirwe yo kwegerezwa amazi.

Avuga ko mbere byamusabaga urugendo rugera ku minota 30 ajya kuvoma ku mugezi, rimwe na rimwe akoherezayo abana, ibintu byababagoraga kubera igihe n'umunaniro.

Ati: "Aya mazi maze igihe kinini nyategereje. Nkibona banyujije amatiyo hano nahise ntangira gushaka uko nayageza mu rugo. Ubu tugiye kujya tuyabona bitatugoye, abana ntibongere kujya mu kabande."



Abaturage banejejwe nuko bagejejweho amazi banahabwa amavomo

Ku rundi ruhande, Uwimana Primitive uturiye umuyoboro wa Songa-Mbale, avuga ko kubona amazi meza ari inzozi yari amaranye imyaka irenga 40.

Yemeza ko nubwo umugabo we yitabye Imana atarabona ayo mazi kandi zari inzozi ze, ari ikintu gishimishije kubera ko nibura we abibonye bitakiri inzozi.

Ati: "Nari nararwaye kenshi bitewe n'amazi mabi. Ubu kuba ngiye kubona amazi meza numva ari nk'igitangaza. Ndateganya no kujya mpaho no ku bandi batayafite."

Ubuyobozi bw'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Amazi, Isuku n'Isukura (WASAC), buvuga ko gahunda yo gukwirakwiza amazi meza muri Muhanga iri gushyirwa mu bikorwa ku buryo bwihuse.

Umuyobozi w'Ishami rya WASAC mu Karere ka Muhanga, Bihoyiki Alice atangaza ko muri uyu mwaka w'ingengo y'imari wa 2025-2026 bazageza amazi meza ku ngo 2000.

Ati: "Tumaze kugera ku ngo zigera ku 1900, kandi turimo kubaka no gusana imiyoboro itandukanye. Dufite intego yo gukomeza kwagura ibikorwa kugira ngo abaturage bose babone amazi meza."

Mu mishinga iri gukorwa harimo kubaka imiyoboro mishya ingana n'ibilometero birindwi, gusana iyangiritse igera kuri 26, ndetse no gutegura imishinga minini irimo uwa Kagaga uzunganira uruganda rwa Gihuma rusanzwe rutanga amazi mu Mujyi wa Muhanga.

Kugeza ubu haracyari imbogamizi z'amazi make cyane cyane mu bice by'umujyi, aho bisaba kuyasaranganya kubera ko uruganda rwa Gihuma rwubatswe mu 1988 rugifite ubushobozi buke ugereranyije n'ibikenewe uyumunsi.

WASAC ivuga ko uru ruganda rutanga meterokibe 3.800 kandi rwakabaye rutanga meterokibe 4.000.

Kugeza ubu, Akarere ka Muhanga kageze ku gipimo cya 92% mu kugeza amazi meza ku baturage.

Gahunda ya Guverinoma y'Imyaka 5 yo Kwihutisha Iterambere (NST2) iteganya ko bitarenze mu 2029, abaturage bose bazaba bagerwaho n'amazi meza mu mijyi, nibura abo mu cyaro bakaba babona amazi muri metero zitarenze 500 bavuye ku ngo zabo.

# Gucanira umuhanda Nyagatare-Mirama byatumye bongera amasaha yo gukora

HITIMANA Servand

***Abatuye mu Mudugudu wa Mirama, Umurenge wa Nyagatare bavuga ko kuba barashyiriweho amatara yo ku mahanda byabahaye umutekano ndetse bituma bongera n'amasaha yo gukora.***

Ibi barabigarukaho mu gihe hagiye gushira ukwezi bacaniwe ku muhanda Nyagatare Mirama waherukaga gushyirwamo kaburimbo.

Abahatuye n'abahakorera bavuga ko uyu muhanda ugicanirwa hahise hahindura isura haba heza cyane by'umwihariko mu masaha ya nijoro.

Ni amatara kandi yatumye bizera umutekano binatuma bongera amasaha yo gukora.

Umwe muri abo baturage witwa Nkurunziza Thadeo yabwiye Imvaho Nshya ati: "Ni iby'agaciro kuba uyu muhanda waracaniwe. Ubundi aha nko mu gihe cy'imvura guhera saa moya habaga hari umwijima ku buryo kuhanyura hateraga ubwoba. Urabona haturanye n'igishanga kirimo ishyamba ku buryo abanyarugamo bashoboraga kwihishamo wazamuka uri umwe bakakwambura.

Nyamara ubu uyu munsi kuhagenda nijoro ubona ari nka kumanywa ku buryo saa tatu urujya n'uruza ruba rukiri mu muhanda.

Ngwabije Nathan na we agira ati: "Uyu muhanda kuba waracaniwe byaduhaye umutekano. Ikindi ni uko abantu benshi batuye Mirama bakorera ibikorwa byabo mu Mujyi wa Nyagatare. Amasaha yo gukora kuri bo yariyongereye kuko batakikanga gutaha mu mwijima. Ibi rero biragira impinduka nziza ku mikorere yacu no kwiteza imbere.

Mukarutesi Ange nawe yunzemo ati: "Gucanira uyu muhanda ni inyungu muri rusange ariko by'umwihariko kuri twe abagore twikorera ubushabitsi, wajyaga nko mu isoko Nyagatare n'ahandi ugatanguranwa n'amasaha, kugira ngo uzamuke aha hakibona.

Ni mu gihe buriya mu masoko abakiriya baboneka ku mugoroba abantu bavuye mu kazi. Ubu rero turi gukora akazi kacu ntacyo twikanga."

Ubuyobozi buvuga ko uwo muriro bari bawusezeranyije abaturage bityo ko imvugo ibaye ingiro aho basabwa na bo kubishingiraho bakiteza imbere.

Umuyobozi w'Akarere ka Nyagatare Wungirije ushinzwe iterambere ry'Ubukungu, Matsiko Gonzague agira ati: "Iyo

twitegura ibikorwa tuzashyira mu ngengo y'imari twegera abaturage bakaduha ibitekerezo ku byihutirwa bakeneye gukorerwa.Ni muri urwo rwego umwaka ushize abaturage ba Mirama bifuje umuhanda wa kaburimbo ,turawukora



Abatuye Mirama barashima ko umuhanda wabo wacaniwe byongera icyizere ku mutekano

hanyuma turanawucanira kugira ngo abawukoresha bagire umutekano.

Turabasaba rero kubyaza umusaruro iki gikorwa remezo kikaborohereza mu kwiteza imbere, bagakoresha igihe neza kuko batagitanguranwa n'amasaha.

Ubuyobozi bw'Akarere ka Nyagatare buvuga ko ibikorwa byo gucanira uyu muhanda ureshya n'ibirometero 2.5 no kuwushyiramo kaburimbo byose hamwe byuzuye bitwaye miliyari 2, 95 z'Amafaranga y'u Rwanda.





# Amajyepfo: Miliyari zirenga 13 Frw zigiye gushorwa mu mushinga Green Amayaga II



Umuyobozi wa REMA Juliet Kabera, (Uwa mbere uturutse ibumoso) yifatanya n'abaturage b'Akarere ka Nyanza gutera ibiti mu rwego rwo gutangiza umushinga Green Amayaga II

BAHUWIYONGERA Sylvestre

***Abaturage b'Uturere twa Nyamagabe, Nyanza na Ruhango mu Ntara y'amajyepfo, baravuga ko biteze impinduka mu iterambere bagiye kuzanirwa n'umushinga Green Amayaga, wo gusubiranya Umuhora wa Nyungwe - Ruhango wari warangijwe cyane n'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe uhuriweho n'utwo Turere twose.***

Mu bizawukorwamo muri iyi myaka 5 uzamara ukorera mu Mirenge 8 y'Akarere ka Nyamagabe, 2 y'aka Nyanza n'indi 2 y'aka Ruhango, harimo gusazura amashyamba y'abaturage atagitanga umusaruro kuri hegitari 2 '162.

Hari kandi amaterasi y'indinganire azakorwa kuri hegitari 8931, gutunganya igishanga cya Mwogo cyangiritse kuri hegitari 200, ahazabungabungwa inkengero zacyo, haterwa ibiti gakondo.

Hazanaterwa ibiti ku nkengero z'imihanda, hakazanaterwa ibiti gakondo ku mugezi wa Mwogo, n'ibindi bikorwa bizahakorerwa, byose hamwe bizarangira bitwaye amadolari ya Amerika 9 100 000, arenga amafaranga y'u Rwanda miliyari 13.

**Ni umushinga witezweho impinduka nyinshi mu baturage nk'uko babigaragaza**

Mutabaruka Jean wo mu Murenge wa Nyagisozi, Akagari ka Nyanza, aragira ati: "Uretse gusubiranya urusobe rw'ibinyabuzima mu muhora wa Nyungwe-Ruhango ubutaka bwacu bwatwarwaga n'isuri tugahinga ntitweze bukabungabungwa, tunawitezeho guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe, tukanawitegaho cyane cyane kuzaduha akazi, tukarushaho kwiteza imbere."

Umuyobozi w'Akarere ka Nyanza wungirije ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Kayitesi Nadine yemeza ko abaturage b'Imirenge ya Nyagisozi na Cyabakamyi uyu mushinga uzakoreramo, uzajya kurangira barahindutse mu mifuka no mu mitekerereze, barateye imbere bifatika bitewe n'inyungu zitabarika bazawukuramo.

Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Habimana Thadée, avuga ko uyu mushinga uzagera mu Mirenge 8 kuri 17 ikagize, bivuze ko uzagera hafi kuri 1/2 cy'abaturage 374 000 Akarere gafite, ukazazamura imibereho yabo.

Ati: "Tuwitezeho inyungu nyinshi cyane, cyane cyane ko uzadufasha kubungabunga icyogogo cy'imigezi ya Mwogo, Rukarara n'indi iyikoraho. Uretse umubare munini w'abaturage bazahabwamo akazi, n'ubuhinzi, ubworozi, amashyamba kimeza, ibidukikije n'ibinyabuzima binyuranye bizahungukira cyane kuko bizarushaho kubungabungwa, imyaka y'abaturage ntiyongere gutwarwa n'isuri.

Umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe kurengera ibidukikije (REMA) Juliet Kabera yavuze ko uyu mushinga watekerejwe nyuma yo kubona impinduka zikomeye mu iterambere umushinga ucyuye igihe' Green Amayaga Project ' usigiye abaturage b'Imirenge 20 y'Uturere twa Kamonyi, Nyanza, Huye na Gisagara wari umazemo imyaka 5.

Yizera ko n'uyu mushinga uzahindurira ubuzima abaturage b'Imirenge 12 y'Uturere twa Nyamagabe, Nyanza na Ruhango ugiye gukoreramo. Ati: "Twahafatiye icyitegererezo cyo kwagura ibyo twakoraga, akaba ari muri urwo rwego twaje gutangiza umushinga mu yindi Mirenge. Tuzibanda cyane ku migezi ya Mwogo na Rukarara tuyitunganye, kuko iyo imvura iguye ari nyinshi irayangiza cyane bigateza izindi ngaruka."

Uwo mushinga watangirijwe ku mugaragaro mu Murenge wa Nyagisozi, Akarere ka Nyanza, igikorwa cyabanjirijwe n'umuganda rusange w'abaturage b'uyu Murenge n'indi bihana imbibi, aho Umuyobozi w'ikigo cy'igihugu gishinzwe kurengera ibidukikije (REMA) Juliet Kabera yifatanyije na bo gutera ibiti, uzakorwamo byinshi nk'uko uyu muyobozi yabigaragaje.

Biteganyijwe ko uyu mushinga uzaha akazi abaturage barenga 280 000 b'Uturere uzakoreramo.



Imivu imanura itaka n'imifuka bagerageza gushyira mu muhanda kubera ko wangiritse

# Huye: Umuhanda Gahenerezo-Rukira ugiye gukorwa

BYUKUSENGE Annonciata

***Abatuye n'abagenda mu Murenge wa Huye, Akarere ka Huye binubira gukoresha umuhanda wa Gahenerezo-Rukira, kuko batawukoresha igihe cyose cyane mu gihe cy'imvura bitewe nuko udatunganyijwe kandi ukoreshwa n'ibinyabiziga bitandukanye birimo n'ibiremereye bitwara imicanga n'amabuye.***

Abafite ibinyabiziga bakoresha uwo muhanda, bavuga ko mu gihe cy'imvura ibinyabiziga batabikoresha kuko uba wuzuyemo amazi amanuka kandi unyerera ku buryo n'abagenda n'amaguru bawunyereramo bakagwa.

Habimana utwara abagenzi kuri moto, avuga ko atuye mu Kagali ka Rukira, ariko akagaruka ku mbogamizi zo gukoresha uwo muhanda.

Ati: "Uyu muhanda utuma tudakora akazi, cyane nk'ubu mu gihe cy'imvura kuko wuzuyemo imikuku yaciwe n'amazi y'imvura. Buri muganda wa nyuma w'ukwezi turawukora iyo ari mu gihe cy'imvura, ariko n'ubundi uranga ugatwarwa n'imvura.

Twagerageje gushyiramo itaka biranga, dushyiramo imifuka irimo itaka biranga, ducukura ibinogo bifata amazi ku nkengero zawo nabyo biba iby'ubusa."

Akomeza avuga ko kubera ko uwo muhanda uhera ku ntangiriro y'umusozi ukagera ku gasongero kawo, amazi yose aturuka ruguru aramanuka akangiza umuhanda.

Harerimana Vedaste, na we utwara abagenzi kuri moto, mu Murenge wa Huye, yagize ati: "Njyewe nkoresha uyu muhanda ntwara abagenzi, ariko ntabwo ntuye muri Rukira. Ikibazo uyu muhanda ufite keretse gikemuwe mu buryo burambye, kuko mu gihe cy'imvura nta motari wawuzanamo umugenzi. Ubunyerere butuma haba impanuka ku buryo abatuye mu bice bisaba kuwunyuramo, mu mvura bacumbikisha moto zabo. Ab'imodoka bo sinzi uko babigenza kuko na Fuso zitwara amabuye n'imicanga usanga zaguyemo."

Umuyobozi w'Akarere ka Huye wungirije ushinzwe Ierambere ry'Ubukungu, Kamana Andrée, yabwiye Imvaho Nshya ko iki kibazo bakizi kandi ko kirimo gushakirwa igisubizo kirambye.

Ati: "Umuhanda Gahenerezo-Rukira ni umwe mu mihanda dufite iri muri gahunda yo gukorwa. Twari dufite imihanda yo mu bice bitatu by'umujyi, ariyo umuhanda wa Mbazi ujya ku Murenge, umuhanda w'i Cyarwa n'uyu wa Gahenerezo-Rukira.

Uwa Mbazi na Cyarwa ni yo yabanje kuko yari yarangiritse kurusha uyu wa Rukira, ariko mu ngengo y'imari ya 2026-2027 na wo uratangira gukorwa kuko n'isoko ryo kuwukora ryamaze gutsindirwa."

Akomeza avuga ko basaba abaturage kujya bafata neza ibikorwa remezo begerezwa, kuko bitwara ingengo y'imari nyinshi, bikaba byiza bagiye babigira ibyabo.

Akarere ka Huye kagizwe n'Imirenge 14. Umujyi wa Huye ni umwe mu mijyi yungaira Kigali, Imirenge ine ariyo; Ngoma, Tumba, Mukura na Huye ikaba ariyo igize igice cy'umujyi.

# Nyamagabe: Ubworozi bw’inkoko bwagabanyije imirire mibi

BYUKUSENGE ANNONCIATA

***Ubworozi bw’inkoko ni kimwe mu buryo bwagabanyije imirire mibi mu Karere ka Nyamagabe kuko imiryango 900 yari ifite abana bagwingiye n’abafite ibimenyetso by’imirire mibi, ubu bose bafite imibereho myiza kuko babonye amagi yo kurya.***

Mu Karere kose muri Kamena 2025, habarurwaga ingo 900 zagaragaragamo abana bafite ibimenyetso by’imirire mibi n’igwingira kurusha abandi, zahawe inkoko 3 600, aho buri rugo rwahawe inkoko 4 ziyifasha kuva muri icyo kibazo burundu.

Mukashyaka Innocente, umubyeyi w’abana babiri, utuye mu Murenge wa Cyanika, Akagali ka Gitega, Umudugudu wa Gitega, avuga ko mu 2024 yari afite ikibazo cy’imirire mibi we n’abana be.

Ati: “Nari mfite umwana w’imyaka ine arwaye bwaki, nanjye nari ntwite mfite ikibazo cy’imirire mibi ku buryo byagize ingaruka ku mwana


**Mukashyaka Innocente yavuye mu miirire mibi n’abana be kubera ubworozi bw’inkoko**

nabyaye ubu ufite umwaka n’amezi arindwi afite ibilo 7.”

Akomeza avuga ko muri Kamena 2025 ari bwo yahawe inkoko nk’umwe mu miryango itishoboye yari ifite imirire mibi.

Ati: “Bampaye inkoko enye, ndazorora mu mezi atatu zitangira gutera. Umwana wanjye ntiyiyongeraga n’umusatsi wari waracuramye, ariko atangiye kurya amagi yahise atangira kugira ubuzima bwiza, atangira no kugenda. Ubu maze kugira inkoko 16 mu mezi 8.”

Yongeyeho ko inkoko 10 muri 16 zitera amagi 10 buri munsi, bakarya amagi 4, akazigama 6, ari nayo agurisha buri cyumweru agakuraho amafaranga yo kwizigama mu itsinda no guhaha ikindi gikenewe mu rugo.

Nyirahweza Genereuse, utuye mu Murenge wa Gasaka, avuga ko we n’umuryango we bari bafite ikibazo cy’imirire mibi kubera amikoro make kuko baryaga ari uko yavuye guca inshuro.

Ati: “Narahingaga bakampemba amafaranga y’u Rwanda 1 500, nkabura icyo nyahahamo ngo abana barye bahage. Hari ubwo nahitagamo ko bampa ibijumba, ugasanga tubiriye inshuro zirenze eshatu twikurikiranya. Maze kubona inkoko twatangiye kwihaza mu biribwa kuko twabonaga ifunguro rifite intungamubiri.”

Umuyobozi w’Akarere ka Nyamagabe wungirije ushinzwe Iterambere ry’Ubukungu Habimana Thadée, yabwiye Imvaho Nshya ko bari mu bukangurambaga bwo kurwanya imirire mibi n’igwingira mu bana bari munsi y’imyaka itanu.

Ati: “Ni intambwe ikomeye kandi dukomeje ubukangurambaga, kuko Ubushakashatsi bwa karindwi ku mibereho y’ingo (EICV 7) bwagaragaje ko igwingira mu bana riri ku gipimo cya 29,4% rivuye kuri 51,8% twariho muri 2015. Turifuza kugabanya iki gipimo kuko kiracyari hejuru nubwo hari intambwe yatewe.”

Akomeza avuga ko basaba abamaze guhindura imyumvire kubwira abaturanyi babo akamaro k’amagi, avoka, ibinyomoro n’ibindi kuko abana bari mu mirire mibi ni bwo bayivamo.

Yagize ati: “Nimubivuge hose mu matsinda mubamo, ku nsengero n’ahandi, kuko ni bwo muzaba mudufashije mu mpinduka nziza.”

Izo ngo zahawe inkoko n’umushinga SAIP ukorera muri RAB-SPIU hagamijwe kurwanya imirire mibi, aho imiryango ibihumbi 72 yafashijwe kuzamura imibereho binyuze mu kuyiha inkoko, imigina y’ibihumyo no kubakorera uturima tw’igikoni.

Abatishoboye bari bafite abana bagwingiye n’abagaragazaga ibimenyetso by’imirire mibi bahawe ubufasha ni abo mu Mirenge ya Cyanika, Tare, Gatare na Musebeya, bakaba barahawe ibilo 4000 by’ibishyimbo bikungahaye ku butare ku miryango 400, inkoko 3 600 ku ngo 900, ingo 1 337 zahawe imigina y’ibihumyo 26 740, bakaba barahawe n’ibiti by’imbuto birimo amatunda, ibinyomoro, avoka n’amacunga.

# Karongi: Ubuzima bw’ubuhunzi bwatumye bishyira hamwe bakora resitora

NDOLI Sitio

***Abagore batanu bo mu nkambi ya Kiziba mu Karere ka Karongi, bavuga ko ubuzima bushariririye banyuzemo, bwatumye bishyira hamwe bashinga resitora iciriritse ifite agaciro ka miliyoni imwe none kuri ubu igeze kuri miliyoni eshanu.***

Bavuga ko ubuzima bwo mu nkambi buba bugoye kuko batungwa n’amafaranga bahabwa n’Ishami ry’Umuryango w’Abibumbye ryita ku Mpunzi (HCR) kandi adahagije mu kubabonera ibibatunga.

Ibyo ni byo byatumye mu 2021 bafata gahunda yo gutanga amafaranga ibihumbi maganabiri kuri buri wese, bamwe bayagujije mu bimina maze bashinga resitora yo gufasha abakozi b’imiryango itandukanye ikorera muri iyo nkambi.

Nyirarukundo Aline umwe muri bo yagize ati: “Ubuzima hano buragoye ariko tuba mu matsinda, twagujije mu bimina maze dushinga iyi resitora, twahereye kuri miliyoni imwe.”

Yakomeje agira ati: “Ntabwo tugabana buri kwezi, nibura rimwe mu gihembwe kuko ntabwo tukibona ibiraka byinshi kuko imishinga yakoreraga mu nkambi yaragabanyutse ariko iyo tugabanye buri wese abona ibihumbi ijana.”

Nyirarukundo yavuze ko kwishyira hamwe byababafashije kwita ku miryango yabo.

Ati: “Mbasha kwita ku muryango wanjye no kuba abana banjye batari ku muhanda basabiriza, nkababonera


**Abagore batanu bishyize hamwe mu nkambi ya Kiziba bashinga resitora ibafasha guhindura imibereho**

imyenda n’inkweto, mbona ari iby’agaciro kenshi ndusha bagenzi banjye badafite icyo bakora muri iyi nkambi.”

**Abibumbiye hamwe bagashinga resitora bahamya ko imaze kubageza ku iterambere.**

Mukamana Evelyne ati: “Iri tsinda rimfitiye akamaro kanini rimfasha kuzigamira abana banjye, naguze itungo ndetse ndihirira umwana kwiga imodoka maze abona uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga.

Abo bagore batanu bavuga ko batanze akazi ku bantu batatu bahoraho ndetse n’iyo babonye akazi kenshi bagatanga kuri banyakabyizi.

Umuyobozi ushinzwe gahunda z’impunzi muri Minisiteri ishinzwe Ibikorwa by’Ubutabazi, Gonzague Kayigire, avuga ko kuba impunzi zishobora kujya mu bikorwa by’iterambere, ari imwe muri gahunda yo kubinjiza mu buzima busanzwe nk’ubw’abandi Banyarwanda.

Yagize ati “Kuba bacuruza ni no guha serivisi impunzi ubwazo, kuko impunzi ntabwo tukiziha ibiribwa, byose babihabwa mu mafaranga. Abo bakora ubucuruzi bibafasha kubona ibyo bakeneye kuko baba bafite amafaranga yo kubigura. Tugamije kugira ngo impunzi zigire ubushobozi ubwazo, mu gihe n’iyo nkunga basanzwe bahabwa igenda igabanyuka.”

Inkambi ya Kiziba icumbikiwemo impunzi z’Abanyekongo basaga ibihumbi 14.





# Abatuye muri Burera bifuza umuhanda ubahuza na Gicumbi

NGABOYABAHIZI Protais

***Abaturage bo mu Karere ka Burera bakomeje kugaragaza icyifuzo cyo gukorerwa umuhanda mwiza urimo kaburimbo ubahuza n’abo mu Karere ka Gicumbi, bavuga ko wabafasha kubona serivisi zitandukanye no guteza imbere ubuhahirane hagati y’utu Turere twombi.***

Iki cyifuzo kigarukwaho n’abaturage bo mu Mirenge itandukanye igize Burera, ihana imbibi n’Akarere ka Gicumbi, bavuga ko kuba nta muhanda nyabagendwa uhuza utu Turere bibadindiza mu iterambere ndetse bikabateza igihombo mu ngendo za buri munsi.

Uwiduhaye Jean de Dieu, umwe mu baturage bo muri Burera akaba atuye mu Murenge wa Bungwe, yavuze ko abatuye mu bice byegereye Gicumbi bakenera serivisi zitandukanye ziboneka mu mujyi wa Gicumbi kuko ari wo ubegereye kandi urimo ibikorwa remezo byinshi.

Yagize ati: “Nk’ubu kuva hano kugera i Gicumbi kuri moto baduca amafaranga ibihumbi umunani bitwaje ko umuhanda atari nyabagendwa kuko wangiritse, cyane cyane ku ruhande rw’Umurenge wa Manyagiro. Ni yo mpamvu dusaba ko hakorwa ubuvugizi uwo muhanda ugakorwa, ikibazo kandi ni uko n’igitaka bari barashyizemo kigenda gitwarwa n’isuri umuhanda


**Abaturage bo mu Karere ka Burera bifuza ko imihanda ibahuza na Gicumb yakorwa neza**

ukaba warabaye ibinogo bityo imodoka kuhagera bikagorana.”

Muhayimana wo mu Murenge wa Butaro, yavuze ko umuhanda uhuza Burera na Gicumbi wafashe cyane abahinzi n’abacuruzi kubona amasoko mashya. Yagize ati: “Hari abajyanayo abarwayi cyangwa bagiye kurangura ibicuruzwa, ariko bahura n’ingorane z’umuhanda mubi wangiritse, erega buriya twifuza ko hajyamo kaburimbo. Iyo uba ari nyabagendwa, twahahirana neza kandi n’igihe cy’urugendo kikagabanyuka.”

Mukandayisenga Espérance wo mu Murenge wa Kivuye na we yavuze ko umusaruro w’ubuhinzi uboneka muri Burera ari mwinshi, ariko kuwugeza ku masoko atandukanye bikaba imbogamizi kubera imihanda itameze neza, ibahuza na Gicumbi.

Yagize ati: “Umuhanda mwiza watuma tugera ku masoko atandukanye tutagombye guhendwa n’ingendo. Byadufasha kongera inyungu no kwagura ibikorwa byacu.”

Abaturage bagaragaza kandi ko ikibazo cy’umuhanda kijyana n’ingendo rusange nke, kuko hari aho usanga hakorera kompanyi imwe gusa, bigatuma ibiciro by’ingendo bizamuka. Basaba ko imihanda yanozwa, bikorohereza n’amasosiyete atwara abagenzi gukorera muri ako Karere.

Guverineri w’Intara y’Amajyaruguru, Mugabowagahunde Maurice, avuga ko icyifuzo iki gitekerezo cy’abaturage ari icy’ingenzi kandi cyubaka, ashimangira ko imihanda ari inkingi y’iterambere ry’Uturere, ariko ko hari gutekerezwa uburyo imihanda ihuza Uturere mu Ntara y’amajyaruguru yakubakwa.

Yagize ati: “Icyifuzo cy’abaturage kirumvikana kandi kirubaka. Imihanda ni umusingi w’iterambere kuko yorohereza ubuhahirane, igafasha abaturage kubona serivisi no kuzamura imibereho. Uyu muhanda uhuza Burera na Gicumbi uri muri gahunda yo kuzakorwa uko amikoro azagenda aboneka.”

Yabasabye kujya bakora umuganda bagamije kubungabunga imihanda bafite kugeza ubu kuko Igihugu cyacu amahame yacyo ashingiye ko umuturage aza ku isonga mu miyoborere imuganisha ku mibereho myiza yuje iterambere n’umutekano.

Yakomeje avuga ko muri iki gihe Uturere turi gutegura no kuvugurura ingamba z’iterambere ry’igihe cy’imyaka itanu, kandi ko imihanda ifite akamaro ku baturage izashyirwa mu by’ingenzi bizitabwaho hakurikijwe ubushobozi buhari.

Yijeje abaturage ko ubuyobozi buzakomeza gukora ubuvugizi kugira ngo iki gitekerezo gishyirwe mu bikorwa, kandi asaba abaturage gukomeza gutanga ibitekerezo byubaka bigamije guteza imbere Akarere.

Abaturage bo mu Karere ka Burera bavuga ko gukorwa k’umuhanda ubahuza n’abanyagicumbi byihutisha iterambere, bikazamura ubuhahirane n’imibereho myiza, kandi bikabafasha kubona serivisi zibegereye ku giciro kiboroheye.

# Kayonza: Imyumbati bise “Nsizebashonje” yafashije abagore guhangana n’amapfa

HITIMANA Servand

***Abagore bo mu Murenge wa Ndego, Akarere ka Kayonza bakorera ubuhinzi mu Kagari ka Kiyovu ahitwa i Gasabo, baravuga imyato imbuto nshya y’imyumbati yera vuba bise “Nsizebashonje”, kuko ikomeje kubafasha guhangana ibihe by’amapfa byatewe n’izuba ryinshi bahuye na ryo.***

Aba bagore bibumbiye muri Koperative “Tinyuka Mugore Urashoboye”, aho bakora ubuhinzi bagamije kongera ibiribwa no kwiteza imbere, bavuga ko mu gihe ubuhinzi bwabo bwagiye bukomwa mu nkokora n’izuba ryibasiye Umurenge wabo, bahisemo guhinga imbuto y’imyumbati y’indobanure yera vuba, byanatumye bayiha akazina ka “Nsizebashonje.”

Iyi myunbati ngo yababereye igisubizo kuko yera vuba ikaba bagatangira kubona iyo bafungura mu ngo zabo kandi bagasagurira n’amasoko bakabona n’amafaranga.

Mukamurenzi Marie Jeanne, umwe mu bagize iyo koperative, agira ati: “Nkuko mwagiye mubyumva inaha twahuye n’izuba ryinshi twahinga ntitweze aho byatugizeho ingaruka zirimo no kubura ibiribwa bihagije. Mu gushaka uko duhangana n’iki kibazo abagore tubana muri iyi koperative twiyemeje guhinga iyo myumbati ishobora kwihanganira kubona imvura nke kandi ikera ndetse vuba. Ikindi ni uko yera vuba bityo igatabara uwari ushonje.”

Yongeraho ati: “Iyi mbuto twayihawe n’inzego z’ubuhinzi zirimo umushinga wa KIIWP. Iyi myumbati ni ibiryo kandi ni n’amafaranga. Mu gihe twahinze myinshi ishobora kudutunga ndetse tukanayigurisha hanyuma amafaranga tubonyemo akadufasha kubona ibindi dukeneye mu miryango yacu ari na ko tuzigamira kuzakora indi mishinga iduteza imbere.”

Uretse kugurisha imyumbati iribwa, aba bagore bavuga ko banungukira mu kugurisha ibiti byayo kuko ari imbuto ku

KOMEZA KU RUP.30

# Ubusizi kimwe mu bimenyetso by'iterambere ry'ubuhanzi mu Rwanda

MUTETERAZINA Shifah

***Iyo havuzwe iterambere ry'ubuhanzi abenshi bumva bishobora kuba ari politiki cyangwa amakabyankuru ariko abakurikiranira hafi iby'imyidagaduro bazi neza ko hari bumwe mu buhanzi burimo n'ubusizi bwamaze igihe butitabwaho hakaba hari n'ubwo bugaragara mu gihe runaka gusa.***



Ubusizi bwatangiye gukorwa kinyamwuga ndetse butangiye kwifashishwa mu bukerarugendo bushingiye ku buhanzi

Muri iyi nkuru Imvaho Nshya yabateguriye bimwe mu byaranze urugendo rw'inganzo y'ubusizi ruhera ku mateka yabwo, agaciro bwari bufite uko bwagatakaje n'uburyo bwongeye kuzanzamuka kugeza aho butangiye gutanga icyizere cy'uko bwatanga akazi ku bantu babukora. Ubusanzwe ubusizi, ni icyiciro cy'ubuvanganzo cyari kigenewe gusingiza Umwami n'abo mu muryango we, ndetse n'Ingoma Kalinga yari ikimenyetso cy'ubwami.

Ubuvanganzo bwatangiye ku ngoma ya Ruganzu Ndoli ahasaga mu 1510, butangijwe n'umugore witwaga Nyiraruganzu Nyirarumaga, akaba yari umugabekazi wa Ruganzu.

Bugitangira bwarangwaga n'imivugo migufi ifite intondeke 10 cyangwa se 20 kandi yerekeje ku mwami. Iyo mivugo yitwaga 'Ibinyeto'. Mbere abahanzi b'ibimenyetso bitwaga “Abenge”. Aho ibinyeto bihindukiye “Ibisigo nyabami” ubwo wa mwengekazi w'umusingakazi atangiza ubwo buryo bushya, bitwa Abasizi.

Abandi Benge bahise bamukurikiza maze kuva icyo gihe bahabwa agaciro i bwami kandi akaba ari na bo babagenga. Abasizi bashyize hamwe, bakagira gahunda y'uko bazajya batura umwami ibisigo ibumbiye hamwe abanyenganzo b'ibisigo bose. Abasizi nta kindi basabwaga gukora uretse gusiga (guhimba).

Ibisigo byabaga bibumbatiye amakuru akomeye cyane y'ubwami, ubutegetsi ndetse n'imibereho ya buri munsi y'abanyarwanda n'igihugu muri rusange.

## Ni iki cyakomye mu nkokora ubusizi mu Rwanda?

Mu gihe cy'ubukoloni, ubusizi bwatangiye kugenda bucika intege, abakoloni b'Abadage n'Ababiligi bazanye imico mishya, indimi z'amahanga nk'Igifaransa n'Ikidage zitangira gusimbura ururimi rw'Ikinyarwanda mu nzego zimwe na zimwe. Ibi byatumye ubusizi gakondo butitabwaho cyane, cyane cyane mu mashuri mashya yashyizweho n'abakoloni. Ubusizi bwasigaye i Bwami gusa.



Ubusizi bwongeye kuba umuyoboro mwiza wo gutanga ubutumwa no mu bakiri bato

Nyuma y'Ubwigenge mu 1962, ubusizi bwakomeje kubaho ariko bugenda butakaza agaciro mu rubyiruko, bitewe n'iterambere ry'itangazamakuru, indirimbo zigezweho, n'indi myidagaduro mishya. Abantu batangiye guhitamo uburyo bushya bwo kwidagadura no gutanga ibitekerezo, ubusizi bukaguma inyuma ugereranyije no kuririmba no gukina filimi.

Ibyo byarushijeho gukomera nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, aho Igihugu cyari gitangiye urugendo rwo gusana imitima, bwagize ingaruka ku muco n'ubuvanganzo muri rusange. Mu gihe cyo kongera kubaka Igihugu, hibanzwe cyane ku iterambere ry'ubukungu n'imibereho myiza, ubusizi ntibwahabwa umwanya uhagije nk'uko byahoze.

Nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, u Rwanda rwagiye rwiyubaka mu bintu bitandukanye kugeza n'aho urwego rw'imyidagaduro rwatangiye kuzahuka, ariko ubusizi busigara inyuma ku buryo uwabaga afite iyo mpano yitabazwaga ari uko hari ibirori bidasanzwe cyangwa hari amarushanwa yabaye.

## Ubusizi bwongeye kwigarurira imitima y'Abanyarwanda

Hari umugani w'ikinyarwanda uvuga ngo mbere yo kugaya inkongoro uzarebe uwo yareze, bivuze ko nushaka kureba iterambere ry'ubuhanzi mu Rwanda wareba ubusizi kuko uretse kuba mu Rwanda hamaze kuba abasizi benshi kandi babikora neza usanga ubwo busizi bwabo bwarabakuye ahantu hamwe bukabujyana ahandi.

Hifashishijwe ingero za bamwe mu basizi bazwi mu Rwanda b'ikiragano gishya bagiye bagaragaza mu biganiro bitandukanye ko ubusizi bwatunga ubukora ndetse bukaba bwanatanga akazi.

Umusizi Tuyisenge Olivier yagize ati “Ubusizi si impano yo kwidagadura gusa, ni umurimo ushobora kubyara inyungu igihe ubukoreye ku rwego rw'umwuga.

Byashimangiwe na Rumaga Junior wagize ati “Nashatse ko ubusizi buba ubuzima bwanjye, si ukubivuga gusa ahubwo no kububyaza umusaruro.”

Umusizi Murekatete we yagize ati: “Umusizi w'iki gihe agomba kureba kure, akamenya ko impano ye ishobora kumubeshaho.”

Ibyo abo basizi bavuze kandi bahuriraho n'abagenzi babo batagarutsweho muri iyi nkuru bishimangirwa n'uburyo bugezweho bakoramo ibisigo byabo ku buryo ababikurikira usanga bibanyura, bityo bagahora basura imbuga zicururizwaho ibihangano byabo kandi uko bikurikirwa ari nako izo mbuga zibabarira amafaranga.

Ibisigo ntibikiri ibyo kuvugwa hari umuhango wabaye ahubwo bisigaye bikorwa nk'ubundi buhanzi bwose aho kugeza ubu abasizi na bo basigaye bakora ibitaramo bamurika imizingo y'ibisigo byabo, burira indege bakajya mu bihugu byo hanze kubera ubusizi bwabo, bitabira amarushanwa mpuzamahanga n'ibindi byari bimenyerewe ku bindi byiciro by'ubuhanzi.

Tariki 8 Mutarama 2026, iterambere ry'ubusizi ryemejwe n'abakunzi babwo, ubwo Junior Rumaga yagiranye amasezerano n'Umuyobozi w'Akarere ka Huye, Sebutege Ange akamuha umusozi wa Kiruri ufatwa nko ku gicumbi cy'abasizi kugira ngo awubyaze umusaruro binyuze muri sosiyete ye “Siga Rwanda.”

Icyo gihe Rumaga yagize ati: “Ndifuza gutanga umusanzu wanjye nk'umuhanzi mu kongera ibyo igihugu cyinjiza binyuze mu bukerarugendo bushingiye ku buhanzi, guhabwa uyu musozi n'igihugu mbifata nko kongera kuduha amahirwe ngo twerekane icyo Imana yaduhaye (Impano yo kurema ibishya no kuvumburira ku bihari.”

Kugeza ubu ubusizi busigaye bufatwa nk'ipfundo ry'ubundi buhanzi, aho tariki 19 Werurwe 2026, ibyamamare byiganjemo abaririmbyi barimo ab'injyana gakondo n'izigezweho, abakinnyi ba filimi, abakora urwenya n'abasizi berekeje mu Karere ka Huye bagiye kuhakorera iserukiramuco ryiswe Siga Art Festival rimaze iminsi itatu harimo gususuruka, gusabana, no kumenya amateka.



Mu byo ubukoroni bwaciye intege harimo ubusizi







# Ishoramari mu muziki w'u Rwanda mu guhanga imirimo no kuzamura ubukungu bw'Igihugu



Tom Close avuga ko umuziki usaba igishoro ngo utunge uwukora

MUTETERAZINA Shifah

***Abakurikiranira hafi iby'umuziki bakunze kwibaza niba umuziki wonyine ushobora gutunga umuhanzi. Ndetse bakibaza ikibura ngo bumve ibindi bikorwa by'umuhanzi runaka by'iterambere bishimangira ko wa muziki koko wagira icyo umarira abawukora nkuko ahandi wumva ko umuhanzi afite ibikorwa bitandukanye bikomeye abikesha umuziki.***

Uretse kureba mu bihugu nka Tanzania, Uganda na Nigeria aho bamwe mu bahanzi baba bafite bimwe mu bikorwa by'itembere byavuzwe haruguru hari n'ibyamamare wumva ko byakennye cyangwa bakagira indwara z'agahinda gakabije kubera kugira izina riruta amafaranga bafite, aho byatumye Imvaho Nshya ishaka amakuru ku bijyanye n'uko umuziki watunga uwukora.

Mu kiganiro kihariye na Dr. Muyombo Thomas uzwi nka Tom Close, umuhanzi umaze imyaka isaga 10 akora umuziki yagaragaje icyo bisaba kugira ngo umuziki utunge abawukora mu Rwanda. Tom Close avuga ko agereranyije n'igihe yatangiriye umuziki ubu yavuga ko umuziki wateye imbere kuko hari impinduka zitandukanye zigaragaramo.

Ati: “Ibintu bitandukanye byateye imbere mu gihugu, n'abakora umuziki ntabwo basigaye inyuma kuko iyo witegereje ubona abawukora bariyongereye, icyo bashoragamo cyariyongereye, n'icyo bakuramo ubu cyariyongereye, hari impinduka nziza ku buryo wavuga ko umuziki wateye imbere mu buryo bugaragara.”

Abajijwe niba umuziki wonyine watunga uwukora, Tom Close yavuze ko hakiri byinshi bikenewe nyuma yo kuba umuntu afite impano yo kuririmba bityo impano ubwayo idahagije ahubwo hari ibindi biba bikenewe kuko impano ubwayo igize 20% mu byo umuhanzi aba akeneye.

Ati:“Umuziki ni kimwe n'ubundi bucuruzi kugira impano yonyine ntabwo byagutunga ariko impano yawe ushoboye kumenya uko uyicuruza byagutunga. N'umuziki ni ubucuruzi bukenera igishoro, bukenera abakozi kuko umuhanzi ntakora wenyine, umuhanzi ucuruza akunguka ibyo byose aba abifite nk'uko n'ibindi bitekerezo by'ubucuruzi byose bikenera igishoro.”

Yongeraho ati: “Umuhanzi ku giti cye siwe ucuruzwa, hacuruzwa ibyo yashyize ku isoko ry'ibihangano, ibyo rero bikenera igishoro. Ukenera amafaranga wishyura uribukore indirimbo, waba ufite impano yo kuririmba ntayo kwandika ugakenera ayo wishyura uri bukwandikire abacuranzi bari bucurangemo byanarangira akenera igishoro cyo kumenyekanisha igihangano, abo bose rero na bo ibyo biba bibatunze.”

Tom Close avuga ko kuba hari abahanzi batandukana n'inzu zibafasha mu gutunganya umuziki (Label) cyangwa ubujyanama bwabo bagahita bazima biterwa n'impamvu zitandukanye bitafatwa nk'uburangare nk'uko abenshi babyumva. Ati: “Nkuko byagaragaye iyo umuhanzi afite byibuze 20% by'impano, birashoboka cyane kuva muri Label kandi ntazime, ariko iyo afite munsi 20% gusa aba ari munsi y'umurongo utukura, bisaba ko azamura akagira nibura 70, 80%, avuye kuri 20 ni 50% ubwo rero bisaba izindi mbaraga zirenze impano yawe.”

Akomeza agira ati: “Umubano hagati y'umuhanzi n'abo bakorana bushingiye ku bucuruzi nubwo nyuma biza kuba ubushuti cyangwa bigakorwa mu kivandimwe. Ibintu bishobora gutangira ari ikivandimwe bashyiramo imbaraga hari aho bagera ntibumvikane, buri wese agakenera inyungu z'ibyo ashyiramo, rero kuba umuhanzi yatandukana n'ubujyanama akazima biterwa n'impamvu nyinshi.”

Tom Close avuga ko nubwo hagikenewe ko abashora mu muziki bakwiyongera ariko hari ibyo kwishimira byagiye bigerwaho mu muziki nyarwanda abirebesha amaso ye, mu byo agarukaho nk'ingero harimo ubwiyongere bw'abatunganya umuziki yaba amashusho cyangwa amajwi, uburyo bwo gutegura ibitaramo n'ibindi.

Ati: “Haje ikoranabuhanga kuri ubu ushobora gukora indirimbo wifashishije ubwenge buhangano (AI), abatunganya umuziki bariyongereye n'ubuziranenge bwawo burazamuka, n'uburyo ibitaramo bitegurwa byateye imbere. Ndibuka kera umuhanzi witwa Lucky Dube yigeze kuza mu Rwanda mu itangazo ryamwamamazaga baravugaga ngo araza yitwaje Toni y'ibikoresho ariko ndakeka abahanzi basigaye baza batabyikoreye.”

Uretse Tom Close ugaragaza ko umuziki ugikeneye gushorwamo, Bruce Melodie na we aherutse kugaragaza ko umuziki witaweho na wo wagira icyo winjiriza Igihugu. Ibi yabigarutseho tariki 06 Gashyantare 2026, ubwo yari mu kiganiro cyatambutse mu Nama y'Igihugu y'Umushyikirano wateranye ku nshuro ya 20.

Icyo gihe yagize ati: “Umuziki ni umurimo uhanga indi mirimo, abantu bagenda babisobanukirwa abafana bariyongera, nshimira n'abahanzi babitangiye kuko umuziki waragiye urakura kugeza ubu hari uruhare rw'ubuhanzi ku musaruro mbumbe w'Igihugu rusaga 5%.”

Mu mvugo irimo gutebya yagize ati: “Buriya twebwe ni twe 'Ngagi' umuziki winjiza mu madovize, umuziki wambuka umupaka nta viza, upfa kuba ufite murandasi. Iyo nasohoye indirimbo urambona kandi n'ibitaramo dutumirwamo hanze y'Igihugu twishyurwa mu madovize.”

Yakomeje agira ati: “Ni ukuvuga ngo ni uruganda ntekereza ko rwitaweho rukanongerwa mu bukerarugendo, ubuhanzi bwakurura abantu benshi, icyo turagisaba kandi turabasezeranya ko tuzabikora neza abitabiriye bakajya banyurwa.”

Leta y'u Rwanda ibinyujije muri gahunda y'iterambere y'imyaka itanu, iteganya ko hazahangwa imirimo miliyoni 1,25 mu myaka itanu, ni ukuvuga 250,000 buri mwaka binyuze mu buhanzi n'imyidagaduro gusa.



Umuziki umaze gutera imbere kuko no kuwutunganya byateye imbere

Imvaho Nshya
# Siporo



Nº 5169 TARIKI WERURWE 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

# Ibyo wamenya ku mikino ya "FIFA Series 2026" itegerejwe i Kigali

**SHEMA Ivan**

***Ku nshuro ya mbere, u Rwanda rugiye kwakira irushanwa ry'imikino ya gishuti rizahuza ibihugu umunani, "FIFA Series 2026", ryateguwe n'Ishyirahamwe ry'Umupira w'Amaguru ku Isi (FIFA), guhera tariki ya 26 kugeza ku ya 30 Werurwe 2026.***



Amavubi azakina umukino wa mbere na Grenanda ku wa 27 Werurwe 2026

Muri iyi nkuru, Imvaho Nshya iragaruka ku byo wamenya kuri iri rushanwa rigiye gukinwa ku nshuro ya kabiri nyuma y'irya mbere ryabaye muri Werurwe 2024.

FIFA Series ni irushanwa ryatekerejwe na FIFA ku wa 16 Ukuboza 2022, mu rwego rwo guha ibihugu binyuranye amahirwe yo gukina imikino n'ibindi bihugu bidasanzwe bihura.

Ni irushanwa ryemejwe na Perezida wa FIFA, Gianni Infantino, ubwo yari amaze kongera gutorerwa manda ya kabiri ari na yo ya nyuma kuri we mu Nama ya 73 ya FIFA yabereye muri BK Arena i Kigali ku wa 16 Werurwe 2023.

Iyo mikino ya gishuti izahuza amakipe y'ibihugu y'abagabo n'abagore yo ku migabane itandukanye, ni imwe muri gahunda za FIFA za 2023-2027, zikubiyemo kuzamura imikino ku rwego rw'Isi.

Ku nshuro ya mbere mu 2024 ryabereye mu bihugu birimo Algeria, Azerbaijan, Misiri, Arabie Saoudite (yakiriye amatsinda abiri) na Sri Lanka, ryitabirwa n'amakipe y'abagabo gusa, rikinwa kuva tariki ya 18 kugeza ku ya 24 Werurwe aho ryabereye mu bihugu 6, rikitabirwa n'ibihugu 24.

Nyuma yo kubona ko ryagenze neza, muri Gicurasi 2024, FIFA yahise itangaza ko mu 2026 rizongera kuba rikakirwa n'ibihugu umunani mu gihe iry'abagore rizaba bwa mbere rikabera mu bihugu bitatu.

Mu bagabo rizabera muri Australia, Azerbaijan, Indonesia, Kazakhstan, Nouvelle-Zélande, Puerto Rico, Uzbekistan n'u Rwanda rufite umwihariko wo kwakira amatsinda abiri ugereranyije n'ibindi bihugu.

Ni mu gihe mu bagore, iri rushanwa rizakinwa bwa mbere rizitabirwa n'ibihugu 12, rikinirwe muri Brésil, Côte d'Ivoire na Thaïlande.

**Kuki u Rwanda rwahawe kwakira amatsinda abiri ya FIFA Series 2026?**

Ku wa 18 Ukwakira 2024, FIFA yasabye amashyirahamwe ayigize kwakira cyangwa kwitabira irushanwa rya 2026.

Ku ikubitiro ibihugu 9 birimo u Rwanda Australia, Azerbaijan, Indonesia, Kazakhstan, Ibirwa bya Maurice, Puerto Rico ni byo byasabye mu gihe Nouvélle-Zelande yiyongereyemo nyuma.

Gusa Ibirwa bya Maurice byaje kwikuramo nyuma kuko bizakina ijonjora ry'ibanze ryo gushaka itike y'Igikombe cya Afurika cya 2027 muri iyi Werurwe.

Ibyo byatumye itsinda ryari gukinira mu Birwa bya Maurice ryimurirwa mu Rwanda, rugira amatsinda abiri kuko na rwo rwari rufite iryo ruzakira.

Perezida wa FERWAFA, Shema Ngoga Fabrice, aherutse kubwira itangazamakuru ko imyiteguro y'imikino ya gishuti irimo kugenda neza, asaba kuzitabira ari benshi.

Ati: "imyiteguro igeze kure dufatanyije n'izindi nzego. Turahamagarira Abanyarwanda kuza gushyigikira amakipe no kwerekana ko dukunda ruhago."

Imikino izabera i Kigali igabanyije mu matsinda abiri arimo iry'u Rwanda, Kenya, Estonia na Grenada, rizakinira kuri Stade Amahoro n'irya Tanzania, Aruba, Macau na Liechtenstein, rizakinira kuri Kigali Pelé Stadium.

Nubwo ibihugu biri mu matsinda, buri kipe izakinamo umukino umwe mu buryo bumeze nka 1/2.

U Rwanda ruzakina na Grenada Kenya ihure na Estonia mu gihe Aruba izahura na Macau naho Tanzania igakina na Liechtenstein

Ibihugu bizatsinda imikino yabyo ya mbere mu itsinda, bizakomeza ku gisa n'umukino wa nyuma naho ibyatsinzwe bihatanire umwanya wa 3.




Uko amakipe azahura mu itsinda A ririmo Amavubi y'u Rwanda